# RAPORO Y'IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI 2010-2011

Kigali, Nzeli 2011

# AMASHAKIRO


RAPORO Y'IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI 2010-2011............................1
IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE..........................................................7
IJAMBO RY'IBANZE.............................................................................................9
IRIBURIRO........................................................................................................11
1. GUKURIKIRANA NO KURWANYA AKARENGANE...........................................14
1.1. GUTEGURA NO GUSAKAZA IMFASHANYIGISHO.........................................14
1.2. AMAHUGURWA YATEGURIWE IBYICIRO BITANDUKANYE BY'ABATURARWANDA.14
1.2.1. Amahugurwa ku baturage bo mu tugari..................................................14
1.2.2. Amahugurwa y'abaturarwanda bo mu bindi byiciro..................................15
1.2.3. Gutangiza "Anti- corruption clubs" mu mashuri........................................18
1.3. KWAKIRA NO GUKURIKIRANA IBIBAZO BY'AKARENGANE..........................20
1.3.1. Ibibazo byatanzwe n'abaturage ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi ...........20
1.3.2.Ibibazo byatanzwe muri gahunda yo gusura abaturage mu turere batuyemo...25
1.4. IBIBAZO RUSANGE.........................................................................................29
1.5. IBIBAZO BYIHARIYE.......................................................................................29
1.6. GUFUNGURA CYBER-CAFES...........................................................................31
1.7. GUFUNGURIRA "E-MAIL" ABATURAGE BAGANA URWEGO RW'UMUVUNYI.....33
2. GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NA YO.......35
2.1. ISUZUMAMIKORERE RY'INZEGO N'IBIGO BYA LETA..................................35
2.1.1. Minisiteri y'Urubyiruko (MINIYOUTH) .......................................................35
2.1.2. Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF)............36
2.1.3. Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (NUR)............................................................37
2.1.4. Ishuri Rikuru Nderabarezi rya Kigali (KIE)..................................................37
2.1.5. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Inzego z'Ubuyobozi (RIAM).........38
2.1.6. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Inguzanyo ku Banyeshuri b'Abanyarwanda Biga mu Mashuri Makuru no Gucunga Buruse (SFAR).............................................39
2.1.7. Ikigega Rusange Gitsura Amajyambere y'Uturere n'Umujyi wa Kigali (CDF).....39
2.1.8. Ibitaro bya Munini.........................................................................................41
2.1.9. Ibitaro bya Kilinda.........................................................................................41
2.1.10. Ibitaro bya Murunda.....................................................................................42
2.1.11. Ibitaro bya Nyamata.....................................................................................43
2.1.12. Ibitaro bya Muhororo ...................................................................................43
2.1.13. Ikigo Nderabuzima cya Jenda.......................................................................44
2.2. IGENZURA RYA GAHUNDA ZA LETA.............................................................45
2.2.1. Igenzura rya gahunda y'ubudehe.................................................................45
2.2.2. Igenzura rya gahunda y'icyerekezo 2020 Umurenge (VUP)..........................51
2.2.3. Igenzura rya gahunda y'ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de santé).......63
2.3. UBUSHAKASHATSI MU MABANKI..................................................................67

2.4. ICYUMWERU CYAHARIWE KURWANYA RUSWA..........................................69
2.5. KWAKIRA NO GUKURIKIRANA AMADOSIYE AVUGWAMO RUSWA...............70
2.5.1. Ibibazo byagaragaye mu iyimurwa ry'abaturage ahubakwa urugomero rw'amashyanyarazi rwa Nyabarongo............................................................70
2.5.2. Ibindi bibazo bivugwamo ruswa...........................................................73
2.6. UBUNYAMABANGA BW' INAMA Y'IGIHUGU NGISHWANAMA YO KURWANYA R USWA..................................................................................................75
2.6.1. Amahugurwa y'abagize Inama y'Igihugu Ngishwanama y'Akarere yo kurwan-ya ruswa......................................................................................................75
2.6.2. Inama y'Igihugu Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa................................75
2.6.3. Akanama k'Abatekinisiye ko kurwanya ruswa.........................................75
2.7. KUGENZURA UKO INAMA ZATANZWE N'URWEGO RW'UMUVUNYI ZASHY-IZWE MU BIKORWA...........................................................................76
2.8.GUKURIKIRANA IBIBAZO BYIHARIYE BYA RUSWA.....................................77
2.8.1. Gusesengura imanza za ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo....................77
2.8.2. Gutegura imfashanyigisho yo gukumira no kurwanya iyezandonke............78
2.8.3. Gutegura inyandiko ngenderwaho mu gukora iperereza............................78
3. KUMENYEKANISHA UMUTUNGO...........................................................79
3.1. KWAKIRA IMENYEKANISHAMUTUNGO ..................................................79
3.2. GUKORA IGENZURA KU NKOMOKO Y'IMITUNGO.......................................82
3.3. IPEREREZA KU NKOMOKO Y'IMITUNGO..................................................83
4. KUGENZURA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI..................................................84
4.1. AMADOSIYE N'IBYICIRO BY'ABAYOBOZI BAREBWA NAYO URWEGO RW'UMUVUNYI RWAKIRIYE.................................................................84
4.1.1. Abayobozi Bakuru mu Nzego za Leta.......................................................84
4.1.2. Abayobozi b'Uturere..............................................................................86
4.1.3. Abayobozi b'ibigo bya Leta.....................................................................86
4.1.4. Abayobozi mu nkiko...............................................................................87
4.2. IGENZURA RY'IYUBAHIRIZWA RY'ITEGEKO-NGENGA NO 61/2008 RYO KUWA 10/09/2008 RIGENA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI MU NZEGO ZA LETA............88
5.1. IMIBANIRE Y'URWEGO RW'UMUVUNYI N'IZINDI NZEGO...........................90
5.2. INAMA N'AMAHUGURWA.......................................................................91
5.3. INGENGO Y'IMARI N'IBIKORESHO..........................................................98
6. INGORANE N'IBYIFUZO........................................................................101
6.1. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE.............................................101
6.2. GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'IBINDI BYAHA BIFITANYE ISANO NA YO....101
6.3. KUMENYEKANISHA UMUTUNGO...........................................................101
6.4. KUGENZURA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI..............................................101
UMWANZURO .........................................................................................102

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

IMBONERAHAMWE N◦ 1: IBYICIRO BYAHUGUWE N'IBIGANIRO BYATANZWE.....17
IMBONERAHAMWE N◦ 2: IBIGO BY'AMASHURI BYATANGIJWEMO "ANTI- COR RUPTION CLUBS".....................................................19
IMBONERAHAMWE N◦ 3: UMUBARE W'IBIBAZO BISHINGIYE KU MYANZURO Y' INKIKO GACACA...................................................21
IMBONERAHAMWE N◦ 4: IBIBAZO BY'AKARENGANE HAKURIKIJWE IBYICIRO BIRIMO.................................................................22
IMBONERAHAMWE N◦ 5: IBIBAZO BYAKIRIWE HATARIMO IBIREBANA N'IMYANZURO Y'INKIKO GACACA...............................23
IMBONERAHAMWE N◦ 6: IBIBAZO BYAJE MU NYANDIKO BIREBA IBIGO..........24
IMBONERAHAMWE N° 7: IBIBAZO BYAKIRIWE MU TURERE.............................27
IMBONERAHAMWE N° 8 : ABATURAGE BAHAWE AMATUNGO...........................46
IMBONERAHAMWE N° 9: ABATURAGE BAHAWE AMAFARANGA .......................47
IMBONERAHAMWE N° 10: IBIKORWA RUSANGE..............................................48
IMBONERAHAMWE N° 11 : AMAFARANGA YAHAWE IMIRYANGO YAFASHIJWE MU NKINGI YA " DIRECT SUPPORT" 2008- 2011"...................................................52
IMBONERAHAMWE N°12: AMAFARANGA YATANZWE N'ABAGURIJWE MURI "FI NANCIAL SERVICES" 2009/11............................................55
IMBONERAHAMWE N° 13: AMAFARANGA YATANZWE N'IBIKORWA BYAKOZWE MU NKINGI YA "PUBLIC WORKS"...........................59
IMBONERAHAMWE N° 14 : ISHUSHO RUSANGE KU MIKORERE YA GAHUNDA Y'UBWISUNGANE MU KWIVUZA KUGEZA MU KWEZI KWA MATA 2011.............64
IMBONERAHAMWE N°15: AMADOSIYE AVUGWAMO RUSWA............................74
IMBONERAHAMWE N° 16: UBURYO INZEGO N'IBIGO BYA LETA BYASHYIZE MU BIKORWA INAMA ZATANZWE N'URWEGO RW'UMUVUNYI.................................73
IMBONERAHAMWE N° 17: UBWITABIRE MU MAHUGURWA KU BURYO BUSHYA BW'IMENYEKANISHAMUTUNGO.............................78
IMBONERAHAMWE N° 18: UBWITABIRE MU GUKORA IMENYEKANISHAMUTUNGO...78
IMBONERAHAMWE N° 19: DOSIYE ZAKEKWAGAMO ICYAHA CY'IGWIZAMUTUNGO RITEMEWE..........................80
IMBONERAHAMWE N° 20: INAMA N'AMAHUGURWA.........................................89
IMBONERAHAMWE N° 21: ABASHYITSI BASUYE URWEGO RW'UMUVUNYI.........94
IMBONERAHAMWE N°22: IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2010-2011.........................................................96
IMBONERAHAMWE N°23: IKORESHWA RY'AMAFARANGA Y'ABATERANKUNGA (UNDP/DFID)..........................................................98

## URUTONDE RW'IBISHUSHANYO

IGISHUSHANYO N◦ 1: AMADOSIYE YA GACACA....................................................21
IGISHUSHANYO N◦ 2: IBIBAZO BY'AKARENGANE HAKURIKIJWE IBYICIRO BIRIMO.........................................................................22
IGISHUSHANYO N◦ 3: IBIBAZO BYAKIRIWE HATARIMO IBIREBANA N'IMYANZURO Y'INKIKO GACACA......................................24
IGISHUSHANYO N◦ 4 : IBIBAZO BIREBA IBIGO.....................................................25
IGISHUSHANYO N◦ 5: IBIBAZO BYAKIRIWE MURI GAHUNDA YO GUSURA ABATURAGE MU TURERE..................................................28
IGISHUSHANYO N°6: DOSIYE ZAKIRIWE ZIVUGWAMO RUSWA............................74
IGISHUSHANYO N°7: UBURYO INAMA ZATANZWE N'URWEGO RW'UMUVUNYI ZASHYIZWE MU BIKORWA.................................................76

## IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE

| | |
|---|---|
| **ADEPR**: | Association des Eglises de Pentecôtes au Rwanda |
| **A.F.D.B :** | African Development Bank |
| **APE** : | Association des Parents pour la Promotion de l'Education |
| **ARV** : | Anti-Rétroviral |
| **BCR**: | Banque Commerciale du Rwanda |
| **BK:** | Bank of Kigali |
| **BPR:** | Banque Populaire du Rwanda |
| **BRD:** | Banque Rwandaise de Développement |
| **CDF:** | Common Development Fund |
| **CHUB:** | Centre Hospitalier Universitaire de Butare |
| **CID** : | Criminal Investigation Department |
| **COOJAD:** | Coopérative de la Jeunesse pour l'auto-emploi et le developpement |
| **DFID**: | Department for International Development |
| **EAAACA :** | East African Association of Anti Corruption Authorities |
| **EAC :** | East African Community |
| **EAR**: | Eglise Anglicane au Rwanda |
| **EDPRS:** | Economic Development and Poverty Reduction Strategy |
| **EPR** : | Eglise Presbytérienne au Rwanda |
| **ESPANYA:** | Ecole Secondaire des Parents de Nyanza |
| **ESI :** | Ecole Secondaire Inférieure |
| **EWSA:** | Energy, Water and Sanitation Authority |
| **FARG:** | Fonds d' Assistance aux Rescapés du Génocide |
| **FATF**: | Financial Action Task Force |
| **FHI**: | Family Health International |
| **GS**: | Groupe Scolaire |
| **GTZ:** | Deutsche Gesellschaft fűr Internationale Zusammernarbeit |
| **HIMO:** | Haute Intensité de Main d'œuvre |
| **HIV/AIDS:** | Human Immunodeficiency Virus/Acquired Immunodeficiency Syndrome |
| **ICT :** | Information and Communication Technology |
| **INES:** | Institut d'Enseignement Supérieur |
| **IRST:** | Institut de Recherche Scientifique et Technologique |
| **KCB:** | Kenya Commercial Bank |
| **KIE**: | Kigali Institute of Education |
| **MIGEPROF**: | Ministry of Gender and Family Promotion |

**MIJESPOC :** Ministère de la Jeunesse, Sports et Culture

**MINADEF**: Ministry of Defense

**MINALOC:** Ministry of Local Government

**MINECOFIN :** Ministry of Finance and Economic Planning

**MINIJUST** : Ministy of Justice

**MININFRA**: Ministry of Infrastructure

**MINISANTE**: Ministère de la Santé

**MOH:** Ministry of Health

**NEC:** National Electoral Commission

**NGOs**: Non- Governmental Organizations

**NPPA**: National Public Prosecution Authority

**NUR**: National University of Rwanda

**NURC:** National Unit and Reconciliation Commission

**NWC:** National Women Council

**OCIR –CAFE:** Office des Cultures Industrielles du Rwanda/ Café

**OCIR -THE:** Office des Cultures Industrielles du Rwanda/ Thé

**OECD :** Oraganisation for Economic co-operation and Development

**PBF**: Performance Based Financing

**PhD**: Doctorate of Philosophy (Philosophiae Doctor)

**RAMA:** La Rwandaise d'Assurance Maladie

**RBS:** Rwanda Bureau of Standards

**REMA**: Rwanda Environment Management Authority

**RIAM**: Rwanda Institute of Administration and Management

**RNYC:** Rwanda National Youth Council

**SACCO**: Saving and Credit Cooperative

**SFAR:** Student Financing Agency for Rwanda

**SNJG**: Service National des Juridiction Gacaca

**SSFR**: Social Security Fund of Rwanda

**SSS**: Senior Secondary School

**TIG:** Travaux d'Intêret Général

**UNCAC**: United Nations Convention against Corruption

**UNDP**: United Nations Development Program

**UNODC:** United Nations Office on Drugs and Crime

**VUP**: Vision 2020 "Umurenge" Program

## IJAMBO RY'IBANZE



***Umuvunyi Mukuru TITO RUTAREMARA***

Urwego rw'Umuvunyi rwashyizweho na Guverinoma y'u Rwanda muri gahunda yo guteza imbere imiyoborere myiza mu Gihugu. Imiyoborere myiza ni intego Igihugu cyiyemeje kugeraho, ikaba ishamikiye ku nkingi ya mbere y'Icyerekezo 2020 ariyo «Ubuyobozi bwiza na Leta ifite ubushobozi». Kubaha amategeko no guharanira uburenganzira bwa muntu ni bumwe mu buryo bwo kugera ku miyoborere myiza.

Mu mikorere yarwo, Urwego rw'Umuvunyi ruhuza abaturage n'inzego z'ubuyobozi rugamije gushakira ibisubizo ibibazo barugejejeho. Inzego zifite inshingano yo kwakira neza abazigana no kubakemurira ibibazo nta kiguzi basabwe. Urwego rw'Umuvunyi rushyira ingufu mu guteza imbere ubuyobozi bwiza mu Gihugu hibandwa cyane cyane ku gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo kuko rukora isuzumamikorere ry'inzego na gahunda bya Leta kandi rukagenzura imyitwarire y'abayobozi. Abayobozi n'abandi bose bagenwa n'itegeko bagomba gushyikiriza buri mwaka Urwego rw'Umuvunyi inyandiko zigaragaza umutungo wabo. Ibi bikorwa

bigamije gushimangira imicungire myiza y'umutungo wa Leta ugomba gukoreshwa mu nyungu rusange.

Nk'uko bizwi ko ruswa imunga imiyoborere myiza, Urwego rw'Umuvunyi rufite ububasha bwo gukora iperereza kuri icyo cyaha no gushyikiriza inzego z'ubutabera abakekwaho icyo cyaha. Gukurikirana no guhana icyaha cya ruswa bikorwa hashingiwe ku mategeko ariho. Urwego rw'Umuvunyi rugira inama inzego zitandukanye hagamijwe kunoza imikorere yazo kugira ngo zitange serivisi nziza kandi zihuse. Ibyo ubuyobozi bukora bigomba gushingira ku nyungu z'abaturage. Niyo mpamvu abaturage nabo bashishikarizwa kugira uruhare mu bibakorerwa.

Mu mwaka wa 2010-2011 Urwego rw'Umuvunyi rwageze ku bikorwa byinshi, kandi byose bigamije guteza imbere imiyoborere myiza mu Rwanda. Urwego rurashimira inzego za Leta, izigenga, abanyarwanda n'abandi bose barufashije kugera ku nshingano zarwo.

Tito RUTAREMARA
Umuvunyi Mukuru

## IRIBURIRO

Hashingiwe ku ngingo ya 3 y'Itegeko n◦ 17/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n◦25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano zikurikira:

1. Guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga;
2. Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego za Leta n'izigenga ;
3. Kwakira no gusuzuma ibirego by'abantu ku giti cyabo n'iby'amashyirahamwe yigenga byerekeye ibikorwa by'abakozi ba Leta, iby'inzego zayo n'iby'abikorera ku giti cyabo, no gukangurira abo bakozi n'izo nzego gushakira umuti ibyo bibazo iyo rusanze bifite ishingiro;
4. Kwakira, kubika no gukurikirana buri mwaka inyandiko zigaragaza imitungo nyakuri y'abayobozi b'Igihugu kuva ku rwego rwo hejuru kugera ku rwo hasi n'abandi bakozi bateganywa n'Itegeko;
5. Kugira inama Guverinoma n'izindi nzego z'imirimo bireba mu gushimangira no kunoza politiki yazo yo gukumira, kurwanya no guhana akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;
6. Gukurikirana uko politiki yo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ishyirwa mu bikorwa n'inzego za Leta n'izigenga;
7. Gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko yerekeye imyitwarire y'abanyapolitiki n'abayobozi;
8. Gukangurira abaturage kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo muri rusange no guhugura abakozi b'inzego z'imirimo ari mu bigo bya Leta, mu bigo n'imiryango bitagengwa na Leta;
9. Gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu na ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo n'ibihano bahawe;
10. Kugira uruhare mu guteza imbere ubuyobozi bwiza mu nzego zose, rwerekana ko imikorere n'imikoranire y'inzego idatunganye, bitewe n'uko inyuranyije n'amategeko, n'inshingano za buri rwego cyangwa n'imigambi rusange ya Leta, cyangwa ifite ingaruka mbi ku baturage;
11. Gukangurira abaturage gufatanya n'inzego za Leta n'izabikorera ku giti cyabo kubaka igihugu no kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiye ku karengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;
12. Kugira inama inzego za Leta cyangwa iz'abikorera ku giti cyabo kugira ngo imikorere y'ubuyobozi irusheho kunogera abaturage;
13. Gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko ishinga amategeko porogaramu na raporo z'ibikorwa byarwo no guha kopi izindi nzego za Leta ziteganywa n'itegeko.

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abaturage bo mu Tugari dutandukanye. Hahuguwe kandi abagize "anti- corruption clubs" mu mashuri, urubyiruko ruturutse mu Turere twose, abahagarariye amadini, abahagarariye imiryango n'amashyirahamwe ategamiye kuri Leta, Itorero ry'abanyeshuri, Inama y'Igihugu y'abagore, abarimu n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru, abanyamabanga nshingwabikorwa b'Utugari, abakozi ba Leta, abamotari, abapolisi bashinzwe kubungabunga umutekano wo mu muhanda, abanyeshuri bo muri Kaminuza y'u Rwanda bibumbiye muri Bugesera anti-corruption association, abagize 'Local Defense Forces' bo mu Karere ka Huye n'abanyamakuru.

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi ibibazo by'akarengane bigera ku 4,994. Muri ibyo bibazo 3,286 byararangiye, 996 byashyikirijwe izindi nzego naho 712 biracyakurikiranwa. Hakiriwe nanone ibibazo 1,346 bijyanye n'imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca, 791 byoherejwe ku rwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, naho 555 biracyasuzumwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Muri uyu mwaka hashyizwe imbaraga mu gushishikariza abaturarwanda gukoresha ikoranabuhanga hashyirwaho "cyber-cafés" mu bice bitandukanye ndetse abagana Urwego rw'Umuvunyi bafungurirwa aderesi ya interineti (e-mail adresses).

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya ruswa, hakozwe isuzumamikorere ry'inzego n'ibigo bya Leta 13: Minisiteri y'Urubyiruko, Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Kaminuza y'u Rwanda, Ishuri Nderabarezi rya Kigali (KIE), Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Inzego z'Ubuyobozi (RIAM), Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Inguzanyo ku Banyeshuri b'Abanyarwanda Biga mu Mashuri Makuru no Gucunga Buruse (SFAR), Ikigega Rusange Gitsura Amajyambere y'Uturere n'Umujyi wa Kigali (CDF), Ibitaro bya Munini, Ibitaro bya Kirinda, Ibitaro bya Murunda, Ibitaro bya Nyamata, Ibitaro bya Muhororo n'ikigo Nderabuzima cya Jenda.

Urwego rw'Umuvunyi rwagenzuye kandi uko gahunda za Leta zishyirwa mu bikorwa. Hagenzuwe gahunda y'Ubudehe, gahunda y'Icyerekezo 2020 Umurenge (VUP Umurenge), gahunda y'Ubwisungane mu Kwivuza (Mutuelle de Santé) ; rwakiriye kandi rukurikirana ibibazo 65 bivugwamo ibyaha bya ruswa n'ibifitanye isano na yo ; runakurikirana by'umwihariko ikibazo kirebana n'iyimurwa ry'abaturage ahubakwa urugomero rw'amashanyarazi rwa Nyabarongo. Hakozwe n'ubushakashatsi ku buryo amabanki akorera mu Rwanda aha serivisi abaturage. Hakozwe amahugurwa y'abagize Inama Ngishwanama y'Akarere yo Kurwanya Ruswa mu Turere twose, habaye n'inama z'Inama ngishwana y'Igihugu yo kurwanya ruswa.

Urwego rw'Umuvunyi rwagenzuye uko inama rwatanze zashyizwe mu bikorwa muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), OCIR Café, OCIR The, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC), Ibitaro bya Kaminuza bya Butare (CHUB), Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (RNYC), Banki Itsura Amajyambere y'u Rwanda (BRD), Ikigo Gishinzwe Ingufu, Amazi n'Isukura (EWSA), Ikigo cy'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Ikoranabuhanga (IRST), Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) no mu Nama y'Igihugu y'Abagore (NWC).

Mu gikorwa cyo kwakira no gukurikirana inyandiko z'imenyekanishamutungo, z'abayobozi b'Igihugu, Urwego rw'Umuvunyi rwatangije uburyo bushya bwo kugaragaza umutungo hakoreshejwe ikoranabuhanga ryifashisha interineti (online declaration of assets system). Icyo gikorwa cyabanjirijwe n'amahugurwa yari ateganyirijwe abantu 8,416, yitabirwa n'abantu 3,310.

Mu kwakira inyandiko z'imenyekanishamutungo z'abayobozi, abagombaga kumenyekanisha umutungo bari 8,416, abakoze imenyekanishamutungo bakanaryohereza ku gihe ni 6,832, abatarakoresheje system ni 1,584, abakoresheje udutabo twari dusanzwe dukoreshwa ni 9. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze kandi igenzura ku nkomoko y'umutungo w'abantu 1,110.

Mu rwego rwo kugenzura iyubahirizwa ry'itegeko ngenga N° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi bakuru mu nzego za Leta, hashyizweho imiyoboro yo kugeza amakuru ku Rwego rw'Umuvunyi. Hakozwe igenzura ku myitwarire ya ba Minisitiri, Abanyamabanga ba Leta, Abanyamabanga bahoraho n'abayobozi bakuru muri za Minisiteri zose, Abayobozi b'Uturere, Abayobozi Bungirije b'Uturere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Uturere. Hakurikiranywe amadosiye 19 avugwamo imyitwarire inyuranyije n'iryo tegeko ngenga.

Mu rwego rwo gukora iperereza ku bibazo byihariye bya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze isesengura ku itangwa ry'inguzanyo mu mabanki akorera mu Rwanda. Hakozwe kandi isesengura ry'imanza z'abahamwe n'icyaha cya ruswa n'ibifitanye isano na yo mu Nkiko zose zisumbuye n'Urukiko Rukuru n'ingereko zarwo. Urwego rwateguye kandi imfashanyigisho yo gukumira no kurwanya iyezandonke, runategura inyandiko ngenderwaho mu gukora iperereza ku byaha bya ruswa.

Mu gushyira mu bikorwa inshingano zarwo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje amafaranga aturuka mu ngengo y'imari y'Igihugu n'ayo rwahawe n'abaterankunga. Iyi raporo iragaragaza ibyagezweho hakurikijwe gahunda y'ibikorwa 2010-2011, ikanatanga inama zo kunoza imikorere y'inzego n'ibigo bitandukanye.

# 1. GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE

## 1.1. Gutegura no gusakaza imfashanyigisho

Urwego rw'Umuvunyi rwateguye imfashanyigisho zagiye zifashishwa mu gihe cyo guhugura abaturarwanda b'ibyiciro bitandukanye hagamijwe kubakangurira kwanga kurengana, kwirinda kurenganya abandi no gufasha abafite ibyo bavukijwe gusubirana uburenganzira bwabo binyuze mu mategeko. Imfashanyigisho yateguriwe abaturage bo mu Tugari ikubiyemo ibirebana n'akarengane muri rusange, igatandukanya akarengane umuturage ashobora guterwa na mugenzi we n'akarengane ashobora kugirirwa gakomotse ku nzego za Leta n'izigenga. Iyi mfashanyigisho igaragaza kandi uko umuturage yabyitwaramo bitewe n'imiterere y'akarengane yahuye na ko.

Akarengane umuturage yatewe na mugenzi we kaganishwa mu nzego z'ibanze, kakarangirira mu nzego z'ubutabera. Akarengane gakurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi ni akarengane umuturage yatewe n'inzego zitandukanye. Ingingo ya 3 y' Itegeko N° 17/2005 mu gace ka 10° iha Urwego rw'Umuvunyi inshingano yo kugira uruhare mu guteza imbere ubuyobozi bwiza mu nzego zose, rwerekana ko imikorere n'imikoranire y'inzego idatunganye, bitewe n'uko inyuranyije n'amategeko, n'inshingano za buri rwego cyangwa politiki rusange ya Leta ifite ingaruka mbi ku baturage.

Igihe cyose umuturage agiye mu rwego cyangwa mu kigo runaka gusaba serivisi afiteho uburenganzira ntayihabwe uko bikwiye aba yarenganye. Icyo gihe yiyambaza Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo arenganurwe.

Imfashanyigisho zateguriwe ibindi byiciro by'abaturarwanda na zo zivuga muri rusange ku karengane, uburyo kigaragazamo n'ingaruka zako iyo katarwanyijwe uko bikwiye. Ku buryo bw'umwihariko , izo mfashanyigisho zibanda ku ruhare rwa buri cyiciro cyahuguwe mu rugamba rwo guca akarengane.

## 1.2. Amahugurwa yateguriwe ibyiciro bitandukanye by'abaturarwanda

### 1.2.1. Amahugurwa ku baturage bo mu tugari

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye amahugurwa ku baturage rufatanyije n'urubyiruko rwiga muri Kaminuza y'u Rwanda rwibumbiye mu muryango wa DUSAF[1]. Urwego rw'Umuvunyi rwabanje guhugura abo banyeshuri, nyuma yaho na bo bajya guhugura abaturage mu tugari twose tugize uturere icumi (10) abo banyeshuri bakomokamo. Ayo mahugurwa yahawe abaturage ku matariki ya 22-

[1]DUSAF(District University Students Association Forum) ni umuryango w'abanyeshuri uhuje imiryango 30 y'abanyeshuri biga muri Kaminuza y'u Rwanda hakurikijwe Uturere baturukamo

26/11/2010, akaba yari agamije ibi bikurikira :

- Gusobanurira abaturage imiterere, imikorere n'inshingano by'Urwego rw'Umuvunyi;
- Kubasobanurira ububi bw'akarengane na ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo n'aho bigaragarira ndetse n'ikibitera;
- Kubasobanurira ingaruka z'akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na byo;
- Guhindura imyitwarire n'imyumvire y'abaturage ku karengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Ayo mahugurwa yabereye mu Turere dukurikira: Nyagatare, Gatsibo, Bugesera, Musanze, Burera, Rubavu, Nyabihu, Huye, Nyanza na Ruhango. Muri rusange, ayo mahugurwa yitabiriwe n'abaturage 255,617, harimo abagore 127,897 n'abagabo 127,720. Umwihariko w'aya mahugurwa ni uko ari bwo bwa mbere Urwego rw'Umuvunyi rwashoboye guhugura abaturage bo mu tugari tugize uturere icumi bikozwe mu gihe cy'icyumweru kimwe. Abitabiriye iki gikorwa bose basanze ari uburyo bwiza Urwego rw'Umuvunyi rukwiye gukoresha kugira ngo hahugurwe abaturarwanda benshi mu gihe gito.

### 1.1.2. Amahugurwa y'abaturarwanda bo mu bindi byiciro



***Umuvunyi Mukuru ashishikariza abanyamadini ku ruhare rwabo mu kurwanya akarengane na ruswa***

Urwego rw'Umuvunyi rwateguye kandi amahugurwa ku bindi byiciro by'abaturarwanda yabereye ahantu hatandukanye mu Ntara zose no mu Mujyi wa Kigali. Muri ibyo byiciro, twavuga abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru bagize za Anti-

corruption Clubs, abahagarariye amadini, abahagarariye Local Defense Forces, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari, abapolisi bashinzwe kubungabunga umutekano wo mu muhanda, abarimu n'abakozi ba Leta. Ayo mahugurwa yari afite intego yo kugeza ku Banyarwanda mu nzego n'ibyiciro bitandukanye ubutumwa bugamije kwimakaza imiyoborere myiza no kurwanya ruswa n'akarengane. Abahuguwe basabwe kugira ubufatanye mu gushyira mu bikorwa ibyo bahuguwemo no kugira uruhare mu guhugura abo bayobora cyangwa bahuriye ku murimo umwe. Abahuguwe batoranyijwe hakurikijwe uruhare bafite mu kugeza serivisi ku baturage benshi kuko ari umuyoboro wafasha kugeza imiyoborere myiza ku baturage benshi.




***Amahugurwa y'abahagarariye inzego z'urubyiruko***




***Amahugurwa y'abapolisi***

**Imbonerahamwe ikurikira igaragaza uko ayo mahugurwa yatanzwe.**

**Imbonerahamwe n◦ 1: Ibyiciro byahuguwe n'ibiganiro byatanzwe**

| N° | Ibyiciro | Ibiganiro byatanzwe |
|---|---|---|
| 1 | Abagize "Clubs anti-corruption"mu mashuri | - Uruhare rw'umunyeshuri mu gukumira no kurwanya ruswa mu mashuri |
| 2 | Abagize "club anti-corruption" yo muri INES Ruhengeri | - Akarengane na ruswa |
| 3 | Urubyiruko ruturutse mu Turere twose | - Uruhare rw'urubyiruko mu kurwanya ruswa n'akarengane<br>- Uruhare rwa "club anti-corruption" mu kurwanya ruswa |
| 4 | Bugesera Anti-Corruption Association | - Akarengane na ruswa |
| 5 | Abagize "Local Defence Force" bo mu Karere ka Huye | - Akarengane na ruswa |
| 6 | Abahagarariye Eglise Episcopale du Rwanda (EER) Kibungo na Kirehe | - Akarengane na ruswa |
| 7 | Abanyamakuru | - Uruhare rw'abanyamakuru mu kurwanya ruswa n'akarengane |
| 8 | Abanyeshuri bo muri Kaminuza ya Mudende | - Akarengane na ruswa |
| 9 | Abanyeshuri bo muri Kaminuza ya Butare | - Akarengane na ruswa |
| 10 | Itorero ry'abanyeshuri | - Uruhare rw'itorero ry'abanyeshuri mu kurwanya akarengane na ruswa |
| 11 | Inama y'Igihugu y'abagore | - Uruhare rw'umugore mu kurwanya akarengane na ruswa |
| 12 | Abahagarariye amadini n'amatorero | - Imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi<br>- Imiyoborere myiza ishingiye gukumira no kurwanya ruswa |
| 13 | Abarimu n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru | - Uruhare rwabo mu kurwanya akarengane na ruswa, kwiyubaha no kugira imyitwarire myiza. |
| 14 | Abanyamabanga Nshingabikorwa b'Utugari | - Uruhare rwabo mu gukumira, kurwanya akarengane na ruswa no gutanga serivisi nziza. |
| 15 | Amashyirahamwe ategamiye kuri Leta n'Amashyirahamwe yigenga | - Uruhare rwabo mu gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane |
| 16 | Eglise Presbyterienne au Rwanda (EPR) | - Akarengane na ruswa |

| N° | Ibyiciro | Ibiganiro byatanzwe |
|---|---|---|
| 17 | Abakozi ba Leta bakorera mu Turere | - Akarengane na ruswa |
| 18 | Abapasitori ba Diyoseze ya Kibungo | - Uruhare rw'amadini mu kurwanya akarengane na ruswa |
| 19 | Amahugurwa y'abatwara moto | - Inzitizi za ruswa n'akarengane mu gutanga serivisi nziza |
| 20 | Traffic police mu Turere twose | - Kurwanya ruswa n'akarengane |
| 21 | Abarimu n'abanyeshuri bahagarariye Cyber- Cafés muli Rubavu | - Uruhare rwa za Cyber-Cafés mu kurwanya ruswa n'akarengane |
| 22 | Abapadiri bashinzwe ubutabera n'amahoro Arikidiyoseze ya Kigali | - Uruhare rw'amadini mu kurwanya akarengane na ruswa |
| 23 | Amahugurwa ya ADEPR | - Uruhare rw'amadini mu kurwanya ruswa n'akarengane |

**Ibyifuzo byatanzwe n'abahuguwe**

Abahuguwe basabye ko Urwego rw'Umuvunyi rwashyiraho gahunda yo kubafasha guhugura bagenzi babo, rubagezaho udutabo tw'imfashanyigisho duhagije hamwe n'ibikoresho bya ngombwa kugira ngo ayo mahugurwa bazakorera bagenzi babo azashobore kugera ku musaruro ushimishije.

### 1.2.3. Gutangiza "Anti- corruption clubs" mu mashuri

Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abanyeshuri biga mu bigo 76 by'amashuri yisumbuye biri mu Turere dutandukanye n'abiga mu Ishuri Rikuru rya INES Ruhengeri mu rwego rwo gukangurira urwo rubyiruko kugira uruhare mu kurwanya ruswa n'akarengane, kugira imyitwarire myiza, no kwimakaza umuco wo gukunda Igihugu mu bigo by'amashuri barimo. Umwihariko w'aya mahugurwa yakorewe urwo rubyiruko ni uko yarangiye urubyiruko rwahuguwe rusaba ko Urwego rw'Umuvunyi rwagira uruhare mu gutangiza "anti- corruption clubs"zizakorera muri ibyo bigo by'amashuri. Urwego rw'Umuvunyi rwatangije "Anti- corruption clubs" mu bigo by'amashuri bitandukanye biri mu Ntara no mu Turere bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe n◦ 2: Ibigo by'amashuri byatangijwemo "Anti- corruption clubs"**

| INTARA | AKARERE | IBIGO BY'AMASHURI |
|---|---|---|
| INTARA Y'AMAJYARUGURU | MUSANZE | 1. Lycée de Ruhengeri<br>2. APAPE<br>3. ES Muhoza<br>4. GS Musanze<br>5. Nyakinama<br>6. GS Gahinga<br>7. GS Busogo<br>8. Sun Rise High School<br>9. ESIR Ruhengeri |
| | GAKENKE | 1. GS Rwankuba<br>2. ES Cyabingo<br>3. ES Nganzo<br>4. GS Janja<br>5. APAPE Muhondo<br>6. ES Nemba<br>7. GS Kamubuga<br>8. ES Bumba<br>9. GS Mwenda<br>10. ESP APEM |
| | RULINDO | 1.GS Mutara<br>2. ES Gitanda<br>3. ES Remera Mbogo<br>4 GS Rulindo<br>5. ES Gasiza<br>6. ES Giseke<br>7. ES Kinihira<br>8. ES Stella Matutina<br>9. ES Nyamugari<br>10. Collège Urumuri<br>11. Gasiza |
| INTARA Y'AMAJYEPFO | NYANZA | 1. Lycée Nyanza<br>2. GS Hanika<br>3. ETO Nyanza<br>4.ES Peter Secondary School<br>5. Mater Dei<br>6. Collège Christ Roi<br>7. ESPANYA<br>8.GS Louis de Montfort<br>9.Collège Maranatha |

| INTARA | AKARERE | IBIGO BY'AMASHURI |
|---|---|---|
| INTARA Y'IBURASIRAZUBA | NYAGATARE | 1. Nyagatare SS<br>2. Nursing School<br>3. Karangazi SS<br>4. Gabiro High School<br>5. ESI Rurama<br>6. ES Ruhinga<br>7. ESI Gitebe<br>8. GS Gahini<br>9. ES Gahunga |

### 1.3. Kwakira no gukurikirana ibibazo by'akarengane

Urwego rw'Umuvunyi rwakira ibibazo bitandukanye abaturage babonamo akarengane. Ibyo bibazo bishobora kugezwa ku Rwego rw'Umuvunyi ku cyicaro cyarwo hifashishijwe uburyo bw'inyandiko zitandukanye, itumanaho rikoresheje telefoni, harimo n'umurongo wa telefoni 199 utishyurwa cyangwa bigashyikirizwa abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi muri gahunda ihoraho yo gusura abaturage mu Turere batuyemo.

#### 1.3.1. Ibibazo byatanzwe n'abaturage ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi

##### 1.3.1.1 Ibibazo bishingiye ku myanzuro yafashwe n'Inkiko Gacaca

Mu rwego rwo kwakira no gukurikirana ibibazo, Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirijwe ibibazo bishingiye ku myanzuro yafashwe n'Inkiko Gacaca birimo ibibazo by'imanza zijyanye n'imitungo, abavuga ko bahawe ibihano bidahwanye n'ibyaha bakoze, abatarishimiye imyanzuro bafatiwe n'Inkiko Gacaca n'ibindi…

Hashingiwe ku ngingo ya 8 y'itegeko n° 17/2005 ryo ku wa 18/08/2005 ryavuzwe hejuru isobanura ko Urwego rw'Umuvunyi rushobora gushyikiriza inzego bireba ibibazo by'akarengane rwagejejweho kugira ngo abe ari zo zibifataho umwanzuro, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze urutonde rw'ibibazo rwakiriye birebana n'imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca, urwo rutonde rwoherererezwa Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca kugira ngo rubifateho umwanzuro.


Umwihariko w'ibi bibazo ni uko ari byinshi cyane bigereranyijwe n'ibyo mu myaka yashize. Ni yo mpamvu, hashyizweho itsinda rigizwe n'abakozi bahagarariye ibigo n'inzego za Leta zihuriye mu rwego rw'ubutabera hagamijwe gusesengura ishingiro

ry'ibyo bibazo bituruka ku myanzuro y' Inkiko Gacaca abaturage bagejeje ku nzego zitandukanye. Nyuma yo gusesengura ibyo bibazo mu mwiherero, iryo tsinda ryasanze bimwe muri byo bifite ishingiro, hemezwa ko imanza zaciwe zijyanye na byo zongera gusubirwamo. Hakozwe kandi raporo igaragaza umwanzuro wafashwe kuri buri kibazo, urwego rwagejejweho ikibazo rusabwa gusubiza mu nyandiko umuturage wagitanze hashingiwe kuri iyo raporo.

**Imbonerahamwe n◦ 3: Umubare w'ibibazo bishingiye ku myanzuro y'Inkiko Gacaca**

| Amadosiye ku bibazo byo mu Nkiko Gacaca Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye | Amadosiye yohererejwe Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Inkiko Gacaca | Amadosiye agisuzumwa ku Rwego rw'Umuvunyi |
|---|---|---|
| 1,346 | 791 | 555 |

**Igishushanyo n◦ 1: Amadosiye ya Gacaca**





### 1.3.1.2. Ibibazo byakiriwe mu nyandiko hakurikijwe ibyiciro

Urwego rw'Umuvunyi rwakira ibibazo by'akarengane biri mu byiciro bitandukanye. Ibibazo biri mu mbonerahamwe ikurikira ni ibyatanzwe mu nyandiko bene byo bakaba barabishyikirije Urwego rw'Umuvunyi.

**Imbonerahamwe n◦ 4: Ibibazo by'akarengane hakurikijwe ibyiciro birimo**

| N° | Icyiciro | Umubare |
|---|---|---|
| 1. | Imanza zaciwe n'inkiko | 1,361 |
| 2. | Ubutaka | 525 |
| 3. | Ibiri mu nkiko | 426 |
| 4. | Ubutegetsi n'umurimo | 421 |
| 5. | Imitungo itari ubutaka | 373 |
| 6. | Imibereho myiza | 310 |
| 7. | Ibindi | 137 |
| 8. | Ubucuruzi | 48 |
| 9. | Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda | 34 |
| 10. | Ibigo by'ubwishingizi | 9 |
| | **Byose hamwe** | **3,644** |

**Igishushanyo n◦ 2: Ibibazo by'akarengane hakurikijwe ibyiciro birimo**



Mu bibazo 3,644 harimo ibibazo 172 byashyikijwe izindi nzego, Urwego rw'Umuvunyi rugenerwa kopi. Izo nzego zigomba kubikurikirana kandi zigaha imyanzuro ababizishyikirije.


#### 1.3.1.3. Ibibazo byaje mu nyandiko hatarimo ibishingiye ku myanzuro y'Inkiko Gacaca

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu nyandiko hakurikijwe Uturere. Ibyo bibazo ntibikubiyemo ibirebana n'imyanzuro y'Inkiko Gacaca.

**Imbonerahamwe n◦ 5: Ibibazo byakiriwe hatarimo ibirebana n'imyanzuro y'Inkiko Gacaca**

| Akarere | Ibibazo byakiriwe byose | Ibyakemutse | Ibigikorerwa iperereza | Ibyohererejwe izindi nzego |
|---|---|---|---|---|
| Gasabo | 198 | 120 | 43 | 35 |
| Bugesera | 160 | 127 | 13 | 20 |
| Nyarugenge | 137 | 107 | 5 | 25 |
| Gicumbi | 103 | 86 | 6 | 11 |
| Rubavu | 95 | 50 | 28 | 17 |
| Kicukiro | 86 | 49 | 31 | 6 |
| Musanze | 80 | 62 | 12 | 6 |
| Muhanga | 66 | 58 | 4 | 4 |
| Nyaruguru | 63 | 54 | 1 | 8 |
| Nyabihu | 57 | 43 | 12 | 2 |
| Nyagatare | 56 | 35 | 13 | 8 |
| Nyamagabe | 56 | 43 | 6 | 7 |
| Ruhango | 54 | 41 | 5 | 8 |
| Gatsibo | 52 | 25 | 19 | 8 |
| Nyanza | 52 | 42 | 0 | 10 |
| Rwamagana | 51 | 37 | 9 | 5 |
| Kamonyi | 51 | 33 | 15 | 3 |
| Rusizi | 47 | 28 | 13 | 6 |
| Ngororero | 44 | 21 | 17 | 6 |
| Huye | 43 | 37 | 5 | 1 |
| Ngoma | 42 | 33 | 4 | 5 |
| Gakenke | 42 | 39 | 3 | 0 |
| Burera | 39 | 30 | 7 | 2 |
| Kayonza | 37 | 13 | 16 | 8 |
| Rulindo | 35 | 31 | 2 | 2 |
| Karongi | 35 | 30 | 0 | 5 |
| Nyamasheke | 33 | 30 | 3 | 0 |
| Gisagara | 27 | 23 | 2 | 2 |
| Kirehe | 26 | 21 | 3 | 2 |
| Rutsiro | 26 | 23 | 0 | 3 |
| **BYOSE HAMWE** | **1,893** | **1,371** | **297** | **225** |

**Igishushanyo n◦ 3: Ibibazo byakiriwe hatarimo ibirebana n'imyanzuro y'Inkiko Gacaca**




Iyi mbonerahamwe iragaragaza ko ku bibazo *1893* Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye mu nyandiko, ibibazo *1371* byarakemutse, *297* biracyakorerwa iperereza naho 225 byoherejwe mu nzego bireba. Ni ukuvuga ko 88.1% by'ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye mu nyandiko byakemutse cyangwa byoherejwe mu nzego bireba.


### 1.2.2.1. Ibibazo byaje mu nyandiko birebana n'ibigo

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu nyandiko birebana n'Ibigo bya Leta n'ibyigenga.

**Imbonerahamwe n◦ 6: Ibibazo byaje mu nyandiko bireba ibigo**

| Ibibazo byakiriwe byose | Ibyakemutse | Ibigikorerwa iperereza | Ibyohererejwe izindi nzego |
|---|---|---|---|
| 239 | 181 | 55 | 3 |

**Igishushanyo n◦ 4 : Ibibazo bireba ibigo**




Iyi mbonerahamwe iragaragaza ko mu bibazo byakiriwe birebana n'inzego za Leta ari 239, ibyakemutse ni ibibazo 181 bingana na 75.7 %.

### 1.3.1. Ibibazo byatanzwe muri gahunda yo gusura abaturage mu turere batuyemo



*Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bakira ibibazo by'akarengane*

Guhera muri Mata 2010, Urwego rw'Umuvunyi rwatangije gahunda yo kwakirira ibibazo by'abaturage aho batuye mu Turere isimbuzwa iyari isanzweho yo kwakirira abaturage ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi. Icyari kigamijwe muri iyo gahunda nshya ni ukuborohereza ingendo, kubonera ibibazo byabo ibisubizo mu buryo bwihuse no kurushaho guteza imbere imiyoborere myiza. Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gusura abaturage hakurikijwe uturere n'urwego ibibazo bigezemo bikemurwa.




***Ibibazo byakiriwe bikemukira mu nteko y'abaturage Abayobozi b'inzego z'ibanze bahari***

## Imbonerahamwe n° 7: Ibibazo byakiriwe mu turere

| Intara n'Umujyi wa Kigali | Uturere | Ibibazo byakiriwe byose | Ibibazo byakemutse | Ibyoherejwe izindi nzego | Ibibazo bigikurikiranwa |
|---|---|---|---|---|---|
| Umujyi wa Kigali | Gasabo | 100 | 56 | 31 | 13 |
| | Kicukiro | 29 | 12 | 10 | 7 |
| | Nyarugenge | 71 | 20 | 38 | 13 |
| | **Byose hamwe** | **200** | **88** | **79** | **33** |
| Intara y' Iburengerazuba | Rubavu | 70 | 36 | 17 | 17 |
| | Ngororero | 56 | 28 | 23 | 5 |
| | Nyabihu | 41 | 25 | 15 | 1 |
| | Karongi | 69 | 35 | 27 | 7 |
| | Rusizi | 101 | 59 | 19 | 23 |
| | Nyamasheke | 62 | 35 | 13 | 14 |
| | Rutsiro | 30 | 18 | 8 | 4 |
| | **Byose hamwe** | **429** | **236** | **122** | **71** |
| Intara y' Amajyepfo | Kamonyi | 30 | 20 | 9 | 1 |
| | Muhanga | 127 | 90 | 18 | 19 |
| | Ruhango | 182 | 131 | 30 | 21 |
| | Nyanza | 119 | 42 | 56 | 21 |
| | Huye | 141 | 57 | 47 | 37 |
| | Gisagara | 54 | 31 | 15 | 8 |
| | Nyamagabe | 21 | 15 | 3 | 3 |
| | Nyaruguru | 47 | 37 | 7 | 3 |
| | **Byose hamwe** | **721** | **423** | **185** | **113** |
| Intara y'Iburasirazuba | Kayonza | 167 | 96 | 38 | 33 |
| | Bugesera | 119 | 86 | 15 | 18 |
| | Rwamagana | 107 | 60 | 22 | 25 |
| | Ngoma | 280 | 241 | 30 | 9 |
| | Kirehe | 206 | 178 | 20 | 8 |
| | Gatsibo | 88 | 42 | 31 | 15 |
| | Nyagatare | 121 | 49 | 49 | 23 |
| | **Byose hamwe** | **1,088** | **752** | **205** | **131** |
| Intara y'Amajyaruguru | Gicumbi | 92 | 70 | 12 | 10 |
| | Rulindo | 103 | 48 | 30 | 25 |
| | Musanze | 63 | 29 | 20 | 14 |
| | Burera | 68 | 42 | 23 | 3 |
| | Gakenke | 98 | 46 | 20 | 32 |
| | **Byose hamwe** | **424** | **235** | **105** | **84** |
| **Igiteranyo rusange** | | **2,862** | **1,734** | **696** | **432** |

**Igishushanyo n◦ 5: Ibibazo byakiriwe muri gahunda yo gusura abaturage mu Turere**




**Impugukirwa:**

i. Ku bibazo **2,862** Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye muri gahunda yo gusura abaturage mu turere batuyemo, **60.6%** byarakemutse, **24.3%** byoherezwa mu nzego bireba naho **15.1%** biracyakurikiranwa.

ii. Ibibazo byoherejwe mu zindi nzego ni ibibazo abaturage bageza ku Rwego rw'Umuvunyi, rwabisuzuma rugasanga bitari mu nshingano zarwo, ababitanze bakagirwa inama yo kubijyana mu nzego bireba, nko mu nzego z'ubutabera (Komite y'Abunzi, Inkiko…) cyangwa bikaba bitaragezwa mu nzego bireba kugira ngo zibanze kubisuzuma mbere yo kugezwa ku Rwego rw'Umuvunyi. Icyakora abafite bene ibyo bibazo bashobora kugaruka ku Rwego rw'Umuvunyi, ibibazo byabo bigakurikiranwa mu gihe bagaragaje ko inzego boherejwemo zitabakiriye cyangwa basanze umwanzuro byafatiwe utabarenganura. Ibibazo biri ku rutonde rw'ibigikurikiranwa ni ibibazo Urwego rw'Umuvunyi ruba rwasanze bikeneye gukorerwa iperereza cyangwa se rukaba rwaratangiye kubikurikirana mu nzego zibishinzwe kugira ngo izo nzego zibifateho umwanzuro.

iii. Kwakira ibibazo by'akarengane mu Turere abaturage batuyemo ni inkingi ikomeye yo gushimangira no guteza imbere imiyoborere myiza, abaturage bakagira uruhare mu kwikemurira ibibazo kandi bagafatanya n'ubuyobozi gushyiraho ingamba zo kurwanya akarengane.

### 1.4. Ibibazo rusange

#### i. Ibibazo by'ibirarane

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo bijyanye n'ibirarane by'abakozi, harimo abahoze ari abarimu, abakoreye Komini, Imijyi cyangwa Perefegitura bagaragaza ko bahura n'inzitizi yo kutabona ibyangombwa byose basabwa na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi. Mu byangombwa basabwa, harimo ibaruwa ishyira umukozi mu mwanya w'akazi, ifishi y'umukozi n'urutonde yahembeweho kugira ngo umukozi ashobore kugaragaza ko hari amafaranga y'ibirarane atahawe. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubuvugizi kuri iki kibazo, hakaba hari abakozi bishyuwe ibirarane byabo, abandi bakaba bagishakisha ibyangombwa bisabwa.

#### ii. Ibibazo byo kwimura abantu kubera inyungu rusange

Mu turere dutandukanye, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo by'abaturage bagaragaje ko mu gihe cyo gutangiza gahunda yo gutura mu midugudu mu myaka ya 1998, amasambu yabo yagiye ashyirwamo imidugudu badahawe ingurane, ntibanerekwa ubundi butaka bwo kubafasha kubaho. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubuvugizi, hamwe abaturage bahawe ingurane, ahandi haracyashakishwa uburyo bwo gukemura ibyo bibazo.

### 1.5. Ibibazo byihariye

#### i. Ibibazo by'abaturage bimuwe ku birwa

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ikibazo cy'abaturage bimuwe ku Kirwa cya Mbabara mu Karere ka Karongi n'abandi bimuwe ku Kirwa cya Iwawa mu Karere ka Rutsiro. Abimuwe ku Kirwa cya Mbabara bagaragaje ko igihe bimurwaga, ubuyobozi bwabasezeranyije kubafasha kubona amacumbi no gukomeza kugira uburenganzira busesuye ku butaka bimuweho ariko igihe cyo kubarura ubutaka ntibemererwa kubwiyandikishaho. Icyo kibazo cyagejejwe ku buyobozi bw'Akarere bwemeza ko ubuyobozi bw'Ikigo cya REMA n'ubwa Minisiteri ibishinzwe bwavuze ko ubutaka bw'ibirwa nta muturage ufite uburenganzira bwo kubwiyandikishaho kubera ko ari ubwa Leta. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye Akarere ka Karongi kugikoraho raporo irambuye inzego bireba zikazagishakira umwanzuro. Mu gihe hategurwaga iyi raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi, Akarere ka Karongi kari kataratanga raporo kasabwe.

Abaturage bimuwe ku Kirwa cya Iwawa bo bagaragaje ko batigeze bahabwa ingurane y'ubutaka bwabo n'imitungo bari bahafite, Akarere ka Rutsiro ko kakagaragaza ko inzego za Leta zikoresha ubwo butaka (MINADEF na MIJESPOC) zikwiye kugira uruhare mu gufasha Akarere kubonera abo baturage ingurane ku mitungo yabo. Urwego rw'Umuvunyi rwasabye ko icyo kibazo nacyo Akarere kagikoraho raporo ikazashingirwaho mu kugifatira umwanzuro. Mu gihe hategurwaga iyi raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi, Akarere ka Rutsiro kari kataratanga raporo kasabwe.

### ii. Ikibazo cy'abana b'imfubyi bo mu Karere ka Ngoma

Abana b'impfubyi za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bagejeje ikibazo ku buyobozi bunyuranye harimo n'Urwego rw'Umuvunyi bavuga ko bambuwe amasambu basigiwe n'ababyeyi babo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ayo masambu agatwarwa ku buryo budasobanutse hitwajwe isaranganya ryakozwe mu 1995, bakavuga ko ryakozwe nabi kuko abo bana batigeze bagira igice na gito basigirwa ku masambu yabo. Iki kibazo cyakurikiranywe mu Karere ka Ngoma, Urwego rw'Umuvunyi rusanga ibyo bavuga bifite ishingiro kuko iyo mitungo yitwa ko yasaranganyijwe, amabwiriza yagengaga isaranganya akaba yarateganyaga ko umuntu asaranganya na nyir'ubutaka, ibi bikaba bitarabayeho kubera ko ubutaka bwabo bwatanzwe bwose, ntibagire icyo basigarana.

Nyuma y'uko Minisitiri w'Intebe yandikiye Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, uw'Ubutabera n'uw'Umutekano mu Gihugu abasaba gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inama yari yateranye kuri icyo kibazo ikanzura ivuga ko abana b'impfubyi za Jenoside basubizwa amasambu yabo ; Akarere ka Ngoma kari kashubije abana 10 amasambu yabo, naho abandi 10 bahawe ingurane kuko amasambu yabo yari yubatswemo imidugudu.

Kubera ko ibibazo nk'ibi byagiye bigaragara ahantu henshi hatandukanye mu Gihugu byatumye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe ashyiraho amabwiriza n° 1383/03.8 avuga ko imitungo y'abana b'imfubyi yasaranganyijwe bayisubizwa, iki gikorwa kikaba cyaratangiye gushyirwa mu bikorwa ariko ku itariki ya 16/06/2011 Minisitiri w'Ubutabera akaba yaragiye mu Karere ka Ngoma aho yatangaje ko abafite amasambu y'abana b'impfubyi bayagumamo, ko abo bana atari impfubyi kubera ko ntawe ufite imyaka 18 gusubiza hasi (abafite ikibazo bafite imyaka irenze iy'umwana).

Nyuma yo gusuzuma iki kibazo, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze aba bana basubizwa amasambu yabo nk'uko Akarere ka Ngoma kari katangiye kubishyira mu bikorwa kubera ko kuba bararengeje imyaka 18 y'amavuko bidakuraho ko abo bana bari impfubyi igihe amasambu yabo yasaranganywaga, ndetse bikaba bitanababambura

uburenganzira ku mitungo basigiwe n'ababyeyi babo. Urwego rw'Umuvunyi rukaba rusanga uyu mwanzuro waba rusange, hagira umwihariko ugaragaramo, Urwego rw'Umuvunyi hamwe n'izindi nzego zirimo MINALOC, MINIJUST n'Akarere ka Ngoma zigafatanya kubikemura.

### iii. Ibibazo byo gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inkiko Gacaca

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo byinshi by'abaturage bagaragaza ko bakorewe akarengane n'abahesha b'inkiko mu gihe cyo kurangiza imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca. Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi riteganya mu ngingo yaryo ya 219 ko impaka zivutse mu irangiza ry'urubanza zikemurwa n'urukiko rwaruciye bwa nyuma. Ibi bibazo bikaba bikomeje kuba ingorabahizi aho usanga uvuga ko yarenganye mu gihe cy'irangizarubanza iyo areze uwarangije urubanza nabi atsindwa, akoherezwa mu rukiko rwaciye urubanza bwa nyuma hirengagijwe ko Inkiko Gacaca zashoje imirimo yazo. Urwego rw'Umuvunyi rurasanga Leta ikwiye kwihutisha gushyiraho urwego rwahabwa ububasha bwo gukurikirana no gukemura bene ibyo bibazo.

## 1.6. Gufungura Cyber-cafés




***Imwe muri cyber-cafés zafunguwe***





***Ibibazo byakirwa hakoreshejwe interinet muri za cyber café***


Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye umushinga wo gufungura "cyber-cafés" mu turere twose. Kugeza ubu hamaze gufungurwa "cyber-cafés" enye mu turere twa Rubavu, Rusizi, Huye na Ngoma.

Izo "cyber-cafés" zikaba zikorwamo n'abaturage bo muri utwo Turere bibumbiye mu mashyirahamwe yo kurwanya ruswa bahuguwe n'Urwego rw'Umuvunyi. Abaturage bafite ibibazo bafungurirwa aderesi interineti bakanohereza ibibazo byabo ku Rwego rw'Umuvunyi bakoresheje interineti muri izo "cyber-cafés" ku buntu. Amafaranga avuye mu gucuruza interineti ku baturage batazanye ibibazo ni yo akoreshwa mu kwita ku mashini zikoreshwa.

## 1.7. Gufungurira "e-mail" abaturage bagana Urwego rw'Umuvunyi




*Iyo umaze gutanga ikibazo uhita ufungurirwa e-mail kugira ngo bazagusubize utaje i Kigali*



***Uyu muturage arerekana aderesi ya interineti yafunguriwe n'Urwego rw'Umuvunyi***

Kuva muri Gashyantare 2011, Urwego rw'Umuvunyi rwatangije igikorwa cyo gufungurira abaturage barugezaho ibibazo aderesi interineti. Mu rwego rwo gufasha abaturage gukangukira gukoresha ikoranabuhanga mu buzima bwabo bwa buri munsi, Urwego rw'Umuvunyi rufungurira abarugezaho ibibazo aderesi interineti iyo

batazifite. Kugeza ubu aderesi interineti zigera ku 1500 zikaba zimaze gufungurwa ndetse zaranagejejwe kuri ba nyirazo kandi abenshi muri bo bakaba baratangiye kuzikoresha.

Ibi bikaba byarakemuye ikibazo cy'ingendo ndende no kwirirwa mu nzira ku bagana Urwego rw'Umuvunyi bavuye mu turere twabo, bikaba byaranagabanyije amafaranga bakoreshaga bazana ibibazo byabo ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi ndetse bikaba bizabafasha kugira umuco wo gukoresha ikoranabuhanga.

## 2. GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'IBYAHA BIFITANYE ISANO NAYO

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze imirimo ikurikira:

a) Isuzumamikorere ry'inzego n'ibigo bya Leta;
b) Igenzura rya gahunda za Leta;
c) Icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa;
d) Ubushakashatsi mu mabanki;
e) Icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa;
f) Kwakira no gukurikirana amadosiye avugwamo ruswa;
g) Ubunyamabanga bw' Inama y'Igihugu Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa;
h) Kugenzura uko inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi zashyizwe mu bikorwa;
i) Gukurikirana ibibazo byihariye bya ruswa.

### 2.1. Isuzumamikorere ry'inzego n'ibigo bya Leta

#### 2.1.1. Minisiteri y'Urubyiruko (MINIYOUTH)

Isuzumamikorere rya Minisiteri y'Urubyiruko ryakozwe mu Kwakira 2010. Iyi Minisiteri yatangiye imirimo mu mwaka wa 2008. Ibikorwa byayo bishingiye kuri politiki y'igihugu y'urubyiruko. Nta genamigambi ry'igihe kirekire ifite. Ibipimo bigaragaza ibyagezweho biboneka muri raporo z'ibikorwa zisoza imyaka ya 2008, 2009 na 2010. Minisiteri ifite intego yo gushyigikira Koperative y'urubyiruko igamije kwihangira imirimo no kwiteza imbere (COOJAD), guteza imbere ibigo byigisha urubyiruko imyuga iciriritse, gukwirakwiza ibigo by'urubyiruko no gushyigikira gahunda zo kurwanya ubwandu bwa SIDA mu rubyiruko.

Isuzumamikorere ryagaragaje ko Minisiteri yateye intambwe mu birebana no gushyiraho ibikorwa bitandukanye by'urubyiruko no kubaka ubushobozi bwarwo, bityo rukabasha kwihangira imirimo. Icyakora urubyiruko ruracyahura n'ikibazo cy'amikoro ku buryo rutarabasha kugera ku ntego yo kwihangira imishinga ibyara

inyungu ndetse hari n'imyumvire itarahinduka y'urubyiruko. Minisiteri ntigera ku nshingano zayo uko bikwiye kubera umubare muto w'abakozi no kutubahiriza amwe mu mabwiriza n'amategeko agenga imicungire y'umutungo nko mu birebana no gutanga amasoko ya Leta no gucunga ibikoresho.

Nyuma y'isuzumamikorere ryakorewe Minisiteri y'Urubyiruko, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze inama zigamije gufasha iyo Minisiteri kuzuza neza inshingano zayo. Minisiteri ikwiye gushyiraho igenamigambi ry'igihe kirekire rigaragaza icyerekezo cya gahunda zayo, gushyiraho no kubahiriza amategeko ngengamikorere y'abakozi bayo, kubaka ubushobozi bw'abakozi bayo bagenerwa amahugurwa, gushyira mu bikorwa amategeko agenga amasoko ya Leta no kongera inkunga igenerwa imishinga y'urubyiruko. Mu gihe dutegura iyi raporo, Minisiteri y'urubyiruko yahujwe na Minisiteri y'Umuco na Siporo.

### 2.1.2. Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF)

Isuzumamikorere rya Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango ryakozwe mu Kwakira 2010. Minisiteri ifite mu nshingano zayo kurengera no guteza imbere umuryango nyarwanda.

Isuzumamikorere ryasanze Minisiteri yarashyizeho politiki y'igihugu y'uburinganire, yateguye kandi gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire irebana no kwita ku bana bo mu muhanda n'abatagira kivurira. Yashyizeho ingamba zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Minisiteri yateguye gahunda y'amahugurwa y'abakozi bayo mu mwaka wa 2008-2009 na 2009-2010 ariko ntiyashyizwe mu bikorwa. Ubwo hakorwaga isuzumamikorere, gahunda rusange y'igihe kirekire y'ibikorwa bya Minisiteri yari itarategurwa; amategeko ngengamikorere ya Minisiteri nayo yari ataremezwa. Minisiteri ntigira umugenzuzi w'imbere, umukozi ushinzwe imicungire y'ibikoresho n'ushinzwe imitangire y'amasoko. Iyo mirimo ikorwa n'abakozi bo mu biro bya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe.

Mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo, Minisiteri ihura n'inzitizi zitandukanye harimo izi zikurukira: imyumvire idahagije ku birebana n'uburinganire, kuba abagore batigirira icyizere, kuba abagore batitabira ikigega cy'ingwate cyabashyiriweho, abakozi bake bafite ubumenyi buhagije mu bijyanye n'uburinganire. Ku birebana no kwita ku burenganzira bw'abana, hari ikibazo cy'abana barengeje imyaka itatu (3) babana na ba nyina muri za gereza kandi bagombye gutandukana nabo bagahabwa uburenganzira bwo kurererwa mu muryango. Ibigo byakira abana b'impfubyi n'abo mu muhanda bikwiye kurushaho kugenzurwa na Minisiteri.

Kugira ngo Minisiteri ibashe kugera byuzuye ku ntego zayo ikwiye gufatanya n'abayobozi bo mu nzego z'ibanze mu gushishikariza ababyeyi kwita ku burere n'uburengazira bw'abana, gukurikirana abana b'impfubyi bayobora imiryango, gukurikirana abana barererwa mu mahanga, gushyiraho gahunda y'igihe kirekire yerekana icyerekezo cy'ibikorwa bya Minisiteri, guhugura abagize komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa mu nzego z'ibanze, gukomeza gushishikariza abagore kwaka inguzanyo hakoreshejwe ingwate yo mu kigega cya Leta gishinzwe kubateza imbere.

### 2.1.3. Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (NUR)

Isuzumamikorere rya Kaminuza Nkuru y'u Rwanda ryakozwe mu Kwakira 2010. Kaminuza Nkuru y'u Rwanda yateye intambwe mu gutanga ubumenyi mu ngeri zinyuranye, guteza imbere ubushakashatsi, gutanga amahugurwa no guha abaturage serivisi zinoze hagamijwe kongera ubukungu n'iterambere rirambye. Kaminuza yongereye umubare w'abakozi bashinzwe gukora imishinga ibyara inyungu, ishaka n'abarimu bahagije kandi babifitiye ubumenyi ku buryo iri ku gipimo mpuzamahanga gishimishije. Abanyeshuri bahabwa ubumenyi bakeneye, kandi bahabwa n'umwanya w'ubumenyi ngiro buzababafasha mu mirimo.

Mu bibazo Kaminuza ihura nabyo, hari ibishingiye ku banyeshuri biga batanditse kandi baratanze ibyangombwa bisabwa ku buryo bigorana kubategurira impamyabumenyi iyo barangije, ku barimu batubahiriza gahunda y'amasomo kubera ko bigisha ahantu henshi, ku barimu bata akazi bakajya ahandi, ku itangwa ry'akazi hadakurikijwe amabwiriza ku bakozi b'abanyamahanga no kubashyira mu myanya y'imirimo abenegihugu bafitiye ubushobozi.

Kugira ngo Kaminuza y'u Rwanda irusheho kugera ku ntego zayo, ni ngombwa ko ishyiraho uburyo iyandikwa ry'abanyeshuri rikorwa kandi hagakurikiranwa imyigishirize y'abarimu kugira ngo abanyeshuri badatakaza umwanya w'amasomo. Kaminuza igomba gukurikiza amabwiriza n'amategeko agenga itangwa ry'akazi, itangwa ry'amasoko, imicungire y'abakozi n'ibikoresho. Ni ngombwa kandi kwita ku bikorwa byongerera Kaminuza umusaruro nko kongera umubare w'abanyeshuri birihira, gukoresha impuguke mu mirimo ikenerwa n'ibindi bigo kandi yishyurwa (consultancy).

### 2.1.4. Ishuri Rikuru Nderabarezi rya Kigali (KIE)

Isuzumamikorere ry'Ishuri Rikuru nderabarezi rya Kigali ryakozwe mu kwezi k'Ukwakira 2010. KIE yashinzwe mu 1999, ari ishuri rigamije kongera umubare

w'abarimu bo mu mashuri yisumbuye babifitiye impamyabumenyi yo mu rwego rwa kaminuza. KIE itegura integanyanyigisho z'amasomo kandi igatanga amasomo afasha abanyeshuri kongera ubumenyi. Kugira ngo iyo ntego irusheho kugerwaho, KIE igomba kwibanda ku bushakashatsi mu ngeri zitandukanye z'ubumenyi kandi igafatanya n'ibindi bigo hagamijwe guteza imbere uburezi, siyansi n'ikoranabuhanga. KIE igira uruhare mu guteza imbere uburere mbonezamuco no mu iterambere ry'igihugu.

Umubare w'abanyeshuri wariyongereye mu mashami yose no muri gahunda zose: abanyeshuri 4,216 ni abiga ku manywa, 783 ni abiga nimugoroba, naho 1,116 ni abo muri gahunda ya "iyakure" igenewe abarimu bo mu mashuri yisumbuye bari mu kazi ariko badafite impamyabushobozi za kaminuza, ikaba itangirwa mu bigo 10 biri hirya no hino mu gihugu. Hari kandi na gahunda y'amasomo agenewe abafite ubumuga yatangiye kuva mu 2008 ikaba imaze kwigwamo n'abanyeshuri 16 harimo 4 b'igitsina gore. Abarimu 192 nibo bigisha muri KIE harimo 36 b'abanyamahanga. Muri rusange, abarimu 16 nibo bafite impamyabumenyi y'ikirenga (PhD).

Mu myigishirize yo muri KIE, ikoranabuhanga rifite umwanya munini. Hari amasomo atangwa na kaminuza zo mu Buhinde hakoreshejwe ubwo buryo, ayo masomo akaba akurikiranwa n'abanyeshuri 306. Abarimu ba KIE bakora ubushakashatsi, haba mu kunoza inyigisho batanga cyangwa mu gukorana n'izindi nzego. Zimwe mu ngorane zibangamira imikorere myiza ya KIE harimo ubuke bw'ibikoresho byifashishwa mu kwigisha, ubuke bw'ibikorwa remezo nk'ibyumba byo kwigishirizamo, abarimu badahagije ku birebana n'umubare wabo cyangwa impamyabumenyi zabo. Abanyeshuri ntibitabira kwiyandikisha muri KIE n'abaharangije ntibitabira gukora umwuga w'ubwarimu.

KIE ikwiye gushyira imbaraga mu kunoza imyigishirize, mu gushyiraho uburyo bwatuma abayigamo biyongera kugira ngo umubare w'abarimu mu mashuri yisumbuye wiyongere. KIE ikwiye kurushaho kubaka ubushobozi bw'abakozi n'abarimu bahabwa amahugurwa n'amasomo y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza kandi hagatezwa imbere ibikorwa bibyara inyungu mu rwego rwo kwihaza mu mutungo. Ni ngombwa ko hubahirizwa amabwiriza n'amategeko agenga itangwa ry'amasoko, imicungire y'ibikoresho n'abantu.

### 2.1.5. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Inzego z'Ubuyobozi (RIAM)

Isuzumamikorere Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Inzego z'Ubuyobozi ryakozwe muri Mutarama 2011. Ikigo cya RIAM cyashyiriweho gukemura ikibazo cy'ubuke bw'abakozi bafite ubushobozi mu nzego zinyuranye bityo gihabwa

inshingano yo kongerera abakozi ubushobozi baba abo mu nzego za Leta, izigenga n'imiryango itari iya Leta binyujijwe mu mahugurwa ahoraho .

RIAM ihura n'imbogamizi mu kuzuza inshingano zayo: ntifite inyandiko zikenewe zitanga icyerekezo cy'ikigo, zikanayifasha gukora imirimo ya buri munsi zirimo gahunda y'ibikorwa mu gihe kirekire, amategeko ngengamikorere n'inyandiko mbonezamikorere; ifite ikibazo cy'ubuke bw'abakozi n'icy'abakozi batamara igihe ku mirimo yabo. Amahugurwa atangwa yibanda cyane ku nzego za Leta kandi yari akwiye kugera no ku bikorera kugira ngo RIAM irusheho kwinjiza amafaranga ayifasha mu mirimo yayo.

Kugira ngo RIAM igere ku nshingano zayo ikwiye gushyiraho inyandiko, amategeko n'amabwiriza bikenewe mu mikorere yayo, gushyiraho uburyo bunoze bufasha abakozi gukorera mu bigo byombi bya RIAM, gushyiraho gahunda y'amahugurwa atandukanye, ntihabe gusa amahugurwa ajyanye n'imiyoborere n'icungamutungo, gushyiraho gahunda y'imenyekanisha kugira ngo n'ibigo bitari ibya Leta byitabire amahugurwa itanga. RIAM igomba gushyiraho uburyo bwo kwishyura no kwishyuza imyenda kuko hari imyenda myinshi ibereyemo abantu n'iyo abandi bayibereyemo. Hagomba kandi kuvugururwa no kongerwa inyubako kuko izikoreshwa zidahagije ndetse zikaba zishaje.

### 2.1.6. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Inguzanyo ku Banyeshuri b'Abanyarwanda Biga mu Mashuri Makuru no Gucunga Buruse (SFAR)

Isuzumamikorere ry'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Inguzanyo ku Banyeshuri b'Abanyarwanda Biga mu Mashuri Makuru no Gucunga Buruse (SFAR) ryakozwe muri Mutarama 2011. SFAR yashyizeho amabwiriza agenderwaho mu gutanga inguzanyo ku banyeshuri kandi akaba ari yo itoranya abagomba kuyihabwa. Icyo kigo cyashyizeho uburyo bwo kwishyuza abahawe amafaranga y'inguzanyo barangije amashuri makuru.

Imbogamizi SFAR ihura nazo zigendanye n'ubushobozi kuko ingengo y'imari ihabwa ari nto ugereranyije n'inshingano ndetse n'intego ifite hamwe n'abakozi bake kandi abenshi bakaba batamara igihe ku mirimo yabo. Inyubako yo gukoreramo ni nto kandi hari n'ikibazo mu micungire y'ibikoresho kubera ububiko budahagije. Gahunda yo gutanga amasoko ntitegurwa neza ndetse na raporo z'umwaka ntizakozwe. Hari ikibazo mu kwishyuza abahawe inguzanyo baba mu mahanga cyane cyane ko politiki yo gukurikirana abagomba kwishyura itanoze. Hari amafaranga SFAR itagaruza kandi aba yasigaye mu mashuri makuru na kaminuza kuko imikoranire y'izo nzego itanoze.

Kugira ngo SFAR irusheho gutanga serivisi nziza igomba gushyiraho uburyo bwo gutangira igihe inguzanyo, gukurikirana ikoreshwa ry'amafaranga atangwa ngo ahabwe abanyeshuri binyuze mu buyobozi bw'amashuri makuru na kaminuza no gufata ingamba zihamye zo kwishyuza inguzanyo zatanzwe. SFAR igomba gukurikiza amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko, imicungire y'abakozi ku burya bagahabwa inshingano zisobanutse kandi bakongererwa ubushobozi.

### 2.1.7. Ikigega Rusange Gitsura Amajyambere y'Uturere n'Umujyi wa Kigali (CDF)

Isuzumamikorere ry'Ikigega Rusange Gitsura Amajyambere y'Uturere n'Umujyi wa Kigali ryakozwe muri Mutarama na Gashyantare 2011. Ikigega cyatangiye imirimo yacyo mu 2002 kikaba gifite inshingano zo gutera inkunga ibikorwa by' amajyambere, gusaranganya uturere n' Umujyi wa Kigali amafaranga yagenewe ibyo bikorwa, gukurikirana imikoreshereze y'amafaranga yagenewe ibikorwa by'amajyambere mu turere no mu Mujyi wa Kigali. Ikigega Gitera Inkunga Ibikorwa Rusange bikoreshwa n'abantu benshi n'imishinga y'abantu ku giti cyabo. Ikigega gifite kandi inshingano zo kuba umuhuza w'uturere n'Umujyi wa Kigali n'abaterankunga bafasha by'umwihariko ibikorwa by'amajyambere byo muri izo nzego. Ikigega Gitera Inkunga Ibikorwa Remezo (imihanda, amateme), inyubako z'ibiro by'Imirenge, amashuri, ibikorwa by'itumanaho, imishinga mito ibyara inyungu, kurengera ibidukikije n'ibindi.

N'ubwo hari intambwe yatewe mu guteza imbere ibikorwa by'amajyambere by' uturere n'Umujyi wa Kigali haracyari inzitizi nyinshi. Nk'uko biteganyijwe mu itegeko rishyiraho icyo kigega, hari amafaranga angana na 10% akomoka ku misoro y'imbere mu gihugu agomba guhabwa icyo kigega ariko kugeza ubu, ntabwo iyo ngingo irubahirizwa kuko Ikigega gihabwa amafaranga make ku yateganyijwe. Ibyo bigira ingaruka ku mishinga yateganyijwe. Izindi nzitizi zirebana n'Uturere tudatanga raporo z'ibikorwa ku gihe, imishinga itegurwa itarakorewe inyigo, imishinga itarangizwa kubera kutubahiriza amasezerano bitewe n'itinda ry'amafaranga cyangwa kubura ubunyangamugayo kuri ba rwiyemezamirimo basiga imishinga ituzuye. Hari abaturage bategura imishinga ihabwa inguzanyo mu rwego rwa serivisi y'imari iciriritse (Financial services) batishyura kandi baba barabwiwe mbere yo kubona inkunga ko bagomba kwishyura. Hari ubwo amafaranga atangwa y'inkunga y'ingoboka (Direct Support) atagerera ku bagenerwabikorwa ku gihe.

Kugira ngo inkunga zitangwa n'Ikigega zirusheho kugirira abaturage benshi akamaro, ni ngombwa ko icyo Kigega gishyira ingufu mu kwishyuza abahawe amafaranga bakora imishinga no gutangira ku gihe amafaranga y'ingoboka. Icyo Kigega gikwiye kugabanya inzira amafaranga anyuramo kugira ngo agere ku bagenerwabikorwa, kongerera igihe cyo kwishyura abahawe inguzanyo mu gihe imishinga yabo yatewe inkunga itarabyara inyugu no gukurikirana imishinga yose Ikigega gitera inkunga.

### 2.1.8. Ibitaro bya Munini

Isuzumamikorere ry'Ibitaro bya Munini ryakozwe muri Werurwe 2011. Ibyo bitaro biherereye mu Karere ka Nyaruguru, mu Ntara y'Amajyepfo, akaba ari nabyo bifatwa nk'ibitaro by'akarere. Ni ibitaro bikiri bishya kuko byatangiye gukora mu 2008, bitangirana na serivisi nkeya ku buryo uwo mwaka waranzwe no kwakira no gusuzuma indwara ariko nta buvuzi bukorwa. Ibitaro byakira abarwayi baturutse mu bigo nderabuzima 16 bigenzurwa n'ibyo bitaro. Indwara ziboneka cyane ni izo mu nda, iz'ubuhumekero n'izijyanye n'imirire mibi. Abarwayi bava ku bigo nderabuzima boherejwe ku bitaro bitewe n'ubushobozi bw'ibigo nderabuzima bukiri buke bakora urugendo rurerure kandi n'imihanda ntimeze neza.

Ibitaro bya Munini bifite ikibazo cy'ibikoresho bike, abakozi bake n'aho gukorera hadahagije ku buryo serivisi nyinshi zikorera mu Kigo Nderabuzima cya Munini cyegeranye n'Ibitaro. Itangwa ry'amasoko n'imicungire y'ibikoresho ntibyubahiriza amategeko n'amabwiriza yashyizweho. Ibitaro bya Munini bikwiye kwitabwaho by'umwihariko, bigahabwa ingengo y'imari ihagije, hakagurwa ibikoresho by'ibanze by'ubuvuzi, bikubakirwa aho gukorera ndetse bikanongererwa abakozi kugira ngo bibashe gutanga serivisi nziza.

### 2.1.9. Ibitaro bya Kilinda

Isuzumamikorere ry'Ibitaro bya Kilinda ryakozwe muri Werurwe 2011. Ibitaro bya Kilinda ni bimwe mu bitaro by'Itorero Peresibiteriyeni mu Rwanda, biterwa inkunga na Guverinoma y'u Rwanda, biherereye mu Karere ka Karongi mu Ntara y'Iburengerazuba. Ni ibitaro by'akarere, bikaba bishinzwe gukurikirana imikorere y'Ibigo nderabuzima bitandatu. Byakira abarwayi baturutse muri ibyo bigo nderabuzima, bagahabwa serivisi bakeneye.

Ibitaro bya Kilinda bikorera mu nyubako zishaje kandi zidahagije. Ibikoresho bikenerwa mu buvuzi ntibihagije. Abarwayi bava ku bigo nderabuzima boherejwe ku bitaro bya Kirinda bitewe n'ubushobozi bw'ibigo nderabuzima bukiri buke bakora urugendo rurerure kandi n'imihanda ntimeze neza. Amasoko atangwa ku buryo budakurikije amategeko, ibyo bigaragara cyane mu masoko y'inyubako atangwa n'Itorero kandi Leta ari yo itanga amafaranga. Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro imaze umwaka urenga idaterana ku buryo itubahiriza inshingano zayo zo kugenzura Ibitaro.

Ibitaro bya Kirinda bikwiye kuvugururwa, inyubako zikagurwa kugira ngo bishobore kurushaho gutanga serivisi nziza. Ibitaro bigomba kongererwa ubushobobozi mu

birebana n'ibikoresho n'abakozi. Amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko, imicungire y'abakozi n'ibikoresho agomba kubahirizwa. Bitewe n'urugendo rurerure ruri hagati y'ibigo nderabuzima n'ibitaro bya Kirinda, ibyo bigo nderabuzima bikwiye gushakirwa ubushobozi bwisumbuye kugira ngo umubare w'abarwayi boherezwa ku bitaro ugabanuke. Abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bakwiye guhugurirwa inshingano zabo, bityo bagatangira kujya baterana uko biteganywa kugira ngo buzuze inshingano zabo.

### 2.1.10. Ibitaro bya Murunda

Isuzumamikorere ry'Ibitaro bya Murunda ryakozwe muri Mata 2011. Ibyo bitaro bishinzwe kwita ku buzima bw'abaturage batuye mu Karere ka Rutsiro biherereyemo; bikanagenzura n'ibigo nderabuzima 17 bibarizwa muri ako Karere. Ibyo bitaro byakira abarwayi baturutse muri ibyo bigo nderabuzima. Abarwayi bava ku bigo nderabuzima boherejwe ku bitaro, bitewe n'ubushobozi bw'ibigo nderabuzima bukiri buke bakora urugendo rurerure, kandi n'imihanda ntimeze neza. Serivisi zitangwa neza ariko hari ingorane zishingiye ku bikoresho bike cyangwa bishaje, ku buke bw'abakozi no ku ngengo y'imari idahagije yo kugura ibikoresho.

Ibitaro bya Murunda bifite ikibazo cy'ibirarane by'amafaranga y'ingoboka mu buvuzi (Pooling risk) angana na 115,900,436 agomba kwishyurwa na Minisiteri y'Ubuzima n'Akarere ka Rutsiro kubera ko hari amafaranga izo nzego zombi zigomba gushyira mu bitaro muri gahunda yo gushyigikira ubwisungane mu kwivuza (*mutuelle de santé*). Hari n'indi myenda Ibitaro bifitiwe n'inzego zitandukanye. Kutishyurwa ayo mafaranga bituma Ibitaro bidashobora kugura ibikenewe harimo n'imiti, ibyo bigatuma abaturage n'ubwo baba baratanze umusanzu wabo w'ubwisungane mu kwivuza hari iyo basabwa kwigurira hanze kandi bagombaga kuyihabwa n'Ibitaro. Hari ikibazo cy'imiti yarengeje igihe ikaba itaratwikwa kandi nta n'ububiko bwihariye ifite. Hari ikibazo cy'imirire mibi aho umubare w'abarwaye indwara z'imirire mibi igenda yiyongera.

Kugira ngo ibitaro bya Murunda birusheho gukora neza, bikwiye kongera umubare w'abakozi no kwita ku micungire myiza y'umutungo hakurikizwa amategeko agenga amasoko, imicungire y'abakozi n'ibikoresho. Ibitaro bigomba kongererwa ubushobozi n'abakozi. Ibitaro, bifatanyije n'ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro, bikwiye kurushaho gukangurira abaturage kwitabira gahunda y'ubwisungane mu kwivuza no kwirinda indwara.

### 2.1.11. Ibitaro bya Nyamata

Isuzumamikorere ry'ibitaro bya Nyamata ryakozwe muri Mata 2011. Ibyo bitaro bishinzwe kwita ku buzima bw'abaturage batuye Akarere ka Bugesera, mu Ntara y'Iburasirazuba biherereyemo no gukurikirana ibigo nderabuzima 12 biri muri ako Karere. Uburyo bwo kwakira abarwayi bukorwa neza kandi Ibitaro bikorana neza n'abafatanyabikorwa babyo.

Imbogamizi Ibitaro bya Nyamata bihura nazo bishingiye ku masoko atangwa hadakurikijwe amategeko, ku buke bw'ibikoresho n'abakozi. Hari imiti yarengeje igihe ikiri mu bubiko. Byagaragaye kandi ko nta bugenzuzi bw'imbere bukorwa. Hari ibirarane by'amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza Akarere kagomba kwishyura Ibitaro angana na 9,851,234; hakaba n'indi myenda Ibitaro bifitiwe irenga 300,000,000. Kutishyurwa ayo mafaranga bituma Ibitaro bidashobora kugura ibikenewe harimo n'imiti ibyo bigatuma abaturage n'ubwo baba baratanze umusanzu wabo w'ubwisungane mu kwivuza hari iyo basabwa kwigurira hanze kandi bagombaga kuyihabwa n'Ibitaro.

Kugira ngo Ibitaro bya Nyamata birusheho kunoza serivisi biha ababigana bikwiye kongererwa abakozi n'ibikoresho. Hagomba gushyirwaho uburyo bwo kuvana mu bubiko bw'Ibitaro imiti yarengeje igihe. Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko, imicungire y'ibikoresho n'abakozi ni ngombwa kugira ngo Ibitaro bigere ku ntego zabyo.

### 2.1.12. Ibitaro bya Muhororo

Isuzumamikorere ry'Ibitaro bya Muhororo ryabaye muri Gicurasi 2011. Ni ibitaro by'Akarere ka Ngororero mu Ntara y'Iburengerazuba. Bishinzwe kugenzura imikorere y'ibigo nderabuzima 8 n'amavuriro mato (postes de santé/health posts) 7. Ibyo bitaro byakira abarwayi boherejwe n'ibyo bigo nderabuzima cyangwa ayo mavuriro. Serivisi zihabwa abarwayi ni nziza ariko zikaba zibangamirwa n'ubuke bw'abakozi, ibikoresho bike ndetse n'ibyumba bidahagije byo gusuzumiramo no kwakiriramo abarwayi. Abarwayi bava ku bigo nderabuzima boherejwe ku bitaro bitewe n'ubushobozi bw'ibigo nderabuzima bukiri buke bakora urugendo rurerure kandi n'imihanda ntimeze neza.

Ibitaro bya Muhororo bifite imikoranire myiza n'inzego z'ubuyobozi n'abaterankunga babyo babyunganira muri gahunda zitandukanye nko mu birebana no kongerera ubushobozi abakozi babyo, gahunda yo kwita ku buzima bw'abana n'ababyeyi na gahunda y'ubuzima bw'imyororokere. Ku birebana n'imicungire y'umutungo,

Ibitaro bya Muhororo byashyizeho amabwiriza ngenderwaho akubiye muri gahunda y'ibikorwa y'igihe gito na gahunda y'igihe kirekire (2009-2012) yerekana ibizagerwaho. Ubuyobozi bw'Ibitaro bugenzura iyubahirizwa ry'amategeko agenga itangwa ry'akazi, itangwa ry'amasoko n'amabwiriza arebana no kwakira neza abarwayi. Haracyari ikibazo cyo kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga amasoko kuko nta gahunda y'amasoko Ibitaro byateguye, raporo z'amasoko yatanzwe ntizakozwe ndetse hari n'amabwiriza atubahirizwa. Benshi mu barwayi bakirirwa mu bitaro bya Muhororo bafite ubwisungane mu kwivuza ku buryo Ibitaro bibasha kugura imiti n'ibindi bikenerwa kandi bikishyurwa ibyatanzwe ku barwayi n'Ikigega cy'ubwisungane mu kwivuza cyo ku rwego rw'Akarere. Indwara ziboneka cyane ni izo mu nda, iz'ubuhumekero, malariya n'amenyo.

Kugira ngo Ibitaro bya Muhororo birusheho kurangwa n'imikorere myiza bigomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko n'imicungire y'abakozi n'ibikoresho. Ibyo Bitaro kandi bigomba gushyira ingufu mu kwigisha abaturage ibirebana no kwirinda indwara. Ku bufatanye n'izindi nzego, Ibitaro bikwiye kongererwa ibikoresho n'abakozi bafite ubushobozi.

### 2.1.13. Ikigo Nderabuzima cya Jenda

Isuzumamikorere ry'Ikigo Nderabuzima cya Jenda ryakozwe muri Gicurasi 2011. Ikigo nderabuzima cya Jenda giherereye mu Murenge wa Musange mu Karere ka Nyamagabe mu Ntara y'Amajyepfo. Icyo kigo gifite inshingano yo kwita ku buzima bw'abaturage batuye muri uwo Murenge.

Ikigo Nderabuzima cya Jenda gifite ibibazo by'abakozi bake cyane cyane abaforomo, ibikoresho bidahagije n'ububiko bw'ibikoresho budahagije. Amasoko atangwa mu buryo butubahirije amategeko, nta n'igenamigambi y'amasoko ryakozwe. Nta raporo z'imirimo zakozwe. Komite y'Ubuzima ntiterana uko biteganyijwe.

Kugira ngo Ikigo Nderabuzima cya Jenda kibashe gukora neza, birakwiye ko Komite y'Ubuzima yagira uruhare rufatika mu gukurikirana imicungire y'umutungo n'uko ukoreshwa. Birakwiye kandi kongera umubare w'abakozi no kwita ku micungire myiza y'umutungo cyane cyane hakurikizwa amategeko agenga itangwa ry'amasoko. Muri rusange, abagize akanama k'amasoko mu bitaro by'akarere no mu bigo nderabuzima bakwiye guhabwa amahugurwa agamije kubaha ubumenyi ku mitangire y'amasoko mu nzego za Leta. Hagomba kandi guhuzwa amabwiriza n° 20/2958/U.P.D.C/2007 yo ku wa 05/11/2007 ya Minisitiri w'Ubuzima agena abagize akanama k'amasoko mu bitaro n'ibigo nderabuzima n'iteka rya Minisitiri n°001/08/10/MIN ryo ku wa 16/01/2008 rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta n'ibitabo ngenderwaho by'amabwiriza agenga ipiganwa.

## 2.2. Igenzura rya gahunda za Leta

### 2.2.1. Igenzura rya gahunda y'ubudehe

Igenzura rya gahunda y'ubudehe ryakozwe muri Gashyantare 2011. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura kuri gahunda y'ubudehe mu mirenge 60 yo mu turere twose tw'Igihugu, hakaba harasuwe imirenge ibiri muri buri karere. Igenzura ryakozwe mu midugudu 1551. Gahunda y'ubudehe ishingiye ku cyerekezo 2020, ikaba yarashyizweho na Leta mu rwego rwo gufasha abaturage kurwanya ubukene. Ni gahunda ikorera mu mirenge yose y'igihugu. Abagenerwabikorwa ba gahunda y'ubudehe ni abaturage batishoboye batoranywa na bagenzi babo hagamijwe kwirinda akarengane kaba gashingiye ku kimenyane cyangwa ruswa. Abandi bagenerwabikorwa ni abaturage bose batuye Umudugudu muri gahunda y'ibikorwa rusange.

Kubera gahunda y'ubudehe hari abaturage babashije kwiteza imbere bitewe n'imishinga y'ubworozi, ubuhinzi n'ubucuruzi bakora. Gahunda yafashije abaturage gushimangira ubwiyunge kuko abahawe amafaranga cyangwa amatungo baziturira abandi. Yabafashije kandi kugira uruhare mu kugena ibikorwa rusange by'imidugudu yabo.

#### 2.2.1.1. Abaturage bahawe amatungo

Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'abaturage bahawe amatungo mu mirenge ibiri yasuwe muri buri karere. Buri muturage yahawe itungo rimwe ryo korora kandi yasabwaga kuziturira mugenzi we.

## Imbonerahamwe nº 8 : Abaturage bahawe amatungo

| Nº | Akarere | Umubare w'imidugudu yasuwe | Abaturage bituye | Abaturage batituye | Abaturage bahawe amatungo agapfa | Abaturage bahawe amatungo bakayagurisha | Bose hamwe |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **INTARA Y'IBURASIRAZUBA** | | | | | | | |
| 1 | Bugesera | 42 | 137 | 134 | 2 | 9 | 282 |
| 2 | Gatsibo | 77 | 461 | 343 | 2 | 1 | 807 |
| 3 | Kayonza | 57 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 4 | Kirehe | 35 | 24 | 173 | 12 | 7 | 216 |
| 5 | Ngoma | 46 | 61 | 27 | 8 | 0 | 96 |
| 6 | Nyagatare | 43 | 5 | 51 | 3 | 1 | 60 |
| 7 | Rwamagana | 37 | 334 | 633 | 37 | 59 | 1063 |
| **Igiteranyo$_1$** | | **337** | **1022** | **1361** | **64** | **77** | **2524** |
| **INTARA Y'AMAJYARUGURU** | | | | | | | |
| 8 | Burera | 49 | 5 | 13 | 1 | 0 | 19 |
| 9 | Gakenke | 45 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 10 | Gicumbi | 46 | 101 | 231 | 7 | 2 | 341 |
| 11 | Musanze | 54 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 12 | Rulindo | 51 | 439 | 638 | 29 | 0 | 1106 |
| **Igiteranyo$_2$** | | **245** | **545** | **882** | **37** | **2** | **1466** |
| **INTARA Y'IBURENGERAZUBA** | | | | | | | |
| 13 | Karongi | 63 | 0 | 2 | 0 | 0 | 2 |
| 14 | Ngororero | 70 | 1000 | 595 | 809 | 601 | 3024 |
| 15 | Nyabihu | 35 | 21 | 18 | 3 | 5 | 47 |
| 16 | Nyamasheke | 52 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 17 | Rubavu | 82 | 1617 | 242 | 20 | 211 | 2090 |
| 18 | Rutsiro | 18 | 20 | 33 | 0 | 5 | 58 |
| 19 | Rusizi | 58 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| **Igiteranyo$_3$** | | **378** | **2658** | **890** | **832** | **822** | **5202** |
| **INTARA Y'AMAJYEPFO** | | | | | | | |
| 20 | Gisagara | 45 | 124 | 659 | 36 | 21 | 840 |
| 21 | Huye | 49 | 1 | 77 | 49 | 34 | 161 |
| 22 | Kamonyi | 38 | 44 | 117 | 1 | 1 | 163 |
| 23 | Muhanga | 57 | 31 | 68 | 7 | 5 | 111 |
| 24 | Nyamagabe | 55 | 5 | 7 | 3 | 1 | 16 |
| 25 | Nyanza | 77 | 0 | 66 | 0 | 0 | 66 |
| 26 | Nyaruguru | 31 | 7 | 5 | 0 | 0 | 12 |
| 27 | Ruhango | 55 | 93 | 162 | 1 | 9 | 265 |
| **Igiteranyo$_4$** | | **407** | **305** | **1161** | **97** | **71** | **1634** |
| **UMUJYI WA KIGALI** | | | | | | | |
| 28 | Gasabo | 58 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 29 | Kicukiro | 42 | 595 | 230 | 238 | 0 | 1063 |
| 30 | Nyarugenge | 84 | 1 | 6 | 1 | 0 | 8 |
| **Igiteranyo$_5$** | | **184** | **596** | **236** | **239** | **0** | **1071** |
| **Igiteranyo rusange** | | **1551** | **5126** | **4530** | **1269** | **972** | **11897** |

### 2.2.1.2. Abaturage bahawe amafaranga

Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'abaturage bahawe amafaranga muri buri karere mu midugudu yasuwe. Amafaranga bagenewe bayashoye mu mishinga yo kubateza imbere nubwo hari abatarayakoresheje nk'uko byari bigenwe. Ntibyoroshye kubona umubare w'amafaranga yatanzwe kubera ko nta nyandiko zuzuye ziyagaragaza ziboneka mu midugudu imwe n'imwe.

**Imbonerahamwe nº 9: Abaturage bahawe amafaranga**

| Nº | Akarere | Umubare w'imidugudu yasuwe | Abaturage bungutse bakitura | Abaturage bungutse ntibiture | Abaturage bahombye | Abaturage batayakoresheje | Bose hamwe |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **INTARA Y'IBURASIRAZUBA** | | | | | | | |
| 1 | Bugesera | 42 | 15 | 6 | 2 | 0 | 23 |
| 2 | Gatsibo | 77 | 131 | 0 | 4 | 9 | 144 |
| 3 | Kayonza | 57 | 2 | 87 | 12 | 34 | 135 |
| 4 | Kirehe | 35 | 5 | 27 | 2 | 1 | 35 |
| 5 | Ngoma | 46 | 29 | 39 | 6 | 74 | 148 |
| 6 | Nyagatare | 43 | 2 | 3 | 0 | 51 | 56 |
| 7 | Rwamagana | 37 | 76 | 42 | 3 | 17 | 138 |
| **Igiteranyo$_1$** | | **337** | **260** | **204** | **29** | **186** | **679** |
| **INTARA Y'AMAJYARUGURU** | | | | | | | |
| 8 | Burera | 49 | 0 | 10 | 1 | 0 | 11 |
| 9 | Gakenke | 45 | 3 | 35 | 6 | 1 | 45 |
| 10 | Gicumbi | 46 | 23 | 79 | 0 | 1 | 103 |
| 11 | Musanze | 54 | 0 | 51 | 1 | 2 | 54 |
| 12 | Rulindo | 51 | 2562 | 854 | 0 | 8 | 3424 |
| **Igiteranyo$_2$** | | **245** | **2588** | **1029** | **8** | **12** | **3637** |
| **INTARA Y'IBURENGERAZUBA** | | | | | | | |
| 13 | Karongi | 63 | 4 | 35 | 20 | 8 | 67 |
| 14 | Ngororero | 70 | 0 | 98 | 9 | 440 | 547 |
| 15 | Nyabihu | 35 | 30 | 25 | 12 | 8 | 75 |
| 16 | Nyamasheke | 52 | 23 | 100 | 9 | 2 | 134 |
| 17 | Rubavu | 82 | 1 | 18 | 0 | 0 | 19 |
| 18 | Rutsiro | 18 | 24 | 15 | 1 | 0 | 40 |
| 19 | Rusizi | 58 | 15 | 66 | 15 | 8 | 104 |
| **Igiteranyo$_3$** | | **378** | **97** | **357** | **66** | **466** | **986** |

| Nº | Akarere | Umubare w'imidugudu yasuwe | Abaturage bungutse bakitura | Abaturage bungutse ntibiture | Abaturage bahombye | Abaturage batayakoresheje | Bose hamwe |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **I N T A R A Y'A M A J Y E P F O** | | | | | | | |
| 20 | Gisagara | 45 | 0 | 30 | 17 | 10 | 57 |
| 21 | Huye | 49 | 20 | 3 | 8 | 8 | 39 |
| 22 | Kamonyi | 38 | 0 | 55 | 2 | 3 | 60 |
| 23 | Muhanga | 57 | 5 | 9 | 7 | 11 | 32 |
| 24 | Nyamagabe | 55 | 6 | 133 | 13 | 0 | 152 |
| 25 | Nyanza | 77 | 9 | 84 | 2 | 18 | 113 |
| 26 | Nyaruguru | 31 | 1 | 17 | 30 | 9 | 57 |
| 27 | Ruhango | 55 | 35 | 12 | 0 | 2 | 49 |
| **Igiteranyo$_4$** | | **407** | **76** | **343** | **79** | **61** | **559** |
| **U M U J Y I W A K I G A L I** | | | | | | | |
| 28 | Gasabo | 58 | 0 | 50 | 8 | 1 | 59 |
| 29 | Kicukiro | 42 | 9 | 12 | 23 | 25 | 69 |
| 30 | Nyarugenge | 84 | 16 | 29 | 24 | 9 | 78 |
| **Igiteranyo$_5$** | | **184** | **25** | **91** | **55** | **35** | **206** |
| **Igiteranyo rusange** | | **1551** | **3046** | **2024** | **237** | **760** | **6067** |

### 2.2.1.3. Ibikorwa rusange byakozwe

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibikorwa rusange byakozwe muri gahunda y'ubudehe mu midugudu yasuwe n'Urwego rw'Umuvunyi. Hari bimwe muri ibyo bikorwa bifitiye abaturage akamaro ariko hari n'ibindi bidakoreshwa kuko byangiritse.

**Imbonerahamwe nº 10: Ibikorwa rusange**

| Nº | Akarere | Umubare w'imidugudu yasuwe | Ibikorwa byarangiye bigikora | Ibikorwa byarangiye bitagikora | Ibikorwa bitarangiye | Byose hamwe |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **I N T A R A Y'I B U R A S I R A Z U B A** | | | | | | |
| 1 | Bugesera | 42 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 2 | Gatsibo | 77 | 2 | 0 | 0 | 2 |
| 3 | Kayonza | 57 | 16 | 0 | 14 | 30 |
| 4 | Kirehe | 35 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 5 | Ngoma | 46 | 2 | 0 | 3 | 5 |
| 6 | Nyagatare | 43 | 0 | 0 | 1 | 1 |
| 7 | Rwamagana | 37 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| **Igiteranyo$_1$** | | **337** | **20** | **0** | **18** | **38** |

| Nº | Akarere | Umubare w'imidugudu yasuwe | Ibikorwa byarangiye bigikora | Ibikorwa byarangiye bitagikora | Ibikorwa bitarangiye | Byose hamwe |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **INTARA Y'AMAJYARUGURU** | | | | | | |
| 8 | Burera | 49 | 46 | 0 | 0 | 46 |
| 9 | Gakenke | 45 | 4 | 0 | 2 | 6 |
| 10 | Gicumbi | 46 | 5 | 1 | 0 | 6 |
| 11 | Musanze | 54 | 29 | 2 | 0 | 31 |
| 12 | Rulindo | 51 | 3 | 0 | 0 | 3 |
| **Igiteranyo$_2$** | | **245** | **87** | **3** | **2** | **92** |
| **INTARA Y'IBURENGERAZUBA** | | | | | | |
| 13 | Karongi | 63 | 64 | 9 | 3 | 76 |
| 14 | Ngororero | 70 | 9 | 5 | 3 | 17 |
| 15 | Nyabihu | 35 | 7 | 3 | 4 | 14 |
| 16 | Nyamasheke | 52 | 9 | 3 | 9 | 21 |
| 17 | Rubavu | 82 | 2 | 0 | 0 | 2 |
| 18 | Rutsiro | 18 | 9 | 4 | 13 | 26 |
| 19 | Rusizi | 58 | 50 | 10 | 2 | 62 |
| **Igiteranyo$_3$** | | **378** | **150** | **25** | **34** | **209** |
| **INTARA Y'AMAJYEPFO** | | | | | | |
| 20 | Gisagara | 45 | 40 | 0 | 0 | 40 |
| 21 | Huye | 49 | 8 | 22 | 2 | 32 |
| 22 | Kamonyi | 38 | 18 | 0 | 0 | 18 |
| 23 | Muhanga | 57 | 48 | 31 | 19 | 98 |
| 24 | Nyamagabe | 55 | 71 | 11 | 2 | 84 |
| 25 | Nyanza | 77 | 6 | 3 | 1 | 10 |
| 26 | Nyaruguru | 31 | 15 | 0 | 0 | 15 |
| 27 | Ruhango | 55 | 70 | 1 | 0 | 71 |
| **Igiteranyo$_4$** | | **407** | **276** | **68** | **24** | **368** |
| **UMUJYI WAKIGALI** | | | | | | |
| 28 | Gasabo | 58 | 14 | 3 | 2 | 19 |
| 29 | Kicukiro | 42 | 72 | 12 | 4 | 88 |
| 30 | Nyarugenge | 84 | 25 | 0 | 8 | 33 |
| **Igiteranyo$_5$** | | **184** | **111** | **15** | **15** | **140** |
| **Igiteranyo rusange** | | **1551** | **644** | **111** | **92** | **847** |

Isuzumamikorere rya gahunda y'ubudehe ryagaragaje imbogamizi zikurikira:

- Imishinga yategurwaga huti huti, igategurwa nabi na bene yo akenshi baba badafite ubushobozi bwo kuyitegurira ku buryo itageraga ku ntego zayo;

- Abagenerwabikorwa bahabwaga amafaranga cyangwa amatungo bataraтegujwe, ibyo bahawe ntibababashe kubikoresha neza mu nyungu zabo n'iza bagenzi babo kuko bagombaga kwitura;

- Hari abahitagamo kugurisha amatungo bahawe cyangwa amafaranga bahawe bakayakoresha mu bitajyanye na gahunda y'ubudehe;

- Mu tugari tumwe, aho gutoranya abaturage bigaragara ko bafite ikibazo cy'ubukene, bahitagamo abishoboye ngo nibo bashobora korora cyangwa kubyaza umusaruro amafaranga bagenewe;

- Abayobozi bagiye bivanga mu mikoreshereze y'amafaranga y'ubudehe, ndetse ugasanga bamwe bayabitse kuri konti zabo cyangwa mu ngo zabo, cyangwa bakayakoresha mu nyungu zabo;

- Mu tugari tumwe na tumwe, amafaranga ya gahunda y'ubudehe yagabanyijwe abagize Komite Nyobozi na ngenzuzi n'inshuti zabo ku buryo atageze ku batishoboye bari baratoranyijwe kandi abo bagize komite bayakoresheje uko bishakiye kuko batigeze bitura. Hari aho amafaranga atageraga ku bagenerwabikorwa uko yateganyijwe bakabwirwa ko ayo batahawe yakoreshejwe mu kubakurikiranira ayo mafaranga kandi ibyo ntaho biteganijwe;

- Muri rusange, benshi mu baturage bahawe amatungo cyangwa amafaranga ntabwo bigeze bitura nk'uko byari biteganyijwe. Impamvu ni uko abagize komite y'ubudehe kimwe n'abayobozi mu nzego z'ibanze batakurikiranye icyo gikorwa. Hari n'ubwo abagenerwabikorwa babaga batarasobanuriwe ko bagomba kwitura igihe bungutse. Komite ntabwo zihatiye kwishyuza abagurijwe kugira ngo amafaranga ahabwe abandi. Hari n'abagenerwabikorwa batagize ubushake bwo kwitura kandi barabisabwe;

- Bimwe mu bikorwa by'inyungu rusange byibanzweho sibyo byari bikwiye ingero ni nko gusibura imihanda no gusibura imirwanyasuri. Ibyo ni ibikorwa byakagombye gukorwa n'umuganda usanzwe aho kubitangaho amafaranga y'ubudehe yagakoze icyo abaturage batashobora kwikorera ubwabo. Hari ibikorwa rusange byangiritse, ubu bikaba bidakoreshwa. Hari n'ibindi bikorwa bitarangijwe kandi byaratwaye amafaranga;

- Ahagiye hakorwa ibikorwa rusange nk'imihanda, imirwanyasuri, ubuhinzi bw'imyumbati,.. abaturage bagombaga guhabwa amafaranga y'ubudehe bamaze gukora, ariko hari aho byagaragaye ko babanje kuyagabanya abaturage mbere y'uko bakora, bityo igikorwa cyateguwe ntikirangizwe.

Isuzumamikorere rya gahunda y'ubudehe ryagaragaje ingamba zikurikira:

- Kubera ko gahunda y'ubudehe itangwaho amafaranga menshi, hagomba gushyirwaho abakozi babifitiye ubushobozi ku rwego rw'imirenge n'urw'igihugu bashinzwe guhuza ibikorwa byayo bakorana n'abagenerwabikorwa kandi bita cyane cyane ku micungire y'amafaranga akoreshwa;

- Komite z'ubudehe zifatanyije n'inzego z'ibanze zikwiye gukurikirana abaturage bagomba kwishyura no kwitura bakabikora nk'uko biteganyijwe;
- Hagomba gusuzumwa uburyo ibikorwa bitarangijwe n'ibyononekaye byarangizwa cyangwa bigasanwa kuko byatekerejweho bifitiye abatuye Umudugudu akamaro;
- Abayobozi bo mu nzego z'ibanze bagomba kumva ko gahunda y'ubudehe iri mu nshingano zabo; bityo bagakurikirana ibikorwa by'ubudehe kugira ngo amafaranga ya Leta akoreshwe icyo yagenewe kandi intego rusange zigerweho.
- Abaturage bahawe amafaranga cyangwa amatungo muri gahunda y'ubudehe bakayakoresha neza yabagiriye akamaro. Kubera iyo mpamvu, iyi gahunda ikwiye gushyirwamo ingufu cyane cyane mu birebana n'imicungire y'amafaranga ayitangwaho. Ibi birasaba ko abayobozi n'abakozi ku nzego zose bireba barushaho kuyikurikirana, abagenerwabikorwa bagahabwa amafaranga uko yagenwe kandi bakayakoresha ibyo bateguye.

### 2.2.2. Igenzura rya gahunda y'icyerekezo 2020 Umurenge (VUP)

Igenzura rya gahunda y'icyerekezo 2020 Umurenge (VUP) ryakozwe muri Kamena 2011 rikaba ryarakorewe mu mirenge 30 yo mu turere twose tw'Igihugu, hagiye hasurwa umurenge umwe muri buri karere. Gahunda y'icyerekezo 2020 Umurenge (VUP) ishingiye ku cyerekezo 2020 ikaba yarashyizweho na Leta mu rwego rwo gufasha abaturage guhashya ubukene. Mu gihe iyi raporo itegurwa, VUP ikorera mu mirenge 90 mu gihugu ni ukuvuga imirenge itatu muri buri karere. Abagenerwabikorwa ba gahunda ya VUP ni abaturage bakennye kurusha abandi. Iyi gahunda itangira abagenerwabikorwa batoranywaga na bagenzi babo ariko ubu batoranywa hifashishijwe ikoranabuhanga. Abagenerwabikorwa bafite imbaraga zo gukora bahabwa akazi mu bikorwa by'imirimo y'amaboko (public works), abadafite imbaraga zo gukora bagahabwa inkunga y'ingoboka (direct support), abaturage bashoboye gukora imishinga ibyara inyungu bakagurizwa bakazishyura (financial services).

### 2.2.2.1. Amafaranga yahawe imiryango

**Imbonerahamwe nº 11 : Amafaranga yahawe imiryango yafashijwe mu nkingi ya "direct support" 2008- 2011**

| Akarere | Umurenge | Umwaka w'ingengo y'imari | Amafaranga yatanzwe | Umubare w'ingo |
|---|---|---|---|---|
| Huye | Maraba | 2009-2010 | 27,835,088 | 293 |
| | | 2010-2011 | 34,289,488 | 365 |
| Nyamagabe | Mbazi | 2009-2010 | 26,540,500 | 173 |
| | | 2010-2011 | 49,305,200 | 298 |
| Karongi | Rwankuba | 2009-2010 | 20,106,000 | 145 |
| | | 2010-2011 | 40,216,600 | 200 |
| Rutsiro | Mukura | 2009-2010 | 16,256,800 | 196 |
| | | 2010-2011 | 28,400,230 | 214 |
| Kamonyi | Karama | 2009-2010 | 39,806,500 | 613 |
| | | 2010-2011 | 34,820,500 | 243 |
| Nyagatare | Rwempasha | 2008-2009 | 793,500 | 60 |
| | | 2009-2010 | 705,900 | 16 |
| | | 2010-2011 | 4,970,000 | 34 |
| Gatsibo | Kiziguro | 2008-2009 | 7,803,3000 | 244 |
| | | 2009-2010 | 18,078,700 | 136 |
| | | 2010-2011 | 14,274,000 | 100 |
| Nyaruguru | Rusenge | 2008-2009 | 33,444,000 | 270 |
| | | 2009-2010 | 7,794,000 | 62 |
| | | 2010-2011 | 40,743,000 | 343 |
| Gisagara | Gishubi | 2009-2010 | 71,289,000 | 593 |
| | | 2010-2011 | 29,916,000 | 202 |
| Rubavu | Rubavu | 2009 (Mini budget) | 29,288,000 | 911 |
| | | 2009-2010 | 28,525,700 | 410 |
| | | 2010-2011 | 32,157,600 | 454 |
| Nyabihu | Rurembo | 2009 (Mini budget) | 14,859,000 | 192 |
| | | 2009-2010 | 31,215,388 | 171 |
| | | 2010-2011 | 31,819,963 | 219 |

| Akarere | Umurenge | Umwaka w'ingengo y'imari | Amafaranga yatanzwe | Umubare w'ingo |
|---|---|---|---|---|
| Musanze | Musanze | 2009-2010 | 41,263,000 | 244 |
| | | 2010-2011 | 56,334,482 | 353 |
| Burera | Gitovu | 2008-2009 | 9,090,000 | 123 |
| | | 2009-2010 | 33,070,000 | 224 |
| | | 2010-2011 | 42,553,708 | 280 |
| Ruhango | Mwendo | 2008-2009 | 25,773,000 | 338 |
| | | 2009-2010 | 7,689,000 | 102 |
| | | 2010-2011 | 40,571,250 | 275 |
| Nyanza | Kibirizi | 2009-2010 | 23,076,000 | 191 |
| | | 2010-2011 | 26,232,000 | 251 |
| Kayonza | Nyamirama | 2009 mini budget | 51,166,500 | 140 |
| | | 2009-2010 | 62,850,000 | 179 |
| | | 2010-2011 | 32,265,000 | 218 |
| Rwamagana | Fumbwe | 2009 mini budget | 7,542,800 | 190 |
| | | 2009-2010 | 15,179,000 | 190 |
| | | 2010-2011 | 7,550,832 | 140 |
| Kirehe | Mahama | 2008-2009 | 3,301,500 | 297 |
| | | 2009-2010 | 50,041,500 | 182 |
| | | 2011 | 15,875,024 | 107 |
| Ngoma | Gashanda | 2008-2009 | 1,532,125 | 23 |
| | | 2009-2010 | 4,109,800 | 40 |
| | | 2010-2011 | 12,111,743 | 102 |
| Muhanga | Rugendabari | 2008 | 30,214,100 | 182 |
| | | 2009-2010 | | 65 |
| | | 2010-2011 | | 102 |
| Kicukiro | Gahanga | 2009-2010 | 22,126,000 | 193 |
| | | 2010-2011 | 51,023,400 | 303 |
| Gasabo | Gikomero | 2009-2010 | 7,218,000 | 251 |
| | | 2010-2011 | 20,988,000 | 135 |
| Nyarugenge | Mageragere | 2009-2010 | 6,385,000 | 118 |
| | | 2010-2011 | 5,698,800 | 39 |

| Akarere | Umurenge | Umwaka w'ingengo y'imari | Amafaranga yatanzwe | Umubare w'ingo |
|---|---|---|---|---|
| Gicumbi | Rubaya | 2009-2010 | 9,471,611 | 76 |
| | | 2010-2011 | 10,577,644 | 62 |
| Bugesera | Kamabuye | 209-2010 | 8,734,500 | 229 |
| | | 2010-2011 | 30,388,500 | 443 |
| Nyamasheke | Mahembe | 2009 | 14,660,372 | 227 |
| | | 2010-2011 | 34,010,489 | 227 |
| Rusizi | Nyakarenzo | 2008-2009 | 8,971,500 | 212 |
| | | 2009-2010 | 2,893,500 | 48 |
| | | 20010-2011 | 8,136,000 | 96 |
| Gakenke | Minazi | 2008-2009 | 17,860,334 | 267 |
| | | 2009-2010 | 8,102,500 | 82 |
| | | 2010-2011 | 19,713,000 | 149 |
| Rulindo | Cyinzuzi | 2009-2010 | 24,113,000 | 231 |
| | | 2010-2011 | 26,725,500 | 205 |
| Ngororero | Muhororo | 2009 | 14,238,000 | 297 |
| | | 2009-2010 | 8,406,000 | 66 |
| | | 2010-2011 | 13,284,000 | 92 |
| **IGITERANYO** | | | **1,819,033,806** | - |

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe inkingi y'inkunga y'ingoboka irerekana ko mu mirenge 30 yasuwe abaturage bafashijwe bamaze guhabwa amafaranga **1,819,033,806.** Umubare w'ingo zimaze gufashwa wo ntuzwi neza kuko hari ingo zigenda zigaruka buri mwaka hakaba n'izivamo.

### 2.2.2.2. Amafaranga yatanzwe muri "financial services"

**Imbonerahwe nº 12: Amafaranga yatanzwe n'abagurijwe muri "financial services" 2009-2011**

| Akarere | Umurenge | Umwaka w'ingengo y'imari | Umubare w'abagurijwe | | Amafaranga bagurijwe/ Frw | Amafaranga amaze kwishyura / Frw | Amafaranga asigaye kwishyurwa/ Frw |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Huye | Maraba | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 145 | 8,700,000 | 10,070,670 | 65,722,330 |
| | | | Amatsinda | 70 | 67,093,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 219 | 13,140,000 | 0 | 41,634,800 |
| | | | Amatsinda | 37 | 28,494,800 | | |
| Nyamagabe | Mbazi | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 491 | 29,332,300 | 22,000,000 | 25,479,300 |
| | | | Amatsinda | 32 | 18,147,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 138 | 8,280,000 | 0 | 21,760,000 |
| | | | Amatsinda | 26 | 13,480,000 | | |
| Karongi | Rwankuba | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 15 | 900,000 | 17,728,520 | 25,193,480 |
| | | | Amatsinda | 49 | 42,022,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 257 | 23,070,000 | 0 | 23,430,000 |
| | | | Amatsinda | 6 | 360,000 | | |
| Rutsiro | Mukura | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 47 | 282,000 | 21,500,000 | 51,935,500 |
| | | | Amatsinda | 84 | 72,153,500 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 32 | 1,920,000 | 0 | 29,190,000 |
| | | | Amatsinda | 26 | 27,270,000 | | |
| Kamonyi | Karama | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 32 | 1,920,000 | 10,500,000 | 72,835,856 |
| | | | Amatsinda | 82 | 81,415,856 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | - | 41,547,626 | 37,065,300 | 4,482,326 |
| | | | Amatsinda | 27 | | | |
| Nyagatare | Rwempasha | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 45 | 2,700,000 | 30,23,.780Frw | 89,090,000 |
| | | | Amatsinda | 142 | 86,390,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 16 | 960,000 | 0 | 65,240,000 |
| | | | Amatsinda | 65 | 64,280,000 | | |
| Gatsibo | Kiziguro | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 32 | 1,920,000 | 19.169.450 | 101,830,550 |
| | | | Amatsinda | 77 | 84,080,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 8 | 480,000 | | |
| | | | Amatsinda | 44 | 34,520,000 | | |
| Nyaruguru | Rusenge | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 47 | 75,571,718 | 13.946.890 | 118,397,914 |
| | | | Amatsinda | 52 | | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 43 | 56,773,086 | | |
| | | | Amatsinda | 44 | | | |

| Akarere | Umurenge | Umwaka w'ingengo y'imari | Umubare w'abagurijwe | | Amafaranga bagurijwe/ Frw | Amafaranga amaze kwishyura / Frw | Amafaranga asigaye kwishyurwa/ Frw |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Gisagara | Gishubi | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 319 | 19,140,000 | 8,404,570 | 105,433,430 |
| | | | Amatsinda | 70 | 54,538,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 0 | 0 | | |
| | | | Amatsinda | 421 | 40,160,000 | | |
| Rubavu | Rubavu | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 5 | 73,400,000 | 26,789,000 | 46,611,000 |
| | | | Amatsinda | 59 | | | |
| | | | Koperative | 3 | | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 11 | 39,322,239 | 679,000 | 38,643,239 |
| | | | Amatsinda | 17 | | | |
| | | | Koperative | 3 | | | |
| Nyabihu | Rurembo | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 48 | 77,495,750 | 36,240,340 | 41,255,410 |
| | | | Amatsinda | 110 | | | |
| | | | Koperative | 1 | | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 20 | 35, 433,426 | 0 | 35, 433,426 |
| | | | Amatsinda | 50 | | | |
| Musanze | Musanze | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 118 | 7,080,000 | 22,000,000 | 36,780,000 |
| | | | Amatsinda | 150 | 51,700,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 247 | 14,820,000 | 500,000 | 40,400,000 |
| | | | Amatsinda | 204 | 26,080,000 | | |
| Burera | Gitovu | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 468 | 28,080,000 | 53,737,435 | 44,881,835 |
| | | | Amatsinda | 81 | 70,539,270 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 42 | 2,520,000 | 0 | 53,740,000 |
| | | | Amatsinda | 30 | 51,220,000 | | |
| Ruhango | Mwendo | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 612 | 30,665,065 | 23,378,660 | 48,952,738 |
| | | | Amatsinda | 118 | 41,666,333 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 116 | 6,955,000 | 0 | 46,451,450 |
| | | | Amatsinda | 28 | 39,496,450 | | |
| Nyanza | Kibirizi | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 2 | 120,000 | 17.992.638 | 50,507,362 |
| | | | Amatsinda | 84 | 68,380,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 69 | 4,140,000 | 0 | 68,821,695 |
| | | | Amatsinda | 97 | 44,481,695 | | |
| | | | Koperative | 1 | 20,200,000 | | |
| Kayonza | Nyamirama | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 0 | 70,000,000 | 30,000,000 | 40,000,000 |
| | | | Amatsinda | 35 | | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 0 | 51,900,000 | 0 | 51,900,000 |
| | | | Amatsinda | 27 | | | |
| Rwamagana | Fumbwe | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 2 | 120,000 | 20,237,000 | 39,383,000 |
| | | | Amatsinda | 49 | 59,500,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 1 | 60,000 | 0 | 47,013,766 |
| | | | Amatsinda | 23 | 46,953,765 | | |

| Akarere | Umurenge | Umwaka w'ingengo y'imari | Umubare w'abagurijwe | | Amafaranga bagurijwe/ Frw | Amafaranga amaze kwishyura / Frw | Amafaranga asigaye kwishyurwa/ Frw |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Kirehe | Mahama | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo + amatsinda | 1160 | 90,422,500 | 31,000,000 | 107,722,500 |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo+ Amatsinda | 509 | 48,300,000 | | |
| Ngoma | Gashanda | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 40 | 84,382,400 | 23,376,770 | 61,005,630 |
| | | | amatsinda | 69 | | | |
| | | | Koperative | 1 | | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyane | 7 | 420,000 | 0 | 36,780,000 |
| | | | Amatsinda | 27 | 28,610,000 | | |
| | | | Koperative | 4 | 7,750,000 | | |
| Kicukiro | Gahanga | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 5 | 300,000 | 612,000 | 8,528,000 |
| | | | Amatsinda | 1 | 140,000 | | |
| | | | Koperative | 2 | 8,700,000 | | |
| Gasabo | Gikomero | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 41 | 2,460,000 | 29,500,150 | 41,439,850 |
| | | | Amatsinda | 53 | 68,480,000 | | |
| | | 2010-2011 | Amatsinda | 34 | 43,880,000 | 11,106,000 | 32,774,000 |
| Nyarugenge | Mageragere | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 229 | 13,740,000 | 6,323,150 | 24,186,850 |
| | | | Amatsinda | 21 | 16,770,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 20 | 1,200,000 | 0 | 25,594,500 |
| | | | Amatsinda | 16 | 24,394,500 | | |
| Gicumbi | Rubaya | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 31 | 1,920,000 | 19,709,499 | 86,366,151 |
| | | | Amatsinda | 107 | 99,655,650 | | |
| | | | Koperative | 1 | 4,500,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 99 | 1,740,000 | 0 | 59,930,000 |
| | | | Amatsinda | 44 | 53,190,000 | | |
| | | | Koperative | 1 | 5,000,000 | | |
| Bugesera | Kamabuye | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 764 | 45,840,000 | 19,045,410 | 63,289,590 |
| | | | Amatsinda | 48 | 36,495,000 | | |
| | | | Koperative | 3 | | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 253 | 55,624,000 | 0 | 55,624,000 |
| | | | Amatsinda | 85 | | | |
| | | | Koperative | 1 | | | |
| Muhanga | Rugendabari | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 144 | 99,793,000 | 24,696,050 | 75,096,950 |
| | | | Amatsinda | 161 | | | |
| | | | Koperative | 6 | | | |

| Akarere | Umurenge | Umwaka w'ingengo y'imari | Umubare w'abagurijwe | | Amafaranga bagurijwe/ Frw | Amafaranga amaze kwishyura / Frw | Amafaranga asigaye kwishyurwa/ Frw |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ngororero | Muhororo | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 288 | 16,873,600 | 37,429,040 | 89,194,560 |
| | | | Amatsinda | 90 | 62,700,000 | | |
| | | | Koperative | 2 | 3,000,000 | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 151 | 6,300,000 | | |
| | | | Amatsinda | 58 | 37,750,000 | | |
| Nyamasheke | Mahembe | 2010 | Abantu ku giti cyabo | 253 | 62,565,000 | 38,530,000 | 24,035,000 |
| | | | Amatsinda | 68 | | | |
| | | | Koperative | 22 | | | |
| | | 2011 | Abantu ku giti cyabo | 83 | 52,537,748 | 0 | 52,537,748 |
| | | | Amatsinda | 48 | | | |
| | | | Koperative | 1 | | | |
| Rusizi | Nyakarenzo | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 119 | 28,125,500 | 33,875,380 | 58,972,120 |
| | | | Amatsinda | 56 | 64,722,000 | | |
| Gakenke | Minazi | 2009-2010 | Abantu ku giti cyabo | 263 | 101,687,422 | 31,477,260 | 124,999,807 |
| | | | Amatsinda | 58 | | | |
| | | | Koperative | 4 | | | |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 12 | 54,789,645 | | |
| | | | Amatsinda | 9 | | | |
| Rulindo | Cyinzuzi | 2009-2010 | Amatsinda | 97 | 64,212,600 | 18,696,050 | 92,241,513 |
| | | 2010-2011 | Abantu ku giti cyabo | 0 | 46,724,963 | | |
| | | | Amatsinda | 129 | | | |
| **IGITERANYO** | | | | | **3,155,300,213** | **657,802,684** | **2,497,497,547** |

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, amafaranga yatanzwe mu byiciro 3 (abantu ku giti cyabo, amatsinda na koperative). Abantu bari mu itsinda amafaranga atangwa bitewe n'umubare w'abagize itsinda. Iyi mbonerahamwe iragaragaza kandi ko mu mirenge yasuwe kuva VUP yatangira abaturage bamaze kugurizwa amafaranga angana na **3,155,300,213** amaze kwishyurwa angana na **657,802,684** bingana na **21%** hakaba hasigaye kwishyura amafaranga **2,497,497,547** bingana na **79 %** .

### 2.2.2.3. Amafaranga yatanzwe n'ibikorwa byakozwe "Pablic works"

**Imbonerahamwe nº 13: Amafaranga yatanzwe n'ibikorwa byakozwe mu nkingi ya "public works"**

| Akarere | Umurenge | Ibikorwa byakozwe | Ingano y'ibyakozwe | Amafaranga byatwaye / Frw | Umubare w'abakoze |
|---|---|---|---|---|---|
| Huye | Maraba | Umuhanda | 10,5 km | 215,703,300 | 620 |
| | | Imirwanyasuri | 415 ha | | |
| | | Ibyumba by'amashuri | 6 | | 1,656 |
| Nyamagabe | Mbazi | Imirwanyasuri | 294,2 ha | 33,897,600 | 922 |
| | | Amaterasi y'indinganire | 52,2 ha | 95,218,400 | 922 |
| | | Umuhanda n'amateme (12) | 25 km | 23,667,500 | 334 |
| Karongi | Rwankuba | Amaterasi y'indinganire | 150 ha | 190,080,000 | 1,000 |
| | | Ikigonderabuzima | 1 | 144,974,570 | 100 |
| Rutsiro | Mukura | Amaterasi y'indinganire | 360 ha | 110,000,000 | 800 |
| | | Imirwanyasuri | 52 ha | 111,593,375 | 125 |
| Kamonyi | Karama | Imirwanyasuri | 116 ha | 58,810,700 | 416 |
| Nyagatare | Rwempasha | Gusana ibyumba by'amashuli | 28 | 98,745,500 | 394 |
| | | Kubaka ubwiherero | 36 | | |
| | | Kwagura SACCO | 1 | | |
| | | Intebe z'abanyeshuri | 720 | | |
| | | Gucukura imiringoti | 340 ha | | |
| Gatsibo | Kiziguro | Ibyobo bifata amazi | 23 | 47,955,000 | 703 |
| | | Amaterase | 75 ha | 94,300,000 | |
| | | Gukora umuhanda | 2,4 km | 19,500,000 | |
| | | Gucukura imiringoti | 400 ha | 82,021,500 | |
| Nyaruguru | Rusenge | Imihanda 5 | 900 km | 39,865,500 | 620 |
| | | Gutunganya igishanga | 42 ha | | |
| Gisagara | Gishubi | Umuhanda | 28 km | 148,856,000 | 1,608 |
| | | Imirwanyasuri | 600 ha | 107,937,500 | 1,338 |
| | | Gutunganya ahubakwa imidugudu | Utugari 4 | 63,220,178 | 1,338 |
| Rubavu | Rubavu | Umuhanda | 4,8 km | 362,677,500 | 719 |
| | | Umuhanda | 2,5 km | | |
| | | Umuhanda | 4,4 km | | |
| | | Gusana umuhanda | 4,8 km | | |

| Akarere | Umurenge | Ibikorwa byakozwe | Ingano y'ibyakozwe | Amafaranga byatwaye / Frw | Umubare w'abakoze |
|---|---|---|---|---|---|
| Nyabihu | Rurembo | Amaterasse | 135 ha | 167,376,333 | 2,869 |
| | | Inyigo y'umuhanda Umurenge Rurembo | 28 km | | |
| | | Imirwanyasuri | 34 ha | | |
| | | Imirwanyasuri | 217,4 ha | | |
| | | Umuhanda | 8 km | | |
| Musanze | Musanze | Umuhanda | 7,8 km | 129,283,000 | 160 |
| Burera | Gitovu | Umuhanda | 7,75 km | 84,255,393 | 331 |
| | | Imirwanyasuri | 1821,7 ha | 233,745,725 | 1,263 |
| | | Kubaka ishuri | Ibyumba 9 | 78,119,736 | 60 |
| | | Amashanyarazi | Ingano ntizwi | 84,968,128 | Ntibazwi |
| Ruhango | Mwendo | Umuhanda | 12,3 km | Ntazwi | Ntibazwi |
| | | Umuhanda | 12,7 km | Ntazwi | 1,200 |
| | | Imirwanyasuri | 38 ha | 49,413,860 | 879 |
| | | Imirwanyasuri | 328 ha | 48,187,765 | 629 |
| | | Amaterasi | 71 ha | 73,866,565 | 75 |
| | | Ikigo nderabuzima | 1 | Ntazwi | ---------- |
| Nyanza | Kibilizi | Umuhanda | 14,5 km | 87, 000,000 | 220 |
| | | Imirwanyasuri | 1290 ha | 95, 000,000 | 1,248 |
| | | Ibyobo by'amazi | 18 | 3, 040,000 | 66 |
| | | Amaterasi | 18 ha | 29, 817,500 | 505 |
| Kayonza | Nyamirama | Imirwanyasuri | 1,186 ha | 145,225,679 | 2,536 |
| | | Umuhanda | 35 km | | |
| Rwamagana | Fumbwe | Imirwanyasuri | 1,092 ha | 89,534,333 frw | 603 |
| Kirehe | Mahama | Imirwanyasuri no guteraho ibiti | 1310 ha | 133, 881,960 | 1,001 |
| | | Kubaka Ikigo nderabuzima | 1 | | |
| | | Gusana no kwagura umuyoboro w'amazi muri Kitambogo na Nyakiziba | --------- | | |
| Ngoma | Gashanda | Imirwanyasuri | 752 ha | 155, 888,285 | 672 |
| | | Amazi mu murenge | Ntibizwi | 23, 696,813 | 142 |
| Muhanga | Rugendabari | Imirwanyasuri | 100,4 ha | 968,490,785 | 1,200 (ariko abari kuri targeting list ni 708) |
| | | Umuhanda | 2,9 km | | |
| | | Amaterase y'indinganire | 392 ha | | |
| | | Amashanyarazi | ------- | | |
| | | Ivuriro | 1 | | |
| | | Isoko | 1 | | |

| Akarere | Umurenge | Ibikorwa byakozwe | Ingano y'ibyakozwe | Amafaranga byatwaye / Frw | Umubare w'abakoze |
|---|---|---|---|---|---|
| Ngororero | Muhororo | Imirwanyasuri no kuyiteraho urubingo | 400 ha | 196,397,800 | 1,024 |
| | | Amaterase y'indinganire | 78 ha | | 600 |
| Kicukiro | Gahanga | Umuhanda | 18km | 60,000,000 | 500 |
| | | Amaterase y'indinganire | 31ha | 90,018,893 | 600 |
| Nyarugenge | Mageragere | Umuhanda | 17 km | 63,803,000 | 395 |
| | | Imirwanyasuri | 1863 ha | 89.391.080 | 534 |
| Gasabo | Gikomero | Amaterase y'indinganire | 238 ha | 243,432,997 | 1,093 |
| | | Ibyobo bifata amazi | 25 | | 491 |
| Gicumbi | Rubaya | Amaterase y'indinganire | 316 ha | 592,498,862 | 4,016 |
| | | Ibigega by'imyaka | 2 | | |
| | | Hangari | 1 | | |
| Bugesera | Kamabuye | Ibyobo bifata amazi | 40 | 87,379,400 | 415 |
| | | Ibyumba by'amashuli+Biro z'abayobozi b'ibigo | 21 | 183,864,168 | 1,291 |
| | | Ubwiherero | 18 | | |
| | | Ibigega by'amazi | 5 | | |
| | | Umuhanda | 10km | 99,055,100 | 818 |
| | | Imirwanyasuri | 100ha | 11.933.000 | |
| Nyamasheke | Mahembe | Umuhanda | 40 km | 162,332,200 | 660 |
| | | Amaterasse y'indingandire | 65 ha | | |
| | | Iimirwanyasuri | 40 ha | 85,000,000 | 660 |
| | | Ikigo nderabuzima | 1 | 66,190,000 | |
| | | Isoko | 1 | 96,000,000 | |
| | | Uduteme | 88 | 840,000,000 | |
| Rusizi | Nyakarenzo | Amaterase y'indinganire | 144,5 ha | 177,475,420 | 1,200 |
| | | Imirwanyasuri | 1145 ha | | |
| | | Umuhanda | 5 km | | |
| Gakenke | Minazi | Umuhanda | 21 km | 533,702,907 | 953 |
| | | Amaterase y'indinganire | 161 ha | | 2,128 |
| | | Imirwanyasuri | 1,846 ha | | |
| Rulindo | Kinzuzi | Imirwanyasuri | 108 ha | 113,047,700 | 500 |
| | | Amaterase y'indinganire | 143 ha | 146,499,268 | 1,370 |
| | | Amashanyarazi | 12 km | 500,000,000 | 220 |
| | | Amazi | 3 km | 220,000,000 | |
| **IGITERANYO** | | | | **8,033,338,278.00** | |

Imbonerahamwe ibanza iragaragaza ko mu cyiciro cya “public works” mu mirenge yasuwe hakozwe ibikorwa byinshi bitandukanye bituma umurenge uva mu bwigunge birimo imihanda n'amateme, amavuriro, amashuri, hakozwe kandi imirwanyasuri, amaterasi y'indinganire mu rwego rwo kurwanya isuri. Ibikorwa byose byakozwe bikaba byaratwaye amafaranga **8,033,338,278.**

Isuzumamikorere rya gahunda ya VUP Umurenge ryagaragaje imbogamizi zikurikira:

- Abagenerwabikorwa batinda guhabwa amafaranga;
- Guhitamo abagenerwabikorwa batujuje ibisabwa, ahubwo bigakorwa hashigiwe ku cyenewabo cyangwa ikimenyane;
- Abahawe amafaranga yo kubafasha gushyira mu bikorwa imishinga bateguye bakaba batishyura;
- Abakoze mu bikorwa by'imirimo y'amaboko batinda guhembwa;
- Ibikorwa remezo byakorewe abaturage ntibababibyaze umusaruro ndetse bimwe bikangirika kandi byaratwaye amafaranga;
- Abategura imishinga badafite ubumenyi buhagije bigatuma imishinga ihomba ;
- Abakozi ba VUP badahabwa amafaranga yo gukoresha ku gihe mu mirimo yabo ya buri munsi.

Gahunda ya VUP Umurenge imaze kugera kuri byinshi kandi bishimishije nko gukemura ikibazo cy'inzara, kwishyurira abana amashuri, kwiteza imbere mu bworozi, kuriha amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza, kubaka no gusana amazu. Imibereho y'abaturage igenda ihinduka ku buryo bugaragara kuko ahenshi bamaze kubona amazi meza, amashanyarazi, imihanda, ndetse bamaze kugira umuco mwiza wo kwizigamira mu “Umurenge SACCO”.

Isuzumamikorere ryagaragaje ingamba zikurikira:

- Komite z'ubudehe zifatanyije n'inzego z'ibanze zikwiye gukurikirana abaturage bahawe inguzanyo kugira ngo bishyure ayo mafaranga ahabwe abandi;
- Abayobozi bo mu nzego z'ibanze bagomba gukurikiranira hafi iyo gahunda;
- Amafaranga afasha abakozi ba VUP mu kazi kabo ka buri munsi akwiye kujya atangirwa igihe kugira ngo bitadindiza akazi;
- Inzira amafaranga anyuramo ni ndende ku buryo ikwiye koroshywa kugira

ngo amafaranga agere ku bagenerwabikorwa ku gihe, bityo n'imirimo iba yakozwe ibashe kwishyurwa ku gihe;

- Uturere dukwiye kujya dukoresha amafaranga mu bikorwa tuba twayaherewe, ntihabeho kwiguriza amafaranga ya gahunda ya VUP Umurenge;

- Gusobanurira abaturage mu buryo buhagije ku bijyanye no gucunga ibikorwa remezo biba byakozwe kuko biba byakozwe mu nyungu zabo kandi biba byatanzweho amafaranga menshi.

### 2.2.3. Igenzura rya gahunda y'ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de santé)

Ubwisungane mu kwivuza ni uburyo magiririrane abaturage bibumbira hamwe bagatanga amafaranga make kugira ngo bashobore kwivuza no kuvuza imiryango yabo mu gihe baba bagennye. Intego z'ubwisungane mu kwivuza:

- Kuvuza abanyamuryango n'abo bishingiye;
- Gukemura inzitizi z'ibura ry'amafaranga yo kwivuza igihe umuntu afashwe n'indwara;
- Guteza imbere amavuriro mu rwego rw'umutungo n'imikorere myiza;
- Guteza imbere imibereho myiza y'umuryango mu rwego rwo guhashya indwara;
- Gutsura amajyambere y'igihugu muri rusange.

Gahunda y'ubwisungane mu kwivuza yafashije abaturage kugana ibigo bitanga serivisi z'ubuvuzi ku buryo batakirembera mu ngo zabo. Iyi gahunda abaturage barayishimiye kandi n'inzego zose zishyira imbaraga mu gushishikariza abaturage kuyitabira batangira igihe umusanzu wabo.

**Imbonerahamwe nº 14 : Ishusho rusange ku mikorere ya gahunda y'ubwisungane mu kwivuza kugeza mu kwezi kwa Mata 2011**

| AKARERE | Ishami ry'ubwisungane mu kwivuza | Umubare w'abaturage bose | Ubwitabire muri 2011 (%) | Amafaranga bafite kuri konti (RwF) | Imyenda bafitiye ikigo nderabuzima n'abandi (RwF) | Imyenda bafitiwe (RwF) | Amafaranga yanyerejwe |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| NYARUGURU | Munini | 12,043 | 61.8 | 1,323,128 | 0 | 2,363,000 | 0 |
| | Kibeho | 13,284 | 89.9 | 9,471,104 | 0 | 4,000,000 | 0 |
| | Nyabimata | 17,829 | 59 | 3,722,043 | 2,095,141 | 6,222,428 | 0 |
| | Ruramba | 17,224 | 65 | 8,634,303 | 0 | 2,807,000 | 0 |
| | Nyamyumba | 12,312 | 71 | 4,194,613 | 0 | 3,318,000 | 0 |
| | Cyahinda | 17,175 | 66.9 | 1,665,370 | 0 | 2,423,491 | 0 |
| | Kabirizi | 18,783 | 71.9 | 7,841,484 | 0 | 3,680,000 | 0 |
| NGORORERO | Rususa | 19,770 | 80.9 | 22,469,936 | 0 | 553,820 | 0 |
| | Nyange A | 16,956 | 82 | 14,758,587 | 0 | 914,090 | 448,000 |
| | Ntaganzwa | 21,559 | 61 | 9,024,937 | 0 | 2,281,950 | 686,435 |
| | Muhororo | 10,175 | 98.7 | 18,495,078 | 0 | 788,650 | 0 |
| | Nyange B | 19,779 | 99.7 | 19,068,328 | 0 | 1,508,447 | 0 |
| MUSANZE | Muhoza | 73.527 | 76.4 | 25,935,694 | 0 | 6,435,000 | 0 |
| | Nyakinama | 26.503 | 75 | 7,421,646 | 2,921,893 | 886,000 | 0 |
| | Kinigi | 30.730 | 94.1 | 8,833,276 | 3,297,000 | 775,000 | 0 |
| | Bisate | 17.256 | 85.2 | 9,097,234 | 8,199,644 | 572,000 | 0 |
| | Busogo | 31.106 | 56.9 | 15,908,450 | 0 | 868,000 | 0 |
| | Shingiro | 23.068 | 74.6 | 9,484,829 | 1,257,417 | 1,687,000 | 0 |
| | Karwasa | 23.675 | 59 | 13,578,048 | 0 | 2,379,115 | 0 |
| | Gasiza | 21.179 | 81.9 | 7,275,333 | 7,268,813 | 410,000 | 0 |
| | Rwaza | 20.600 | 73 | 5,570,697 | 2,502,000 | 635,000 | 0 |
| KARONGI | Kilinda | 20,885 | 65 | 13,196,036 | 2,013,428 | 683,200 | 0 |
| | Karongi | 20,667 | 101.5 | 11,675,215 | 1,866,149 | 36,379 | 0 |
| | Rugabano | 13,612 | 63.2 | 8,723,962 | 77,603 | 1,270,004 | 0 |
| | Birambo | 10,059 | 88.2 | 3,376,005 | 138,643 | 4,936,165 | 0 |
| | Rubengera | 20,115 | 99.9 | 13,948,712 | 0 | 84,533 | 0 |
| | Police Karongi | 6,350 | 100 | 5,810,063 | 776,100 | 2,243,649 | 0 |
| GICUMBI | Byumba | 20,248 | 90 | 19,461,711 | 1,700,000 | 600,000 | 0 |
| | Muhondo | 14,475 | 88.5 | 9,532,762 | 680,731 | 201,000 | 0 |
| | Munyinya | 22,736 | 77 | 15,614,262 | 1,344,422 | 0 | 0 |
| | Mulindi | 16,798 | 73.8 | 10,132,592 | 883,837 | 4,717,261 | 0 |
| NYAMAGABE | Jenda-Musange | 17,000 | 37.2 | 5,369,007 | 4,629,764 | 3,201,808 | 0 |
| | Kitabi | 24,724 | 26.70 | 7,914,951 | 1,420,593 | 2,284,914 | 0 |
| | Kigeme | 17,160 | 75.3 | 15,763,263 | 1,692,400 | 4,997,323 | |
| | Nyamagabe | 19,425 | 66 | 6,746,244 | 17,884,531 | 5,238,512 | 0 |

| AKARERE | Ishami ry'ubwisunane mu kwivuza | Umubare w'abaturage bose | Ubwitabire muri 2011 (%) | Amafaranga bafite kuri konti (RwF) | Imyenda bafitiye ikigo nderabuzima n'abandi (RwF) | Imyenda bafitiwe (RwF) | Amafaranga yanyerejwe |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **BUGESERA** | Nyamata | 35,694 | 81 | 21,163,866 | 6,070,724 | 2,698,840 | 0 |
| | Mayange | 22,489 | 84 | 19,954,840 | 9,417,774 | 8,249,699 | 0 |
| | Gakurazo | 26,141 | 60.7 | 8,971,102 | 9,392,731 | 3,253,653 | 0 |
| | Mwogo | 21,441 | 60 | 10,732,537 | 39,054 | 4,166,151 | 0 |
| | Ririma | 37,177 | 73.4 | 18,330,211 | 6,995,885 | 18,657,444 | 0 |
| | Gashora | 19,438 | 69 | 6,541,553 | 6,132,106 | 955,000 | 0 |
| | Mareba | 21,594 | 51.6 | 4,760,477 | 18,451,600 | 906,000 | 3,216,433 |
| **RUTSIRO** | Congo Nil | 16,832 | 99 | 10,341,115 | 3,218,048 | 871,000 | 1,102,475 |
| | Kinihira | 13,138 | 79.5 | 7,810,000 | 0 | 1,332,000 | 0 |
| | Mushubati | 21,828 | 52 | - | - | - | - |
| | Mukura | 25,262 | 50 | 12,549,963 | 2,056,320 | 4,664,000 | 0 |
| | Kinunu | 19,273 | 93.4 | 9,517,940 | 4,134,698 | 600,000 | |
| **GATSIBO** | Kibundo | 19,713 | 59 | 7,399,876 | 4,526,564 | 3,568,850 | 1,791,850 |
| | Gitoki | 11,353 | 87.1 | 5,899,558 | 500,000 | 2,141,000 | 0 |
| | Kabarore | 28,708 | 96.7 | 17,119.327 | 12,981,323 | 6,295,600 | 0 |
| | Gituza | 26,795 | 75 | 5,949,583 | 5,539,947 | 2,987,870 | 0 |
| **GASABO** | Rusororo | 21,708 | 75 | 4,325,000 | 3,099,740 | 0 | 387,000 |
| | Kabuye | 11,741 | 69 | 4,489,698 | 12,759,017 | 2,810,530 | 0 |
| | Rubungo | 12,772 | 94 | 3,872,450 | 2,896,250 | 2,205,000 | 0 |
| | Gihogwe | 10,369 | 72 | 6,840,200 | 2, 122,114 | 470,000 | 0 |
| | Kacyiru | 45,245 | 89.08 | 10,502,000 | 17, 783,372 | 6,952,000 | 0 |
| | Kimironko | 52,930 | 89 | 16,400,800 | 0 | 4,595,000 | 0 |

Isuzumamikorere rya gahunda y'ubwisungane mu kwivuza ryagaragaje imbogamizi zikurikira:

- Amashami y'ubwisungane yakira amafaranga y'imisanzu ndetse n'ayo abanyamuryango bishyura bamaze kwivuza (ticket modérateur) ariko abakozi bagatinda kuyajyana kuri banki bakayabika mu isanduku kandi ari menshi ndetse bakanayamarana igihe kinini. Ahenshi usanga babitse amafaranga arenga ibihumbi magana atatu (300,000) kandi nta bubiko bafite;
- Kwiguriza no kuguriza amafaranga ababikoze bavuga ko bazayishyura. Ibyo byagaragaye mu bakozi b'amashami y'ubwisungane no mu bashinzwe gukusanya imisanzu y'abaturage;

- Abakozi b'amashami y'ubwisungane mu kwivuza batuzuza ibitabo by'icungamutungo uko bikwiye, ibyo bigaragara kandi no mu kuzuza raporo z'ukwezi;
- Amafaranga akoreshwa mu mirimo ya buri munsi y'amashami y'ubwisungane ntatangirwa ibisobanuro kuko nta nyandiko zigaragaza uko yakoreshejwe;
- Amashami y'ubwisungane agomba gutanga amafaranga angana na 20% ajya mu kigega cy'ubwisungane ku Karere (Pooling Risk Fund) ariko ayo mafaranga ahenshi ntatangwa;
- Ibigo nderabuzima byishyuza amashami y'ubwisungane bitinze bigatuma habaho ibirarane kuko bitishyurirwa igihe kandi ahanini biturutse ku kutagenzurira igihe inyemezabuguzi;
- Inama y'ubugenzuzi na komite ncungamutungo ntiziterana uko biteganyijwe, ntizitunganye inshingano zazo;
- Bamwe mu baterankunga bishyurira abatishoboye ntibishyurira igihe bigatuma abo baturage batabona uko bivuza.

Isuzumamikorere rya gahunda y'ubwisungane mu kwivuza ryagaragaje ingamba zikurikira:

- Abakozi b'ubwisungane mu kwivuza bakwiye guhugurwa ku buryo bwo kuzuza ibitabo ncungamutungo ndetse na za raporo zitangwa buri kwezi, kuko byagaragaye ko hari abakora amakosa nkana, abandi ugasanga nta bushobozi buhagije bafite;
- Amashami y'ubwisungane mu kwivuza akwiye kujya akora gahunda y'ibikorwa ndetse agategura n'ingengo y'imari ya buri mwaka mu rwego rwo guteganya amafaranga yo gukoresha mu mirimo ya buri munsi;
- Amashami y'ubwisungane mu kwivuza akwiye kujya agenzurwa kandi hagashyirwaho uburyo bwo gukorana na banki, amafaranga yakiriwe akajyanwa muri banki ku gihe;
- Mu mikoranire y'ibigo nderabuzima n'amashami y'ubwisungane mu kwivuza, birakwiye ko hubahirizwa igihe ntarengwa cyo kuba batanze inyemezabuguzi kugira ngo birinde ibirarane;
- Ubugenzuzi bukwiye gushyirwamo ingufu ku bijyanye n'imikoreshereze y'amafaranga mu ishami ry'ubwisungane ryo kwivuza kandi komite ngenzuzi zikavugururwa, hagashyirwamo ababifitiye ubushobozi.

## 2.3. Ubushakashatsi mu mabanki

Ruswa n'imwe mu mpamvu zituma imirimo idakorwa neza bigatuma iterambere ry'ikigo runaka by'umwihariko n'iry'Igihugu cyose muri rusange ritagerweho. Ni muri urwo rwego hakozwe ubushakashatsi bugamije kureba amoko ya ruswa agaragara mu mabanki n'impamvu ziyitera kugira ngo hafatwe ingamba zo kuyikumira no kuyirwanya. Ubwo bushakashatsi bwari bugamije kandi kureba uburyo serivisi zihabwa abakiriya ba banki kugira ngo aho zitanoze hafatwe ingamba zo kuzinoza. Ubushakashatsi bwakorewe muri amwe mu mashami ndetse n'udushami twa Banki y'abaturage y'u Rwanda (BPR), Banki y'Ubucuruzi ya Kenya (KCB), Banki ya Kigali (BK), FINA BANK, na Banki y'ubucuruzi (BCR). Ibibazo byifashishijwe mu bushakashatsi byabajijwe abayobozi ba banki, abakozi ba banki, abakiriya ba banki baba abahawe inguzanyo n'abatarazihawe.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko Banki zigerageza kwakira neza abakiriya bazo, kubaha serivisi basaba no gukemura ibibazo bishobora kuvuka. Hari abakozi bagira uruhare mu kunyereza amafaranga ya banki, gutanga inguzanyo hatujujwe ibisabwa no kwimana inguzanyo kandi ibisabwa byuzuye. Hari serivisi zitangwa ariko zitanoze, aho hamwe na hamwe biterwa n'imiterere y'akazi n'aho gukorera hadatunganye, ahandi bigaterwa n'abakozi ubwabo ndetse n'akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Nyuma y'isesengura ry'ibibazo byagiye bigaragara mu mikorere y'amabanki mu Rwanda n'ingaruka bigira ku iterambere ry'Igihugu, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye imirongo ngenderwaho rwifashishije mu gusesengura uko amabanki atanga inguzanyo. Iki gikorwa cyateguwe hagamijwe kureba niba nta karengane cyangwa ibyuho bya ruswa bigaragara igihe abakiriya bagana amabanki basaba inguzanyo. Muri urwo rwego amabanki yasabwe kugeza ku Rwego rw'Umuvunyi inyandiko zerekana ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe inguzanyo hakurikijwe ubwoko bw'inguzanyo isabwa.

Nyuma yo kwegeranya izo nyandiko, hakozwe isesengura ry'amadosiye y'abakiriya bemerewe kimwe n'abahakaniwe inguzanyo, harebwa niba abujuje ibisabwa ku bwoko bw'inguzanyo iyi n'iyi bahabwa inguzanyo mu buryo bumwe. Muri iki gikorwa hasuwe amabanki akurikira: Banki y'Ubucuruzi y'u Rwanda (BCR), Banki ya Kigali, icyicaro gikuru n'ishami rya Huye (BK), Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (BRD), Banki y'Abaturage y'u Rwanda, icyicaro gikuru, ishami rya Rusizi, Muhima, Remera, Rubavu na Gicumbi (BPR).

Muri aya mabanki, uretse muri BPR Ishami rya Rusizi, twasanze hari abahabwa inguzanyo batujuje ibisabwa byose, ahandi hose nta bibazo bigaragara mu madosiye y'abakiriya yakorewe isesengura kuko abujuje ibisabwa bose bemererwa inguzanyo. Mu mashami ya BPR by'umwihariko, twasanze inguzanyo nyinshi zaratanzwe mu madosiye hatarimo icyemezo cy'iyandikwa ry'ingwate gitangwa n'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) n'ubwo kigaragara ku rutonde rw'ibisabwa.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hakwiye gufatwa ingamba zigamije gukumira no kurwanya ruswa, kunoza imikorere mu nyungu za banki, iz'abakiriya n'iz'Igihugu muri rusange:

- Kwihutisha ikoranabuhanga aho ritaragera cyane cyane muri Banki y'Abaturage ;
- Gushyira ahagaragara ibisabwa byose kugira ngo umukiriya usaba inguzanyo abe abizi ndetse n'ibikurikizwa ku wananiwe kwishyura inguzanyo;
- Kwihutisha kwiga amadosiye asaba inguzanyo kugira ngo inguzanyo zitangirwe igihe;
- Kugerageza kugabanya ibitwara amafaranga menshi ku bakiriya basaba inguzanyo kuko byagiye bigaragara ko umukiriya atakaza amafaranga menshi yuzuza ibisabwa kandi nyuma ashobora kutayihabwa;
- Kumenyesha mu nyandiko niba uwasabye inguzanyo ayemerewe cyangwa atayemerewe n'impamvu atayemerewe;
- Gushyiraho gahunda ihamye yo gukumira akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;
- Kugena umushahara ungana ku bakozi bari ku rwego rumwe ndetse bakora n'akazi kamwe;
- Gushyiraho gahunda ihamye yo gutanga serivisi hakurikijwe uko abakiriya baje kuko byagiye bigaragara ko mu kwakirwa hari aho bakurikiza ikimenyane, icyenewabo, itonesha n'ibindi;
- Abagenzuzi b'imbere ba banki bakwiye kujya bakora igenzura kenshi mu rwego rwo gukumira inyereza ry'amafaranga;
- Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) gikwiye kwihutisha gahunda yo kwegereza abaturage serivisi mu ntara n'uturere kugira ngo byorohere abashaka kwandikisha ingwate zabo.

## 2.4. Icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa



***Ifoto y'umunsi wo gusoza icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa***

Icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa cyatangiye tariki ya 05 gisozwa tariki ya 09 Ukuboza 2010. Icyo cyumweru cyaranzwe n'ibikorwa binyuranye byo gukangurira abaturage kwirinda no kwamagana ruswa. Icyo cyumweru cyabanjirijwe n'ibikorwa bitandukanye harimo amarushanwa y'ubuhanzi n'amarushanwa ku miyoborere myiza.

Amarushanwa y'ubuhanzi yahuje abahanzi b'indirimbo n'imivugo. Ayo marushanwa akaba yari agenewe abahanzi bose nta kurobanura. Amarushanwa yabereye ku rwego rw'Akarere, urw'Intara n'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu. Kuri buri rwego, hahembwaga abantu batatu (3) ba mbere barushije abandi kandi muri buri cyiciro. Ibihangano byibandaga ku nsanganyamatsiko yo kwamagana ruswa herekanwa ububi bwayo ku baturage no ku gihugu muri rusange. Ibyo bihangano byashishikarizaga abaturage kwitabira gahunda n'ingamba zo kurwanya ruswa harimo kwanga kuyitanga cyangwa kuyakira no gutunga agatoki aho ikekwa hose.

Amarushanwa ku miyoborere myiza yahuje uturere twose akaba yari agamije kureba uko utwo turere dushyira mu bikorwa politiki y'imiyoborere myiza. Ayo marushanwa yari ashingiye ku ngingo enye: imiyoborere, ubugenzuzi, imitangire y'amasoko n'imenyekanishamutungo. Nyuma yo kugenzura uturere twose no gutanga amanota, Akarere ka mbere kabaye Nyabihu, aka kabiri Gisagara, aka gatatu Nyamasheke. Utwo turere twahawe ibihembo.




***Ibyapa biriho ubutumwa bwo kurwanya ruswa byashinzwe mu Turere tunyuranye***

Mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa, hari ibyapa 150 byashinzwe mu turere 15 biriho ubutumwa bushishikariza abaturage kwanga ruswa no guha inzego zibishinzwe amakuru arebana n'aho yaba ikekwa. Ibyo byapa byashyizwe ahantu hahurirwa n'abantu benshi nko ku biro by'inzego z'ubuyobozi, ku masoko no ku mashuri, hatanzwe kandi ibiganiro ku maradiyo anyuranye akorera mu gihugu, abaturage bakaba baraboneyeho umwanya wo kungurana ibitekerezo n'Urwego rw'Umuvunyi ndetse bakabaza ibibazo byabo kandi bikaba byaragenewe ibisubizo bikwiye.

## 2.5. Kwakira no gukurikirana amadosiye avugwamo ruswa

### 2.5.1. Ibibazo byagaragaye mu iyimurwa ry'abaturage ahubakwa urugomero rw'amashyanyarazi rwa Nyabarongo

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza ku bibazo byagaragaye mu iyimurwa ry'abaturage ahubakwa urugomero rw'amashyanyarazi rwa Nyabarongo. Kubarura imitungo y'abaturage bagomba kwimurwa byakozwe mu 2008, 2009, 2010 kandi biracyakomeza. Mu Karere ka Muhanga, iperereza ryakorewe mu Mirenge ya Mushishiro na Nyarusange. Mu Karere ka Ngororero, iperereza ryakorewe mu Mirenge

ya Ndaro na Nyange. Mu Karere ka Karongi, iperereza ryakorewe mu Murenge wa Murundi.

Iperereza ryagaragaje ibibazo bikurikira mu ibarura ry'imitungo:

- Abaturage banditsweho imitungo kandi amazina yabo atazwi mu midugudu;
- Abaturage bibarujeho imitungo badafite mu midugudu batuyemo;
- Abaturage batandukanye bibarujeho umutungo umwe;
- Abaturage bafataga imitungo yabo bakayicamo imirwi bakayandikisha ku bandi bantu;
- Umutungo muke (muto) uhabwa agaciro karekare;
- Abaturage bibaruzagaho umutungo koko bafite ariko hakongerwamo ibitagomba kujyamo.
- Hari abaturage babaruriwe imitungo ahagombaga gucishwa imihanda nyuma imihanda iza kunyura ahandi kandi barishyuwe ubu bakaba bakihafite imitungo yabo;
- Hari abaturage bangirijwe imitungo yabo n'ibikorwa byo kubaka urugomero kandi iyo mitungo ikaba itari yarabaruwe, bakaba basaba ko bakwishyurwa ibyo bikorwa;
- Hari abaturage bagiye basigara mu gice cyabaruwe ku buryo batuye mu matongo bonyine, bakibaza impamvu basigaye hagati batabaruriwe, bamwe amazu yabo akaba yarangiritse;
- Hari abaturage babaruriwe amasambu yabo, ntibahabwa amafaranga ariko bakaba batemererwa kugira icyo bakoramo;
- Hari abaturage bagiye babarurirwa amazu n'amasambu, bakishyurwa amazu gusa ariko amasambu ntiyishyurwe, bakaba badafite uburyo bwo kubaho aho bimukiye.

Hari kandi ibibazo bikurikira byagaragaye mu gutanga amafaranga:

- Abaturage bahawe amafaranga make ugereranyije n'ayo basinyiye;
- Abaturage batahawe amafaranga kandi barayasinyiye;
- Abaturage bishyuwe inshuro zirenze imwe ku mutungo umwe.

Iperereza ryagaragaje uruhare rw'inzego zikurikira

- Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) ni yo ishinzwe gukurikirana ibikorwa byose bijyanye no kubaka urugomero rwa Nyabarongo. Minisiteri yashishikarije uturere gusobanurira abaturage ibirebana n'ibarura ry'imitungo ariko ntiyakurikirana uko bikorwa. Minisiteri yatanze isoko ryo kubarura imitungo

ariko ntiyakurikirana uburyo rishyirwa mu bikorwa.

- Abayobozi bo ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge basinyaga ku mafishi bashyikirijwe n'ababaruye imitungo ariko nta rundi rwego rugenzuye ibyakozwe.

Ku bufatanye n'Ishami rya Polisi rishinzwe gukurikirana ibyaha, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza ku bakekwaho ibikorwa byo gukoresha nabi umutungo wa Leta. Mu bakozweho iperereza harimo abaturage bibarujeho imitungo badafite, abakozi bo muri banki abaturage bafungujemo za konti, abakozi n'abayobozi bo mu nzego z'ibanze (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere). Dosiye z'ababajijwe zashyikirijwe Ubushinjacyaha. Ku bantu 216 bakekwaho ibyaha mu Murenge wa Mushishiro mu Karere ka Muhanga, abashyikirijwe Ubushinjacyaha ni 30. Naho mu Murenge wa Ndaro wo mu Karere ka Ngororero, dosiye z'abantu 150 zashyikirijwe Ubushinjacyaha harimo 25 bari bafunzwe by'agateganyo. Ibyaha bakekwaho kuba barakoze ni inyerezwa ry'umutungo wa Leta, gukora no gukoresha inyandiko mpimbano, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Iperereza riracyakomeza ku bufatanye n'inzego zose zirebwa n'ibibazo byasobanuwe.

Urwego rw'Umuvunyi rurasanga hagomba gufatwa ingamba zikurikira mu gukemura ibibazo byagaragajwe hejuru:

- Abahawe amafaranga batayagomba kuko nta mitungo yabo yangijwe bagomba gukurikiranwa n'inzego zibishinzwe ku byaha bakoze kandi bamwe bakaba baratangiye gukurikiranwa kuri ibyo byaha, ayo mafaranga akagaruzwa;

- Abayobozi batwaye amafaranga y'abantu batazwi bagomba gukurikiranwa hamwe n'abakozi ba za banki babibafashijemo kandi bamwe bakaba baratangiye gukurikiranwa kuri ibyo byaha; ayo mafaranga akagaruzwa;

- Abakozi bari bashinzwe ibarura ry'imitungo hamwe n'abayobozi b'inzego z'ibanze bagize uruhare mu buriganya bagomba gukurikiranwa ku byaha bakoze kandi bamwe bakaba baratangiye gukurikiranwa kuri ibyo byaha;

- Abaturage bishyuwe ariko baba bakiri mu mitungo yabo bagomba kuyivamo kuko atari iyabo;

- Ibarura ry'imitungo rigomba gusubirwamo ahagaragaye ibibazo hose, abaturage basigaye ahazakenerwa bakabarurirwa, abahawe amafaranga adahuye n'agaciro k'imitungo bigakosorwa kandi ibiciro by'imitungo bikajyana n'igihe;

- Abaturage batarishyurwa kandi barabaruriwe bagomba kwishyurwa cyangwa bagasubizwa uburenganzira ku mitungo yabo niba ahabaruwe hatagikenewe;

- MININFRA, Uturere, Imirenge, Utugari, Imidugudu bigomba gushyira ingufu mu kugenzura imigendekere y'ibarura rishya ry'imitungo ndetse n'aho ritarakorwa mu gihe hagikenewe kujya ibikorwa birebana n'urugomero rw'amashanyarazi.

### 2.5.2. Ibindi bibazo bivugwamo ruswa

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza ku madosiye 65 avugwamo ruswa, agabanyijemo ibyiciro bitanu bikurikira:

#### 2.5.2.1. Ruswa mu nzego z'ibanze

Amadosiye avugwamo ruswa mu nzego z'ibanze ni agaragaza ko hari abayobozi bo muri izo nzego baka ruswa kugira ngo barangize inshingano zabo. Ibyo bigaragara cyane mu kugenzura imyubakire idakurikije amategeko, mu gukemura ibibazo by'akarengane no mu gutanga ibyangombwa biba bikenewe.

#### 2.5.2.2. Ruswa mu nzego z'ubutabera

Amadosiye avugwamo ruswa mu nzego z'ubutabera ni agaragaza ko hari abakora muri izo nzego basaba ruswa cyangwa bakoresha ikimenyane n'icyenewabo mu gukemura impaka. Bamwe mu bavugwa harimo, inyangamugayo zo mu Nkiko Gacaca n'abagenzacyaha bo muri Polisi y'Igihugu. Akenshi amakuru yashyikirijwe Urwego rw'Umuvunyi aba adafite gihamya kandi yatanzwe n'abatishimiye imikirize y'imanza baburana.

#### 2.5.2.3. Imikorere mibi y'izindi nzego

Hari amakuru atangwa ku mikorere mibi y'izindi nzego nk'ibigo bya Leta cyangwa ibyigenga gyangwa amashyirahamwe, haba hakekwa ruswa kubera imikorere itanogeye abaturage. Aha twavuga nko mu micungire y'ibigo bya Leta, ibigo by'amashuri yisumbuye, ibigo nderabuzima n'ibindi.

#### 2.5.2.4. Itangwa ry'amasoko

Mu itangwa ry'amasoko ya Leta havugwamo ruswa bitewe n'uko hari amategeko yirengagizwa, bikaba bitanga icyuho cya ruswa.

#### 2.5.2.5. Ruswa mu mirimo


Amadosiye avugwamo ruswa mu mirimo ni ayerekana ko akazi cyangwa ibizamini bitangwa nabi, abakozi bahembwa badakora, uburenganzira bw'abakozi butubahirizwa, uburyo butanoze bwo gutanga akazi ndetse n'abakozi bavuga ko barenganyijwe.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w'amadosiye yakiriwe, ayafatiwe imyanzuro cyangwa se agikurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi kimwe n'ayashyikirijwe izindi nzego.

**Imbonerahamwe n°15: Amadosiye avugwamo ruswa**

| Ibyiciro | Amadosiye yakiriwe | Amadosiye yafatiwe imyanzuro | Amadosiye agikurikiranwa | Amadosiye yoherejwe mu zindi nzego |
|---|---|---|---|---|
| Inzego z'ibanze | 16 | 10 | 6 | 0 |
| Inzego z'ubutabera | 3 | 3 | 0 | 0 |
| Imikorere mibi y'izindi nzego | 31 | 9 | 21 | 1 |
| Itangwa ry'amasoko | 11 | 2 | 9 | 0 |
| Umurimo | 4 | 0 | 4 | 0 |
| **Igiteranyo** | **65** | **24** | **40** | **1** |

**Igishushanyo n°6: Dosiye zakiriwe zivugwamo ruswa**




Mu madosiye 24 yafatiwe imyanzuro harimo ayo iperereza ryagaragaje ko nta bimenyetso bifatika bishimangira amakuru yakiriwe, bityo hafatwa umwanzuro wo kuyasoza. Hari ayo iperereza ryerekanye imikorere mibi mu kigo cyangwa mu rwego uru n'uru, hafatwa umwanzuro werekana ibigomba gukorwa kugira ngo ibitagenda neza bikosorwe kandi n'amategeko yubahirizwe. Hari n'amadosiye atarafatirwa imyanzuro kuko iperereza rigikomeza akaba agikurikiranwa.

## 2.6. Ubunyamabanga bw' Inama y'Igihugu Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa

Mu gushyira mu bikorwa gahunda y'Inama y'Igihugu Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa hateguwe amahugurwa y'abagize inama ngishwanama ku rwego rw'akarere ndetse hakorwa n'inama zitandukanye zihuza abatekinisiye.

### 2.6.1. Amahugurwa y'abagize Inama y'Igihugu Ngishwanama y'Akarere yo kurwanya ruswa

Kuva ku itariki ya 13 kugeza ku ya 30/09/2010, Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje amahugurwa abagize Inama Ngishwanama y'Akarere yo Kurwanya Ruswa akaba yari agamije kubashishikariza kwita ku nshingano yo gukumira no kurwanya ruswa. Abitabiriye amahugurwa biyemeje gushyira ingufu mu bikorwa byo guhashya ruswa. Bifuje ko abayobozi n'abakozi b'Uturere bahugurwa kenshi ku birebana no kurandura ruswa no gushyiraho uburyo Inama Ngishwanama z'Uturere zajya zihura zikungurana ibitekerezo ku nshingano zo gukumira no kurwanya ruswa.

### 2.6.2. Inama y'Igihugu Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa

Tariki ya 29/10/2010 hateranye inama y'Inama Ngishwanama y'Igihugu yo Kurwanya Ruswa yunguranye ibitekerezo kuri Politiki y'igihugu yo kurwanya ruswa. Iyo nama yemeje ko ibikorwa byo kurwanya ruswa byakwinjizwa mu mihigo y'uturere. Iyo nama yize ku birebana n'imibare yerekana ibibazo bya ruswa byagaragaye mu nzego zitandukanye.

Tariki ya 09/12/2010, hateranye inama y'Inama y'Igihugu yaguye yo Kurwanya Ruswa yitabiriwe n'abahagarariye inzego za Leta n'izigenga n'abayobozi b'uturere ari nabo bakuriye inama ngishwanama z'uturere zo kurwanya ruswa. Iyo nama yasuzumye uruhare rwa buri rwego mu kurwanya ruswa n'uko inzego zarushaho gufatanya muri icyo gikorwa. Inama yemeje ko buri rwego rugomba kurushaho gukumira no kurwanya ruswa mu mikorere yarwo ya buri munsi ruharanira gutanga serivisi nziza.

### 2.6.3. Akanama k'Abatekinisiye ko kurwanya ruswa

Mu by'ingenzi Akanama k'Abatekinisiye (technical committee) ko kurwanya ruswa kakoze harimo gutegura Politiki y'igihugu yo kurwanya ruswa, ubu ikaba yarashyikirijwe inzego nkuru z'igihugu kugira ngo ziyitangeho ibitekerezo mbere y'uko yemezwa. Ako kanama kandi kateguye itegeko rigena igaruza ry'imitungo ya Leta. Ako kanama kasuzumye ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa. Ako kanama kahurije hamwe kandi gasesengura imibare y'ibibazo bya ruswa byagaragaye mu nzego zitandukanye.


## 2.7. Kugenzura uko inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi zashyizwe mu bikorwa

Raporo z'isuzumamikorere zikubiyemo inama zo kunoza imikorere y'ibigo biba byagenzuwe. Izo nama ziba zigomba gushyirwa mu bikorwa n'izo nzego. Niyo mpamvu Urwego rw'Umuvunyi rukora igenzura rugamije kureba niba ibyo rwasabye byarashyizwe mu bikorwa. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibigo byasuwe n'igipimo bigezeho mu gushyira mu bikorwa inama zatanzwe.

**Imbonerahamwe nº 16: Uburyo inzego n'ibigo bya Leta byashyize mu bikorwa inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi**

| Ibigo byagenzuwe | Inama zatanzwe | Inama zashyizwe mu bikorwa | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) | 6 | 5 | 83.3% |
| OCIR CAFÉ | 11 | 9 | 81.8% |
| Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) | 9 | 7 | 77.7% |
| Ibitaro bya Kaminuza bya Butare (CHUB) | 11 | 8 | 72.7% |
| OCIR THE | 7 | 5 | 71.4% |
| Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (RNYC) | 10 | 7 | 70% |
| Banki Itsura Amajyambere y'u Rwanda (BRD) | 15 | 10 | 66.6% |
| Ikigo Gishinzwe Ingufu, Amazi n'Isukura (EWSA) | 9 | 6 | 66.6% |
| Ikigo cy'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Ikoranabuhanga (IRST) | 15 | 7 | 46.6% |
| Komisiyo y'Amatora (NEC) | 9 | 4 | 44.4% |
| Inama y'Igihugu y'Abagore (NWC) | 10 | 4 | 40% |
| **Igiteranyo** | **112** | **72** | **64.28%** |

**Igishushanyo no 7: Uburyo inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi zashyizwe mu bikorwa**



Muri rusange, ibigo byasuwe byashyize mu bikorwa inama zatanzwe kuko hafi ya byose bifite 50% y'ishyirwa mu bikorwa ry'inama byahawe uretse Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite 44.4% . Nk'uko byasabwe n'Urwego rw'Umuvunyi, Komisiyo ntiyashyizeho ububiko bubiri butandukanye, ubw'ibikoresho byo mu biro n'ubw'ibikoresho by'amatora. Ibyo ntibyakozwe kuko nta yindi nyubako Komisiyo ifite yagena kuba ububiko. Icyakozwe ni ugushyiraho abakozi babiri bashinzwe gucunga ububiko bafite inshingano zitandukanye. Komisiyo kandi ntiyashyizeho uburyo bwo kohereza amafaranga mu Ntara anyujijwe muri banki (direct bank transfers) ku bikorwa bijyanye n'amatora. Komisiyo ntiyashyizeho gahunda (business plan) yo kubyaza umusaruro inzu y'icapiro.

Ibindi bigo bifite munsi ya 50% ni Inama y'Igihugu y'Abagore ifite 40% n' Ikigo cy'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Ikoranabuhanga gifite 46.6%. Buri kigo gifite umwihariko wacyo w'ibyo cyakoze n'ibyo kitakoze bitewe n'imirimo gishinzwe ariko hari n'ibyo bihuriyeho nk'ibigo bya Leta. Mu rwego rwo kunoza imikorere yabyo, muri rusange bikwiye kongera imbaraga mu iyubahiriza ry'amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko, imicungire y'ibikoresho no kongera umubare n'ubushobozi by'abakozi.

## 2.8.Gukurikirana ibibazo byihariye bya ruswa

Mu rwego rwo gukurikirana ibibazo byihariye bya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwibanze ku bikorwa bikurikra:

- Gusesengura imanza za ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo;
- Gutegura imfashanyigisho yo gukumira no kurwanya iyezandonke;
- Gutegura inyandiko ngenderwaho mu gukora iperereza (investigation manual);

### 2.8.1. Gusesengura imanza za ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 3, 9° y'itegeko N° 17/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rihindura kandi ryuzuza itegeko N° 25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, Urwego rufite inshingano yo gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu na ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo n'ibihano bahawe. Mu kuzuza iyo nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwasesenguye imanza zirebana n'ibyaha bya ruswa n'ibifitanye isano na yo ndetse n'izo kunyereza umutungo wa Leta. Iryo sesengura ryakorewe mu nkiko zitandukanye ndetse no mu nzego z'Ubushinjacyaha hagamijwe kumenya impamvu abaregwa ibyo byaha bagezwa imbere y'inzego z'ubutabera bakagirwa abere, abandi bagahabwa ibihano bito cyane cyangwa ntibakurikiranwe.

Ni muri urwo rwego hasuwe Urukiko Rukuru n'ingereko zarwo zose, Inkiko Zisumbuye 12 kugira ngo hasesengurwe imanza zaciwe muri izo nkiko n'ibyiciro by'abantu barezwe ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ariko hasesengurwa imanza zaciwe mu mwaka wa 2009 kugeza mu gihembwe cya mbere cya 2010. Hasuwe kandi Inzego z'Ubushinjacyaha hitabwa cyane gusesengura impamvu zituma dosiye zimwe na zimwe zidashyikirizwa inkiko. Muri izo nkiko, hasesenguwe imanza zaciwe 239, naho mu Bushinjacyaha hasesengurwa amadosiye yashyinguwe by'agateganyo agera kuri 40.

Hasesenguwe kandi imanza z'inyereza ry'imitungo zaciwe mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza n'Urugereko rwa Musanze, mu nkiko zisumbuye za Gasabo, Nyarugenge, Musanze, Rubavu, Karongi, Nyagatare, Ngoma, Muhanga na Huye. Muri izo nkiko hasesenguwe imanza 228 zaregwagamo abantu 402. Muri bo abantu 190 (47,26%) bagizwe abere, mu gihe abantu 200 (49,75%) bahamwe n'icyaha naho 12 ntibaburanishijwe n'inkiko (kubera urupfu cyangwa guhamagazwa ntibitabe kandi umwirondoro wabo ukaba utuzuye). Hasuwe n'Inzego z'Ubushinjacyaha 9 mu rwego rwo gusesengura amadosiye yashyinguwe mu mwaka wa 2009 n'Igihembwe cya mbere cya 2010 aho Urwego rw'Umuvunyi rwasanze harashyinguwe amadosiye y'inyerezwa ry'imitungo 62 yarezwemo abantu 108. Impamvu zituma ibyo birego bishyingurwa, abashinjacyaha bakunze kuvuga ko ari ukubera ibimenyetso bishinja biba bidahagije.

### 2.8.2. Gutegura imfashanyigisho yo gukumira no kurwanya iyezandonke

Urwego rw'Umuvunyi rwateguye inyigisho zigenewe abayobozi n'abakozi b'amabanki n'ibigo by'imari zigamije kubumvisha akamaro n'inshingano bafite mu kurwanya no gukumira iyezandonke. Ni muri uru rwego, ishami ryihariye ryo kurwanya ruswa ryateguye imfashanyigisho yakwifashishwa mu gutanga izo nyigisho mu Gihugu cy'u Rwanda. Iyi nyandiko ikaba ifatiye ku biteganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga yo Kurwanya ibyaha bya Ruswa (UNCAC), no ku itegeko n° 47/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rirwanya kandi rihana iyezandonke no gushyigikira ibikorwa by'iterabwoba.

Iyi mfashanyigisho yibanda ku ruhare rw'amabanki n'ibigo by'imari, nk'inzego zishinzwe kugaragaza ibikorwa bikekwaho kugirana isano n'iyezandonke, mu gukumira no gutahura iyezandonke.

### 2.8.3. Gutegura inyandiko ngenderwaho mu gukora iperereza

Mu nshingano Urwego rw'Umuvunyi rufite, harimo gukora iperereza kuri ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Kugira ngo iyo nshingano ishyirwe mu bikorwa nta mbogamizi, hateguwe inyandiko izifashishwa mu gukora iperereza. Iyo nyandiko

ishyiraho imirongo ngenderwaho mu gutegura no gukora iperereza ikazafasha abakora iperereza kurikora mu buryo bwiza kandi buboneye. Iyo nyandiko ikubiyemo amahame yo gukora iperereza n'inshingano z'abakora iperereza ndetse n'uburyo bwo kwakira no gukurikirana ibyaha bya ruswa. Iyo nyandiko igaragaza kandi uburyo bwo gukusanya ibimenyetso bifatika, uburyo bwo gukora raporo y'iperereza n'ibigomba kuba bigize dosiye y'iperereza. Iyo nyandiko isesengura kandi inyito y'ibyaha bya ruswa, ikagaragaza ibigomba kuba bigize buri cyaha.

## 3. KUMENYEKANISHA UMUTUNGO

Mu rwego rwo gukumira ruswa no kwimakaza umuco wo gukorera mu mucyo, Urwego rw'Umuvunyi rwakira kandi rukagenzura imitungo y'abayobozi n'abakozi bateganywa n'itegeko.

### 3.1. Kwakira imenyekanishamutungo

Mu myaka yashize, Urwego rw'Umuvunyi rwakiraga imenyekanishamutungo hakoreshejwe udutabo twabugenewe. Mu rwego rwo kujyana na gahunda za Leta n'icyerekezo 2020 mu ikoranabuhanga no gutanga servisi nziza, ku italiki ya 17 Ukuboza 2010, Urwego rw'Umuvunyi rwatangije ku mugaragaro uburyo bushya bwo kugaragaza umutungo hakoreshejwe ikoranabuhanga ryifashisha interineti ***(online declaration of assets system),*** hatangwa n'ikiganiro kigenewe abanyamakuru. Icyo kiganiro cyahuje abahagarariye inzego zigize Inama Ngishwanama Ishinzwe Kurwanya Ruswa, abanyamakuru bigenga n'aba Leta, herekanwa ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bushya bwo kugaragaza umutungo, n'akamaro kabwo. Ikoranabuhanga mu kumenyekanisha umutungo rikaba rifite intego zikurikira:

- Guhuza ibikorwa by'imenyekanishamutungo n'intego n'imigambi y'icyerekezo 2020 Igihugu cyacu kiyemeje;
- Kunoza igikorwa cy'imenyekanishamutungo no gutanga serivisi nziza;
- Korohereza abamenyekanisha umutungo aho bari hose;
- Kugabanya uburyo (amafaranga,ibikoresho n'ibindi) byakoreshwaga mu gikorwa cyo kumenyekanisha umutungo;
- Gushimangira ibanga ry'imitungo yamenyekanishijwe.



***Nyakubahwa Umuvunyi Mukuru Tito RUTAREMARA mu gikorwa cyo kumurika ku mugaragaro imenyekanishamutungo rikoresheje ikoranabuhanga tariki ya 17/12/2010 muri Alpha Palace Hotel.***

Ni muri urwo rwego kuva muri Mutarama kugeza muri Werurwe 2011, Urwego rw'Umuvunyi rwatangije amahugurwa ku buryo bushya bwo kugaragaza umutungo hifashishijwe ikoranabuhanga ***(online declaration of assets system)*** ahabwa abayobozi n'abakozi bose ba Leta bagombaga kugaragaza umutungo wabo mu mwaka wa 2011. Abahawe ayo mahugurwa basobanuriwe imiterere n'akamaro k'uburyo bushya bwo gukora imenyekanishamutungo hakoreshejwe ikoranabuhanga, banagaragarizwa uburyo icyo gikorwa kizakorwa bahabwa n'umwanya wo kwerekana ibibazo birimo n'uburyo byakemuka ndetse berekana n'ibyakongerwaho kugira ngo burusheho kunogera ababukoresha n'Urwego rw'Umuvunyi.



***Urwego rw'Umuvunyi ruhugura abakozi b'Urukiko rw'Ikirenga ku imenyekanishamutungo rikoreshejwe ikoranabuhanga tariki ya 05/01/2011.***

**Imbonerahamwe n° 17: Ubwitabire mu mahugurwa ku buryo bushya bw'imenyekanishamutungo**

| Umubare w'abagombaga guhugurwa | Umubare w'abahuguwe |
|---|---|
| 7,563 | 3,310 |

Muri rusange, amahugurwa ntiyitabiriwe nk'uko byari biteganyijwe, bikaba byaragize ingaruka mu gukoresha ubwo buryo kuko wasangaga abatarahuguwe batarasobanukirwaga kubukoresha.

Mu mwaka wa 2010-2011 Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye inyandiko 18 z'imenyekanishamutungo z'abakozi ba Leta basezeye ku mirimo yabo mu nzego zitandukanye. Rwakiriye kandi imenyekanishamutungo ry'abayobozi bakuru, abayobozi mu nzego zose za Leta n'abandi bakozi ba Leta bateganywa n'itegeko. Icyo gikorwa kikaba cyaritabiriwe nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe n° 18: Ubwitabire mu gukora imenyekanishamutungo**

| Abagombaga gukora imenyekanisha-mutungo | Abakoze imenyekanisha-mutungo neza bakanaryohereza | Abatarakoze imenyekani-shamutungo |
|---|---|---|
| 7563 | 6,731 | 832 |
| 100% | 88.99% | 11.01% |

Nk'uko biteganyijwe n'ingingo ya 25 y'Itegeko Ngenga N° 16/2003 ryo ku wa 27/06/2003 rigenga imitwe ya Politike n'abanyapolitike, buri mwaka bitarenze taliki ya 31 Werurwe y'umwaka ukurikira umwaka w'ingengo y'imari, imitwe ya politike igomba gushyikiriza Urwego rw'Umuvunyi ibitabo by'umutungo. Mu mwaka wa 2010, Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirijwe raporo y'imikoreshereze y'umutungo n'ibitabo by'icungamutungo w'imitwe ya Politike 9.

Nk'uko kandi biteganywa n'Itegeko N° 17/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 25/2003 ryo ku wa 15/08/2003 rigena imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi mu ngingo yaryo ya 7bis, Inyandiko igaragaza imitungo nyakuri y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije, n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo ishyikirizwa Biro y'Umutwe wa Sena, mu bihe biteganywa ku bandi bagomba kugaragaza imitungo yabo nyakuri. Ni muri urwo rwego mu mwaka wa 2010-2011, Inyandiko z'imenyekanishamutungo w'Abayobozi n'abakozi 60 b'Urwego rw'Umuvunyi zashyikirijwe Biro y'Umutwe wa Sena hubahirijwe igihe.

### 3.2. Gukora igenzura ku nkomoko y'imitungo

Urwego rw'Umuvunyi rwakoze igenzura ku nkomoko y'Umutungo y'abantu 1.110 bari mu byiciro bikurikira:

- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'imirenge: 416;
- Abasirikare bakuru :130;
- Abayobozi b'ibigo nderabuzima n'abakozi b'ibitaro bya Leta : 557;
- Abakozi bo mu bigo bitandukanye bya Leta: 7.

Igikorwa cy'igenzura ry'imitungo cyakozwe mu buryo butandukanye:

- Harebwa ba nyir'ubwite basobanura inkomoko y'umutungo wabo bagaragarije Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2009 na 2010, harebwa ko wabonetse mu buryo bwemewe n'amategeko.
- Hasuwe imitungo yagaragarijwe Urwego rw'Umuvunyi.
- Hasuwe na Banki zikorera mu gihugu, harebwa niba amakuru yatanzwe ahuye n'ukuri.

Nyuma y'igenzura ry'inkomoko y'imitungo, bamwe mu bo inkomoko y'imitungo yabo itasobanutse bakorewe dosiye zishyikirizwa ubushinjacyaha, abandi baracyakorerwa iperereza rirambuye.



***Umukozi w'Urwego rw'Umuvunyi mu gikorwa cy'igenzura ry'imenyekanishamutungo ryo mu mwaka wa 2009-2010.***

## 3.3. Iperereza ku nkomoko y'imitungo

Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri w'Ubutabera N° 67 ryo ku wa 5/5/2009 riha Urwego rw'Umuvunyi Ububasha bw'Ubugenzacyaha, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza kuri dosiye zijyanye n'imenyekanishamutungo rwabonaga ko hari ibidasobanutse, zikaba zaracyekwagaho icyaha cy'igwizamutungo ritemewe giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 24 y'Itegeko n° 23/2003 ryo ku wa 07/08/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza dosiye zakurikiranywe :

**Imbonerahamwe n° 19: Dosiye zakekwagamo icyaha cy'igwizamutungo ritemewe**

| Dosiye zose | Dosiye zashyikirijwe Ubushinjacyaha | Dosiye zigikorerwa iperereza | Dosiye zashyinguwe |
|---|---|---|---|
| 8 | 2 | 3 | 3 |

## 4. KUGENZURA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI

Mu mwaka wa 2010-2011, hakozwe iperereza ku madosiye menshi, arimo ajyanye n'ibibujijwe Abayobozi bakuru hamwe n'ibitabangikanywa n'imirimo yabo. Amwe muri ayo madosiye yararangiye ayandi aracyari mu iperereza. Akenshi muri ayo madosiye habonekamo akarengane kabanza gukemurwa, hanyuma ikibazo cy'imyitwarire kigakurikiranwa nyuma.

Mu rwego rwo kurangiza neza inshingano ijyanye no kugenzura imyitwarire y'Abayobozi mu kazi no hanze yako, hashyizweho imiyoboro yo kugeza ku Rwego rw'Umuvunyi amakuru arebana n'imyitwarire y'abayobozi barebwa n'itegeko ngenga No 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi bakuru mu nzego za Leta. Iyo miyoboro irakora neza mu Ntara y'Amajyepfo, mu Ntara y'Amajyaruguru, mu Ntara y'Iburengerazuba no mu Mujyi wa Kigali.

Hakozwe igenzura ry'uko itegeko ngenga No 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta rishyirwa mu bikorwa. Iryo genzura ryakozwe kuri ba Minisitiri, Abanyamabanga ba Leta, Abanyamabanga Bahoraho n'Abayobozi Bakuru muri za Minisiteri zose. Iryo genzura kandi ryakorewe abayobozi b'Uturere n'ababungirije ndetse n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa batwo. Igenzura ryari rigamije kureba imirimo itabangikanywa n'ubuyobozi yaba ikorwa n'abo bayobozi no kubashishikariza kubahiriza iryo tegeko ngenga.

Hateguwe inyandiko zikubiyemo ingingo z'ingenzi z'Itegeko Ngenga No 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta. Hari ibiganiro binyuranye byatanzwe ku maradiyo no mu mahugurwa Urwego rw'Umuvunyi rugenera ibyiciro by'abaturage binyuranye.

### 4.1. Amadosiye n'ibyiciro by'abayobozi barebwa nayo Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye

#### 4.1.1. Abayobozi Bakuru mu Nzego za Leta

- Umukozi yagejeje ku Rwego rw'Umuvunyi ikibazo agaragaza ko Umuyobozi Mukuru mu rwego rwa Leta yamurenganije amubuza kujya mu mahugurwa mu mahanga. Uwo mukozi yavuze ko amaze guhabwa ibaruwa imutumira n'Ambasade y'igihugu yagombaga guhugurirwamo, Umuyobozi Mukuru uregwa yandikiye iyo Ambasade ayibuza kohereza mu mahugurwa uwayatumiwemo, maze amusimbuza undi. Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza, rusanga ayo mahugurwa yaratangarijwe abantu bose ku rubuga rwa interineti ataracishijwe mu rwego rwa Leta uwo muyobozi yari akuriye, kandi uwareze ari we wari wujuje ibisabwa byose kugira ngo ayajyemo

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze iyi dosiye igaragaramo icyenewabo. Nyuma y'iperereza, uwareze yahawe uburenganzira bwe.

- Abakozi bane b'Ikigo cya Leta bagejeje ku Rwego rw'Umuvunyi ikibazo bavuga ko Umuyobozi Mukuru w'Urwego rureberera icyo kigo yabirukanye mu buryo bunyuranije n'amategeko. Urwego rwasabiye abo bakozi gusubizwa uburenganzira bwabo, basubizwa mu kazi, naho umuyobozi warezwe asabirwa ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire.

- Abakozi b'urundi rwego rw'ubuyobozi bandikiye Minisiteri y'abakozi ba Leta n'Umurimo maze bagenera kopi Urwego rw'Umuvunyi bagaragaza ko umuyobozi wabakoreshaga yabirukanye ashingiye ku cyemezo cy'urukiko cyateshejwe agaciro n'urukiko rurukuriye. Minisiteri y'abakozi ba Leta n'Umurimo nayo yashyigikiye icyemezo cy'uwo Muyobozi uregwa. Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye Komisiyo y'Abakozi ba Leta ruyisaba gusuzuma niba icyo gisubizo gikurikije amategeko. Iki kibazo kiracyakurikiranwa.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kuvanaho imodoka zitwaga iza Leta (Zero Fleet Policy), ruhereye ku makuru rwari rwabonye avuga ko hari abayobozi bakoresha imodoka bagurijwe zo gukoresha mu kazi cyangwa bakazikodesha abandi hanyuma bakajya kwishyuza ibigo byatsindiye isoko ry'abakozi ba Leta mu butumwa bw'akazi. Imikorere nk'iyo yagaragayemo Abayobozi Bakuru barenga 20.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza ku ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kuvanaho imodoka zitwaga iza Leta (Zero Fleet Policy), ruhereye ku makuru rwari rwabonye avuga ko hari abayobozi bakoresha imodoka bagurijwe zo gukoresha mu kazi cyangwa bakazikodesha abandi hanyuma bakajya kwishyuza ibigo byatsindiye isoko ry'abakozi ba Leta mu butumwa bw'akazi. Imikorere nk'iyo yagaragayemo Abayobozi Bakuru barenga 20.

- Urwego rw'Umuvunyi rwagejejweho ikibazo n'umugore ufitanye amakimbirane n'umugabo we akaba n'Umuyobozi Mukuru, avuga ko uwo bashakanye amufata nabi. Ikibazo cyabo kiri mu nkiko.

- Undi Muyobozi Mukuru yarezwe ibirego by'ubwambuzi no gutambamira igurishwa muri cyamunara ry'inzu yabohoje. Ikibazo cy'ubwambuzi cyarakemutse ariko icy'inzu kiracyakurikiranwa.
- Undi Muyobozi Mukuru yarezwe ubwambuzi. Amafaranga yari yarambuye yarishyuwe ariko imyitwarire y'uyu muyobozi iracyakorwaho iperereza.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ikibazo cy'umuturage wareze Umuyobozi Mukuru kuba yarabaye mu nzu ye atishyura ubukode, ndetse aza kujya mu mahanga asiga akodesheje inzu undi muntu, ayita iye. Urwego rw'Umuvunyi rwamenyesheje uwo muyobozi ibyavuye mu iperereza kugira ngo agire icyo abivugaho mbere y'uko hafatwa umwanzuro. Nyir'inzu yarayishubijwe ariko haracyari impaka ku mafaranga y'ubukode atarishyuwe. Iki kibazo kiracyakurikiranwa.

### 4.1.2. Abayobozi b'Uturere

- Urwego rw'Umuvunyi rwabonye amakuru ku Muyobozi w'Akarere wavugwagaho kugira uruhare mu itangwa ry'amasoko ku buryo bunyuranye n'amategeko. Iperereza ryagaragaje ko ubuyobozi bw'Akarere bwagize uruhare mu guhesha isoko mu buryo budasobanutse umukozi w'Akarere. Urwego rw'Umuvunyi rwasanze ariko harabayeho ubuzime bw'ikurikiranacyaha.

- Urwego kandi rwakoze iperereza ku Muyobozi w'Akarere wavuzweho kwiyandarika. Iperereza ryerekanye ko ayo makuru azwi n'abantu benshi. Hafashwe icyemezo cyo kuganira n'uyu muyobozi, akagirwa inama yo guhindura iyo myitwarire.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza ku kibazo cy'umukozi w'Akarere wavuze ko yageretsweho amakosa atagizemo uruhare, bigatuma yirukanwa binyuranyije n'amategeko. Iperereza ryakozwe ryagaragaje koko ko nta ruhare yagize muri ayo makosa kandi ko hari abayobozi bakuru b'icyo gihe bari inyuma y'iryo yirukanwa, maze Urwego rw'Umuvunyi rusaba ko asubizwa mu kazi ariko ntibyahise bikorwa. Ikibazo kiracyakurikiranwa.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye ikibazo cy'umuturage wareze Akarere kuba karashyize ibikorwa mu isambu ye ariko Umuyobozi w'Akarere akanga ko yishyurwa. Urwego rwasabye Akarere kurenganura umuturage, karamwishyura.

### 4.1.3. Abayobozi b'ibigo bya Leta

- Abakozi batatu b'Ikigo cya Leta bareze umuyobozi mukuru wacyo ko yabirukanye mu buryo bunyuranyije n'amategeko, bamaze iminsi cumi n'itanu (15) gusa batangiye akazi. Uwo muyobozi yiregura avuga ko yashingiye ku mabwiriza ya Minisiteri abuza abakozi kuva mu kigo kimwe kirebererwa nayo bajya mu kindi. Komisiyo y'abakozi ba Leta yasabye uwo

muyobozi gusubiza abo bakozi mu kazi, abasubizamo ariko abagira abakozi bagengwa n'amasezerano, kandi baragengwaga na sitati rusange y'abakozi ba Leta. Abo bakozi bagejeje ikibazo cyabo ku Rwego rw'Umuvunyi, rubahesha uburenganzira bwabo.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ikibazo kimeze nk'icyo mu kindi kigo cya Leta, nacyo gikemuka abakozi basubiye mu kazi.

- Umupfakazi w'uwahoze ari Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cya Leta yagejeje ikibazo ku Rwego rw'Umuvunyi avuga ko uwasimbuye umugabo we yimye abasizwe na nyakwigendera ibyo amategeko abagenera. Uwareze yararenganuwe, ariko harakorwa iperereza ku wagize uruhare muri kariya karengane.

- Urwego rw'Umuvunyi rwakoze iperereza ku kibazo cy'umuyobozi wanze kuva mu nzu yakodeshaga, akanga no kwishyura ubukode. Nyuma yaje kuyivamo asiga ayifunze, agiye no kuyitanga ayiha Umurenge aho kuyisubiza nyirayo. Nyuma y'uko Urwego rw'Umuvunyi rukurikiranye ikibazo, nyir'inzu yarayihawe.
- Abakozi bagengwa na kontaro mu kigo cya Leta bareze umuyobozi mukuru wacyo ibi bikurikira:
  - kubirukana binyuranye n'amategeko;
  - kubima uburenganzira ku bwishingizi bwo kwivuza (RAMA);
  - kubimura huti huti badahawe umwanya wo kwitegura kwimuka n'uw'ihererekanyabubasha;
  - kubatuka;
  - kubima amafaranga y'ubutumwa bw'akazi;
  - kutabarihira imisanzu y'ubwiteganyirize bw'abakozi.

- Abandi bakozi b'igitsina gore, barimo n'ugengwa na sitati rusange y'abakozi ba Leta, bagaragaje ko Umuyobozi Mukuru yiyandarikaga. Nyuma y'iperereza, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze bimwe bifite ishingiro maze rusabira abakozi cumi na barindwi (17) bari barirukanywe gusubira mu kazi, birakorwa. Abakozi batatu (3) mu birukanywe basabiwe guhabwa imperekeza kandi barazihabwa. Abandi bakozi nabo bahawe uburenganzira bavutswaga. Uwo muyobozi yasabiwe igihano cyo kugawa kandi aragihabwa.

#### 4.1.4. Abayobozi mu nkiko

Umuburanyi yagejeje ikibazo ku Rwego rw'Umuvunyi avuga ko Umucamanza wo mu Rukiko Rukuru yamurenganyije amuha itariki ya kure cyane, yirengagije ko ikirego

cyatanzwe cyari ubujurire bw'ikirego cyihutirwa (référé). Ubuyobozi bw'Urukiko Rukuru bwemereye Urwego rw'Umuvunyi ko habaye kwibeshya maze bumuha itariki ya hafi.

### 4.2. Igenzura ry'iyubahirizwa ry'Itegeko-Ngenga No 61/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta

Hakozwe igenzura ku bayobozi bakurikira hagamijwe kureba ko badakora imirimo ibujijwe cyangwa itabangikanywa n'imyanya barimo :

- Abaminisitiri;
- Abanyamabanga ba Leta;
- Abanyamabanga bahoraho;
- Abayobozi bakuru muri za Minisiteri;
- Abayobozi b'Uturere;
- Abayobozi bungirije n'abanyamabanga nshingwabikorwa b'uturere.

Muri iri genzura, Urwego rw'Umuvunyi rwabonye ibi bikurikira:

Muri za Minisiteri

- Abayobozi barindwi (7) kuri mirongo ine n'umunani (48) babajijwe, bavuze ko bari mu nama z'ubuyobozi bw'ibigo bya Leta cyangwa ibyo Leta ifitemo imigabane kandi babibuzwa n'itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi;
- Abayobozi bane (4) kuri mirongo ine n'umunani (48) babajijwe, bavuze ko bari mu buyobozi bw'amashyirahamwe n'imiryango itegamiye kuri Leta kandi nabyo bibujijwe n'iryo tegeko ngenga;
- Ikindi cyagaragaye ni uko abayobozi mirongo itatu na bane (34) kuri mirongo ine n'umunani (48) bose bavuze ko Minisiteri bakoreramo zidafite amabwiriza ngengamikorere avugwa muri iri tegeko.

Mu Turere

- Abayobozi babiri (2) ku ijana na cumi n'umwe (111) babajijwe bapiganiwe amasoko ya Leta;
- Abayobozi batandatu (6) ku ijana na cumi n'umwe (111) babajijwe, bavuze ko bafite ibirarane by'imyenda batishyuye;
- Abayobozi makumyabiri na batanu (25) ku ijana na cumi n'umwe (111) babajijwe bari mu nama z'ubuyobozi bw'amashyirahamwe n'imiryango itegamiye kuri Leta;

- Abayobozi batandatu (6) ku ijana na cumi n'umwe (111) babajijwe bakurikiranwe n'inkiko, umwe muri bo niwe wahamwe n'icyaha;
- Abayobozi mirongo itandatu n'icyenda (69) ku ijana na cumi n'umwe (111) babajijwe bemeje ko uturere bayobora tutagira amabwiriza ngengamikorere;
- Abayobozi icyenda (9) ku ijana na cumi n'umwe (111) babajijwe bavuze ko bakora imirimo y'ubucuruzi, batatu (3) muri bo bakaba baragaragaje ko babucungirwa n'abandi.

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze bamwe mu bayobozi barebwa n'itegeko ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta baranyuranyaga na ryo kubera kutarimenya. Nyuma yo kuribakangurira, no gutinya ibihano riteganya, abayobozi benshi bemeye kwikosora ndetse bakemera no gukosora amakosa bakoze mu gihe hari abo ayo makosa yarenganije.
Ibibazo byose byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi bijyanye n'imyitwarire y'abayobozi byakorewe iperereza. Kuri bimwe, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze amakuru yatanzwe ari ukuri.

Hari abayobozi bamwe bagaragaweho imyitwarire mibi, yatumye basabirwa ibihano mu nzego zibakuriye, birimo kugawa no kwihanangirizwa. Bimwe muri ibyo bihano byashyizwe mu bikorwa; Urwego ruracyakurikirana ko ibindi bishyirwa mu bikorwa.
Hari abayobozi bandi bagaragaweho imyitwarire itari myiza, ariko itageze ku rwego rwatuma basabirwa ibihano, abo baraganirizwaga bakerekwa aho bakwiye gukosora.

Ikibazo kigaragaramo akarengane umuyobozi yagiriye umuturage kibanza gukemurwa umuturage akarenganurwa; byarangira hakerekanwa imyitwarire y'umuyobozi muri icyo kibazo ndetse n'ahandi hatagaragajwe n'umuturage.

Icyionderwa: Muri iki gice cya raporo, Umuyobobozi Mukuru ni uvugwa mu ngingo ya 3, agace ka 3 k'Itegeko Ngenga n° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta, ni ukuvuga kuva ku bafite intera y'Umuyobozi Mukuru kugeza ku ba Minisitiri, harimo n'abadepite n'abasenateri, ndetse n'abacamanza bari muri urwo rwego. Ntabwo rero bivuga abayobozi bafite imyanya iri ku ntera y'Umuyobozi Mukuru gusa.

## 5. UBURYO BWAKORESHEJWE MU GUSHYIRA MU BIKORWA INSHINGANO Z'URWEGO RW'UMUVUNYI

### 5.1. Imibanire y'Urwego rw'Umuvunyi n'izindi nzego

Mu rwego rwo guteza imbere ubufatanye n'imibanire myiza n'inzego zo mu bindi bihugu, Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bitabiriye inama zitandukanye zabereye mu Burundi, Malawi, Austria, Senegal, Botswana, no mu Buholandi.



***Abadepite bo mu Budage basuye Urwego rw'Umuvunyi***

Bamwe mu bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi na bo boherejwe mu nama mpuzamahanga mu bihugu bya Kenya, Uganda, Namibia. Hari n'abitabiriye kandi amahugurwa ku buryo bwo gukora iperereza muri Swaziland, abandi bitabira amahugurwa ajyanye no kwiga gukemura amakimbirane muri Afrika y'Epfo.

## 5.2. Inama n'amahugurwa

Bamwe bu bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bitabiriye inama n'amahugurwa ku buryo bwo gukora iperereza, gukemura amakimbirane, imicungire y'abakozi, uburyo byo kwakira abantu no gutanga serivisi zinoze, ibijyanye n'imitangire y'amasoko, uburyo bw'imibanire n'itumanaho, ururimi rw'icyongereza n'ibindi.



***Abakozi n'Abavunyi mu Rwego rw'Umuvunyi bitabiriye amahugurwa ku buryo bwo gukora iperereza yabereye mu ishuri rikuru ryo kwigisha no guteza imbera amategeko rya Nyanza.***

Imbonerahamwe n° 20 iragaragaza zimwe mu nama n'amahugurwa byateguwe n'Imiryango n'Ibihugu bifitanye umubano n'Urwego rw'Umuvunyi byitabiriwe n'abakozi b'Urwego.

Urwego rwakiriye kandi abashyitsi batandukanye. Abo ni intumwa z'Urwego rw'Umuvunyi rwo mu Buholandi, Umuhuza (Umuvunyi) w'u Burundi, impuguke z'ishami rya *Loni rishinzwe kurwanya ruswa* (UNODC), intumwa z'abadepite bo mu Budage zari zigizwe n'abagize Komite y'uburenganzira bwa muntu ndetse n'ubufasha mu nteko nshingamategeko, intumwa z'abadepite bo mu Gihugu cya Kenya, Itsinda ryari rivuye mu Rukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda rukorera Arusha *(* ICTR) ndetse n'itsinda ry'abadepite bo muri Djibouti



***Abahorandi bakoreye urugendo shuri mu Rwanda baje kureba uko Urwego rw'Umuvunyi rukora muri gahunda yo kwakira ibibazo***

**Imbonerahamwe nº 21: Inama n'amahugurwa**

| Itariki | Igihugu | Urwego | Insanganyamatsiko | Ibyagezweho |
|---|---|---|---|---|
| 28/06-02/07/2010 | Austria (Vienna) | UNODC | Inama ya mbere y'abarebwa no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa. | - Harebwe aho gusubiza ibibazo byabajijwe bigeze. Abahagarariye ibihugu bagaragaje uko igikorwa kigenda n'ingorane zavutse.<br>- U Rwanda rwahuye n'impuguke zizasuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa zo muri Senegal na Liban. |
| 2-3/09/2010 | Austria (Vienna) | UNODC | Uburyo bushya bwo kurwanya ruswa. | - Hemejwe ko ubufatanye hagati y'inzego za Leta, n'inzego zigenga n'inzego z'imiryango itari iya Leta ari ngombwa cyane murugamba rwo kurwanya ruswa.<br>- Abari mu nama batangije ishuri mpuzamahanga rya mbere ku byerekeye kurwanya ruswa (IACA). |
| 21-23/09/2010 | SENEGAL (Dakar) | UNODC | Amahugurwa y'imboni n'impuguke mu gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa. | - Gukoresha neza ikoranabuhanga mu gusubiza ibibazo byabajijwe mu gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa (UNCAC). |
| 24-27/11/2010 | Kenya (Nairobi) | EAAACA | Inama rusange ya kane y'ishyirahamwe ry'inzego zishinzwe kurwanya ruswa mu bihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (EAC). | - EAAACA yashyizeho uburyo bwo guhererekanya amakuru ku byaha bikorerwa mu bihugu bya EAC.<br>- Hemejwe amabwiriza agenga iperereza mu nzego zishinzwe kurwanya ruswa n'ubufatanye hagati y'izo nzego.<br>- Hemejwe ibirango bya EAAACA. |

| Itariki | Igihugu | Urwego | Insanganyamatsiko | Ibyagezweho |
|---|---|---|---|---|
| 29/11-01/12/2010 | Austria (Vienna) | UNODC | Gukomeza inama ya mbere yahuje abarebwa no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa. | - Harebwe imbogamizi zabujije bimwe mu bihugu gusubiza ibibazo byabajijwe mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa. |
| 13-14/01/2011 | Malawi (Lilongwe) | AFDB / OECD | -Kungurana ibitekerezo ku buryo bwatangijwe na AFDB / OECD ku byerekeye ubunyangamugayo mu mirimo itandukanye no kurugamba rwo kurwanya ruswa muri Afurika.<br>-Gusuzuma no kwemeza raporo y'ubushakashatsi bwakozwe na AFDB / OECD mu bihugu 20 byo muri Afurika (u Rwanda ruri muri ibyo bihugu) ku ntambwe bimaze gutera mu gukumira no kurwanya ruswa. | - Hemejwe gahunda y'ibikorwa mu kurwanya ruswa mu bakozi ba Leta ( baba ab'imbere mu gihugu nababa mu bihugu by'amahanga) no mu gushimangira ubunyangamugayo mu bikorwa.<br>- Abari mu nama bemeje ko raporo y'ubushakashatsi yakozwe na AFDB / OECD mu bihugu 20 inozwa n'ubunyamabanga bw'inama, hinjizwamo amakuru yatanzwe na buri gihugu kuntambwe y'ukuri kimaze gutera. |
| 21-25/03/2011 | Burundi (Bujumbura) | EAAACA | Guhuza ibyavuye mu iperereza ku kunyereza umusoro wa Leta ku bucuruzi bw'impu ryakozwe mu bihugu bigize EAC. | - Ubucuruzi bw'impu ni igikorwa cyinjiza amafaranga menshi mu bihugu bya EAC ariko ibigo bikora ubwo bucuruzi bishobora kubikora mu buryo inyerezwa ry'imisoro ryoroshye. Iperereza rizafasha mu gukumira inyerezwa ry'imisoro. |
| 13/03-02/04/2011 | Afurika y'Epfo (Pretoria) | Dean International Training and Development | Uburyo butandukanye bwo gukemura amakimbirane no gutanga ibisubizo binoze by'ibibazo. | - Kumenya uburyo bwo gukemura amakimbirane buzafasha kubonera ibibazo by'abaturage ibisubizo binoze, bityo amakimbirane akagabanuka. |

| Itariki | Igihugu | Urwego | Insanganyamatsiko | Ibyagezweho |
|---|---|---|---|---|
| 13-15/04/2011 | Uganda (Kampala) | Institute of Internal Auditors/ Uganda | Kongera ubumenyi mu gukora ubugenzuzi bw'inzego | - Kunoza uburyo bwo gukora igenzura no gukora raporo z'igenzura. |
| 2-8/05/2011 | Kenya (Mombasa) | Kenya Anti-Corruption Commission | -Kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa.<br>-Kureba aho ibihugu byasinye ayo masezerano bigeze, buri gihugu kigaragaza aho kigeze | - Urwego rw'Umuvunyi rushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano kuko u Rwanda rwayashyizeho umukono.<br>- Gufatira amasomo ku bindi bihugu bimaze gutera intambwe mu kurwanya ruswa.<br>- Kwisuzuma no gushyiraho ingamba nshya hifashishijwe amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa. |
| 16-19/05/2011 | Namibia/ Windhoek | Ombudsman Namibia | Amahugurwa ku buryo buboneye bwo gukora iperereza ry'ibyaha bya ruswa(Systemic investigation). | - Kunoza uburyo bwo gukora iperereza ku byaha bya ruswa hifashishijwe igenamigambi ribanziriza buri gikorwa cy'iperereza. |
| 22-27/05/2011 | Botswana Gaborone | Commonwealth | -Guhana amakuru ku bimaze gukorwa mu kurwanya ruswa mu bihugu by'Afurika biri mu muryango wa Commonwealth.<br>-Gushimangira ubufatanye hagati y'inzego z'ibihugu by'Afurika ziri muri uwo muryango zishinzwe kurwanya ruswa. | - Hashyizweho ishyirahamwe rihuza inzego zishinzwe kurwanya ruswa mu bihugu by'Afurika biri mu muryango wa commonwealth.<br>- Hemejwe ko ibyo bihugu byba intangarugero mu kurwanya ruswa muri Afurika. |
| 24-28/05/2011 | Burundi (Bujumbura) | EAAACA | Gutegura inama y'inzego z'Afurika zishinzwe kurwanya ruswa. | - Gahunda y'inama n'ibikenerwa mu migendekere y'inama byarateguwe kandi bisabirwa inkunga muri Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (ADB). |

| Itariki | Igihugu | Urwego | Insanganyamatsiko | Ibyagezweho |
|---|---|---|---|---|
| 30/05-03/06/2011 | Austria (Vienna) | UNODC | Inama ya kabiri yo gusuzuma aho gushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa bigeze. | - Abahagarariye u Rwanda bakurikiye aho imirimo yo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa igeze .<br>- Banaganiriye n'impuguke za UNODC, iza Liban n'iza Senegal ku isurwa ry'u Rwanda harebwa uko rushyira mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa. |
| 18-22/06/2011 | Burundi (Bujumbura) | EAAACA | Inama yo gushyiraho ishyirahamwe ry'inzego z'ibihugu by'Afurika zishinzwe kurwanya ruswa. | - Hakozwe imyanzuro, ishyirwaho umukono n'inzego 31 zitabiriye inama kandi hashyirwaho akanama gashinzwe gutegura amategeko azagenderwaho mu mikorere y'Ishyirahamwe ry'inzego z'ibihugu by'Afurika zishinzwe kurwanya ruswa. |

**Imbonerahamwe nº 22: Abashyitsi basuye Urwego rw'Umuvunyi**

| Itariki | Igihugu | Urwego | Insanganyamatsiko | Ibyagezweho |
|---|---|---|---|---|
| 06-10/03/ 2011 | Ubuholandi | Urwego rw'Umuvunyi | Gushyiraho ubufatanye hagati y'inzego zombi ndetse no kureba aho u Rwanda rugeze mu kurwanya ruswa n'akarengane. | Hasinywe amasezerano y'ubufatanye hagati y'inzego zombi. |
| 25/03/2011 | Tanzania | Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda i Arusha ( ICTR) | Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda i Arusha rugiye kwimurirwa mu Rwanda. Intumwa z'urwo rukiko zari zaje mu rugendoshuri mu Rwanda kugira ngo zirebe inzego zifite aho zihurira n'ubutabera uko zikora. | Bagiranye ibiganiro n'Umuvunyi Mukuru ndetse Urwego rw'Umuvunyi rutanga ibyifuzo ku byanozwa mu kwimura urwo rukiko. |
| 13/05/2011 | Kenya | Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite | Kenya irashaka guhindura itegeko nshinga. Abadepite bo muri Kenya bari baje kwigira ku Rwanda ku bijyanye n'amategeko ndetse n'uburyo inzego zimwe na zimwe zikora. | Izo ntumwa zashimye Urwego rw'Umuvunyi. Izo ntumwa zasanze hari ibyo igihugu cya Kenya cyakwigira k'Urwego rw'Umuvunyi. |
| 03/05/2011 | Ubudage | Abadepite | Kureba aho u Rwanda rugeze rwubaka igihugu kigendera ku mategeko. | Intumwa z'abadepite zo mu Gihugu cy'Ubudage zasanze Urwego rw'Umuvunyi rumaze kugera kure mu rugamba rwo kurwanya ruswa n'akarengane. |
| 11-14/03/2011 | Australia | UNODC | Kugenzura amategeko ajyanye no kurwanya ruswa. | - |
| 10- 13/07/2011 | Burundi | Urwego rw'Umuvunyi | Kwigira ku Rwanda ku byo rumaze kugera ho mu kurwanya ruswa n'akarengane. | Bigiye byinshi ku Rwego rw'Umuvunyi kandi bifuje ko hasinywa amasezerano y'ubufatanye hagati y'inzego zombi. |

### 5.3. Ingengo y'imari n'ibikoresho

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano zarwo, Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje ingengo y'imari rugenerwa na Leta yunganiwe n'inkunga ya UNDP.

Mu rwego rwo kongera ubumenyi, haguzwe ibitabo 176 binyuranye birimo ibivuga ku ndimi z'amahanga, ku mateka n'umuco by'u Rwanda, ku mategeko n'ibindi. Hari kandi n'ibindi 33 twabonye ku buryo bw'impano bivuye mu bigo bitandukanye. Ibyo bitabo byose bikaba byifashishwa n'abayobozi n'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi mu kazi kabo ka buri munsi. Abandi bifashisha ibyo bitabo ni abakozi b'ibigo bitandukanye, abanyeshuri bo muri za kaminuza n'abashakashatsi bagana isomero ry'Urwego rw'Umuvunyi.

Uretse ibitabo byaguzwe cyangwa byakiriwe ku buryo bw'impano, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye imfashanyigisho „dépliants“ :

- Kurwanya akarengane na ruswa ni inshingano ya buri wese;
- Bimwe mu bikubiye mu Itegeko Ngenga N° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta / Information on Organic Law N°61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct.

Izo mfashanyigisho zifashishwa n'abakozi mu gihe bahugura abaturage ku mategeko anyuranye.

Urwego rw'Umuvunyi rwasohoye ikinyamakuru UMUVUNYI MAGAZINE N° 16, N°17, N°18, N° idasanzwe na N°19 mu rwego rwo gukangurira abaturage kwanga no kwamagana akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, bikaba byaratanzwe mu Gihugu hose.
Urwego rw'Umuvunyi rwashakiye abakozi barwo ibikoresho binyuranye byo mu biro bibafasha kurangiza imirimo yabo ya buri munsi.

Mu kumenyekanisha ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi mu baturarwanda, hakoreshwejwe ibiganiro ku maradiyo anyuranye akorera mu Gihugu, Televiziyo y'u Rwanda, n'inyandiko mu binyamakuru. Hifashishijwe kandi urubuga rwa Internet mu kumenyekanisha ibyo bikorwa mu Gihugu no hanze yacyo.

**Imbonerahamwe n°20: Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2010-2011**

| Imirongo y'Ingengo y'Imari | Ingengo y'imari 2010-2011 | Amafaranga yakoreshejwe | Amafaranga yasigaye kuri konti 120.14.05 | Amafaranga yasigaye ku ngengo y'imari |
|---|---|---|---|---|
| Amafaranga yo kugura ibikoresho biramba | 125,520,000 | 121,249,066 | 2,870,934 | 1,400,000 |
| Amafaranga y'umushahara kuri ba mandateri | 89,813,588 | 86,712,269 | - | 3,101,319 |
| Amafaranga y'umushahara ku bakozi | 854,044,107 | 818,267,354 | - | 35,776,753 |
| Amafaranga y'ibikoresho bitaramba | 56,948,000 | 56,374,711 | 573,289 | 0 |
| Amafaranga y'amazi n'umuriro | 23,100,033 | 11,712,212 | 2,387,821 | 9,000,000 |
| Amafaranga y'imiti | 291,000 | 105,000 | 186,000 | 0 |
| Amafaranga y'ibikoresho byo gusana ibyangiritse | 25,181,280 | 20,549,064 | 3,032,216 | 1,600,000 |
| Amafaranga yo gutunganya no gusana inyubako dukoreramo | 95,230,381 | 62,982,760 | 31,575,872 | 671,749 |
| Amafaranga y'ubutumwa n'ay'ingendo mu gihugu no hanze yacyo | 408,538,396 | 362,864,133 | 15,685,496 | 29,988,767 |
| Amafaranga y'ibitabo n'ibinyamakuru | 44,133,208 | 26,803,904 | 16,329,304 | 1,000,000 |
| Amafaranga y'inama no kwakira abantu | 111,632,452 | 101,695,053 | 9,937,399 | 0 |
| Amafaranga y'itumanaho | 50,470,000 | 31,390,216 | 9,019,544 | 10,060,240 |
| Amafaranga y'impugukirwe | 48,700,000 | 24,827,030 | 5,422,484 | 18,450,486 |
| Amafaranga y'ubwishingizi ku bikoresho | 1,000,000 | - | 1,000,000 | 0 |
| Amafaranga y'amahugurwa | 69,635,000 | 42,867,180 | 9,767,820 | 17,000,000 |
| Amafaranga y'iperereza | 5,000,000 | 3,698,400 | 1,301,600 | 0 |
| Amafaranga akurwa kuri za service zatazwe n'aya siporo. | 11, 390,000 | 4, 490,000 | 510,000 | 6, 390,000 |
| Amafaranga y'ibihembo | 13, 500,000 | 13, 476,475 | 23,525 | 0 |
| Imisanzu mu miryango itandukanye | 7, 500,000 | 3, 773,471 | 726,529 | 3, 000,000 |
| **IGITERANYO** | **2,041,627,445** | **1,793,838,298** | **110,349,833** | **137,439,314** |

**Icyitonderwa :** Amafaranga **110,349,833** yasigaye kuri konti 120.14.05 Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi yarayisubije.

**Imbonerahamwe n°21: Ikoreshwa ry'amafaranga y'abaterankunga (UNDP/DFID)**

| Amafaranga yasigaye kuri konti Kamena 2010 | Amafaranga yageze kuri konti 120.29.73 iterwa inkunga na UNDP/DFID kuva Nyakanga 2010 kugeza Kamena 2011 | Amafaranga yakoreshejwe avuye kuri konti 120.29.73 iterwa inkunga na UNDP/DFID kuva Nyakanga 2010 kugeza Kamena 2011 | Amafaranga yasigaye kuri konti Kamena 2011 |
|---|---|---|---|
| 3, 146,852 | 248, 371,122 | 244, 660,356 | 3, 710,766 |

## 6. INGORANE N'IBYIFUZO

### 6.1.Gukumira no kurwanya akarengane

Hari ibibazo bitinda gukemurwa; ibyo ni nk'ibibazo bifite umwihariko harimo cyane cyane ibibazo bihuriweho n'abantu benshi kandi bisaba ko inzego zishinzwe kubikemura zibanza kubyigana ubushishozi. Hari kandi n'ibibazo Urwego rw'Umuvunyi rufatira ibyemezo ariko inzego bireba zigatinda kubishyira mu bikorwa. Muri icyo gihe, Urwego rw'Umuvunyi rusaba urwego rukuriye izo nzego kuzifatira ibihano.

### 6.2. Gukumira no kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo

Mu rwego rwo kunoza imikorere y'ibigo bya Leta, ibyo bigo bikwiye kongera imbaraga mu iyubahiriza ry'amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko, imicungire y'ibikoresho no kongera umubare n'ubushobozi by'abakozi.

### 6.3. Kumenyekanisha umutungo

Zimwe mu nzego za Leta zagiye zihindura e-mail z'abakozi barebwa n'igikorwa cy'imenyekanishamutungo cyangwa bakazohereza zanditse nabi, ibyo bigatuma abo bakozi batabona ubutumire (invitation) butuma babasha gukora imenyekanishamutungo.

Urwego rw'Umuvunyi rurasaba ko Abayobozi n'abakozi ba Leta barushaho gukoresha ikoranabuhanga mu mirimo yabo ya buri munsi kuko byagaragaye ko abenshi batabyitabira.

### 6.4. Kugenzura imyitwarire y'abayobozi

Hari abayobozi bamwe bavuga ko Urwego rw'Umuvunyi rubinjirira mu buzima bwite. Indi mbogamizi yaturutse ku kuba ishami rishinzwe imyitwarire y'abayobozi ryari rikiyubaka kandi n'abakozi baryo bose ari bashya. Urwego rw'Umuvunyi ruhura n'ingorane mu kutabona amakuru ku myitwarire imwe n'imwe y'abayobozi, n'amakuru abonetse n'ubwo yaba adashidikanywaho ku kuri kw'ibyabaye ntabe ahagije yonyine kugira ngo hafatwe ibyemezo. Urugero rw'imwe muri iyi myitwarire ni ubusambanyi.

## UMWANZURO

Urwego rw'Umuvunyi rwageze ku bikorwa bitandukanye muri gahunda yo gushyira mu bikorwa inshingano rwahawe nk'uko bigaragara muri raporo ya 2010-2011. Urwego rwagize uruhare mu gukemura ibibazo by'akarengane rwashyikirijwe mu nyandiko kandi imyanzuro yatanzwe yari ishimishije ku mpande zose kuko abatanze ibibazo basubijwe uburenganzira bwabo n'ababigizemo uruhare nabo barakebuwe bituma bisubiraho mu kubahiriza inshingano zabo. Urwego rwashyizeho gahunda yo kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage mu turere twabo aho batuye. Iyo gahunda yorohereje abaturage kandi n'ibibazo byakemuwe ku buryo bwihuse, abaturage n'abayobozi babigizemo uruhare. Ubwo ni uburyo bwo guteza imbere imiyoborere myiza ishingiye ku ruhare rw'umuturage.

Urwego rw'Umuvunyi rwakurikiranye ibibazo bya ruswa rwashyikirijwe n'abaturage cyangwa rushingiye ku makuru rwamenye. Urwego kandi rwakoze igenzura ry'ibigo na gahunda za Leta. Imyanzuro yafashwe yatumye hari abakekwaho icyaha cya ruswa bashyikirijwe inzego z'ubutabera kugira ngo bakurikiranwe. Hatanzwe inama zo kunoza imikorere y'ibigo no gucunga neza umutungo wabyo hitabwa ku nyungu rusange no kubahiriza amategeko n'amabwiriza. Akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo bigomba kurandurwa mu nzego zose kugira ngo politiki y'imiyoborere myiza ishinge imizi.

Imyitwarire myiza y'abayobozi ni ngombwa kugira ngo ibigo n'inzego bakoramo bigere ku musaruro ushimishije. Itgeko rigenga imyitwarire y'abayobozi ryerekana ibyo bagomba kubahiriza n'ibyo bagomba kwirinda. Urwego rw'Umuvunyi rwagenzuye imyitwarire y'abayobozi hashingiwe ku bikubiye mu itegeko, rukaba rwarasanze hari abanyuranya naryo mu mikorere yabo, bakaba baragiriwe inama zo kurikurikiza, bikazabafasha kwita ku nshingano zabo no kugeza ibigo cyangwa inzego ku ntego byahawe.

Urwego rw'Umuvunyi rwashyizeho uburyo bwihuse bwo kumenyekanisha umutungo hakoreshejwe ikoranabuhanga. Ubwo buryo bwatumye abarebwa n'icyo gikorwa bagikora bitabagoye kandi bitabangamiye n'indi mirimo bashinzwe.

Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza buri wese kwita ku nshingano yo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo kugira ngo politiki y'imiyoborere myiza igerweho mu nyungu rusange. Ibyo bikaba bisaba ubufatanye bw'abaturage n'abayobozi babo. Inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga zigomba guharanira kugera ku nshingano zazo zikarangwa n'imikorere inogeye abazigana, bityo zigashimangira uruhare rwazo mu guteza imbere Igihugu.